

**REPUBULIKA Y’U RWANDA**



**IKIGO CY’IGIHUGU GISHINZWE IBARURISHAMIBARE MU RWANDA**

**IBARURA KU MIBEREHO RUSANGE Y’INGO**

**(Harimo n’uburyo umutungo ukoreshwa)**

**EICV4  
2013-2014**

***IGITABO CY’AMABWIRIZA Y’UMUKARANI W’IBARURA***

***NZERI 2013***

## IBIRIMO

<b>I. INGINGO RUSANGE.....</b>	<b>5</b>
1.1. Uko biteye mu gihugu .....	5
1.2. Intego za E.I.C.V .....	5
1.3. icyo ibizava mu bushakashatsi bizakoreshwa .....	6
1.4. Uburyo ibarura ryateguwe.....	6
1.5. Abazakora imirimo y'ibarura.....	7
1.6. Kumenyekanisha imirimo y'ibarura .....	7
1.7. Gushyira nimeru ku mazu no ku ngo cyangwa gushakisha ingo zakorewemo EICV3.....	8
1.8. Gufata gahunda y'ibiganiro mu ngo zizabazwa .....	8
<b>II. AMABWIRIZA RUSANGE.....</b>	<b>8</b>
2.1. Uko umukarani w'ibarura agomba kwitwara .....	8
2.2. Ibanga ry'ibikubiye mu biganiro mu ngo .....	9
2.3. Umurimo w'umukarani w'ibarura.....	9
2.2. Imikoranire y'umukarani w'ibarura n'umugenzuzi we .....	13
2.3. Amabwiriza rusange ku buryo intonde z'ibibazwa zuzuzwa .....	14
<b>III. IBISOBANURO KU BURYO INTONDE Z'IBIBAZWA ZUZUZWA.....</b>	<b>18</b>
<b>URUTONDE RW'IBIBAZWA: IGICE A.....</b>	<b>20</b>
<b>IGIKA CYA 0: RAPORO Y'IBYAKOZWE, IGENZURA N'UMWIRONDORO W'URUGO</b>	<b>20</b>
<b>IGIKA CYA 1. IMITERERE Y'ABABA MU RUGO .....</b>	<b>24</b>
<b>IGIKA CYA II: KWIMUKA .....</b>	<b>29</b>
<b>IGIKA CYA III: UBUZIMA .....</b>	<b>30</b>
<b>IGIKA CYA IV: UBUREZI .....</b>	<b>31</b>
IGICE A: UBUREZI RUSANGE .....	31
IGICE B: KWIGA IMYUGA ATARI MU ISHURI, KUMENYA GUSOMA NO KWANDIKA .....	34
<b>IGIKA CYA V: IMITURIRE .....</b>	<b>36</b>
IGICE A: IBYEREKEYE INZU BABAMO N'UBURYO BAYIBAMO .....	37
IGICE B: AMAFARANGA ATANGWA KU NZU/ICUMBI .....	38

IGICE C: ISUKU N'ISUKURA MU NGO NO KURENGERA IBIDUKIKIJE .....	39
IGICE D: IBIRANGA INZU URUGO RUTUYEMO .....	41
IGICE E: KWEGERA, KUNYURWA N'IMIKORESHEREZE Y'IBIKORWAREMEZO .....	41
<b>IGIKA CYA VI: IMIRIMO N'IGIHE IKORERWA .....</b>	<b>42</b>
IGICE 6A: IMIRIMO YOSE YAKOZWE MU MEZI 12 ABANZIRIZA IBARURA .....	42
IGICE 6 B: IMIRIMO N'IGIHE IKORERWA .....	43
IGICE 6 C: IMIRIMO IHEMBERWA/IMIRIMO Y'UMUSHAHARA .....	47
IGICE 6 D: IMIRIMO IBYARA INYUNGU ITARI IY'UBUHINZI-BWOROZI .....	48
IGICE 6E: IBIBAZO KU BASHOMERI, ABAKORA IMIRIMO IRI MUNSI Y'UBUSHOBOZI BWABO ..	51
IGICE 6F: IMIRIMO YO MU RUGO, INDI MIRIMO YOSE ISIGAYE .....	53
<b>URUTONDE RW'IBIBAZWA: IGICE B .....</b>	<b>55</b>
<b>IGIKA 0: RAPORO Y'IBARURA N'ISUBIRAMO NA RAPORO Y'IGENZURA .....</b>	<b>55</b>
<b>IGIKA CYA VII: UBUHINZI-BWOROZI .....</b>	<b>57</b>
IGICE A1: UBWOROZI MURI RUSANGE .....	57
IGICE A2: GAHUNDA YA GIRA INKA MUNYARWANDA, AMATUNGO N'INZURI .....	58
IGICE A3: KUGURISHA UMUSARURO UVA MU BWOROZI .....	59
IGICE A4: UBWOROZI – AMAFARANGA YATANZWE KU MIRIMO Y'UBWOROZI .....	59
IGICE B1: UBUHINZI – AMASAMBU/UBUTAKA .....	60
IGICE B2: UBUHINZI – IBIKORESHO BY'UBUHINZI .....	61
IGICE C: UBUHINZI – IBYEREKEYE IMIRIMA IHINGWA N'IMPINDUKA MURI POLITIKI Y'UBUHINZI .....	61
IGICE D: UBUHINZI-UMUSARURO N'IMIKORESHEREZE Y'IBIHINGWA BISARURIRWA RIMWE (ICYARIMWE) .....	63
IGICE E: UBUHINZI – UMUSARURO W'IBIHINGWA BISARURWA BUHORO BUHORO .....	64
IGICE F: ANDI MAFARANGA AVA MU BUHINZI, UBWOROZI N'AMASHYAMBA .....	65
IGICE G: IKIGUZI N'AMAFARANGA ATANGWA KU MIRIMO Y'UBUHINZI .....	65
IGICE H: GUHINDURA UMUSARURO WO MU BUHINZI - BWOROZI .....	66
<b>IGIKA CYA VIII: AMAFARANGA YAGUZWE IBINTU URUGO RWAKORESHEJE N'IBIKOMOKA KU BUHINZI N'UBWOROZI BYAKORESHEJWE .....</b>	<b>67</b>
IGICE A. AMAFARANGA YATANZWE KU BINTU BITARI IBIRIBWA .....	67
IGICE B: AMAFARANGA YATANZWE KU BIRIBWA .....	69

IGICE C: IBYAKORESHEJWE MU RUGO BIVUYE KU MUSARURO WARWO.....	70
---	----

**IGIKA CYA IX: IBYOHEREZWA AHANDI, IBYOHEREREZWA URUGO, ANDI  
MAFARANGA YATANZWE NA GAHUNDA YA VUP .....72**

IGICE A: IBYO URUGO RWOHEREJE .....	72
-------------------------------------	----

IGICE B: IBYO URUGO RWOHEREREJWE .....	74
--	----

GICE C: Gahunda ya VUP, UBUDEHE , RSSP .....	75
--	----

IGICE D: IBINDI BIZANA AMAFARANGA .....	78
---	----

IGICE E: AMAFARANGA YATANZWE KU BINDI BINTU .....	79
---	----

**IGIKA CYA X: INGUZANYO, IBIKORESHO BIRAMBA NO KUZIGAMA.....80**

IGICE A: INGUZANYO.....	80
-------------------------	----

IGICE B: IBIKORESHO BIRAMBA .....	81
-----------------------------------	----

IGICE C: KUBITSA NO KUZIGAMA .....	82
------------------------------------	----

<b>UMWANZURO .....</b>	<b>82</b>
------------------------	-----------

<b>IMIGEREKA .....</b>	<b>84</b>
------------------------	-----------

## **I. INGINGO RUSANGE**

### **1.1. Uko biteye mu gihugu**

Ku nshuro ya kane, u Rwanda rugiyeye gukora ibarura ku mibereho y'ingo n'ubukungu bwazo (EICV4) hagamijwe gukurikirana gahunda z'iterambere rirambye (EDPRS) n'intego z'ikinyagihumbi (MDGs) no kunononsora ingamba zafashwe kugirango ingo zigere ku iterambere rihamye kandi rirambye. Muri Gahunda y'Imbaturabukungu no Guhashya Ubukene (EDPRS1), hari politiki n'imishinga y'iterambere binyuranye byafashije abaturage kwivana mu bukene no kongera ubukungu: twavugaga nka RSSP, Vision 2020 Umurenge (VUP), UBUDEHE, Gahunda ya GIRINKA munyarwanda (ONE COW PER ONE POOR FAMILY), Gahunda yo kuvugurura ubuhinzi (GREEN REVOLUTION), Gahunda yo guhuza ubutaka, Gahunda y'iterambere ry'Uturengetse (DDP) n'ibindi.

Mu rwego rwo gukomeza kunoza gahunda z'iterambere no gukurikirana ingamba zafashwe mu by'ubukungu no guhashya ubukene, Leta yahaye Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) inshingano yo gukora ibarura rigamije kurushaho kumenya uko imibereho y'abaturage n'ubukungu byifashe mu gihugu. Hari abashobora gutekereza ko Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ari ryo ryagaragaza isura nyayo y'imibereho y'ingo kubera ko rigera mu ngo zose, ariko tuzi ko ibarura rusange ari igikorwa kiremeye kandi gisaba amikoro menshi ku buryo ibabazwa byose mu ngo mu gihe cy'amezi 12 bitashoboka hakozwe ibarura rusange. Ni yo mpamvu hatoranywa ingo zihagarariye izindi zose mu gapande k'ibarura cyangwa mu mudugudu, zikabazwa birambuye ibijyanye n'imibereho yazo ku buryo ibizava muri ubu bushakashatsi bizagaragaza ishusho ry'imibereho y'abaturage.

Hakurikijwe ko iyo mibare ikenewe cyane mu rwego rwo gusuzuma ibyagezweho no gufata ingamba nshya, ibarura ryari risanzwe rikorwa buri myaka 5, rizajya rikorwa buri myaka 3 uhereye ubu.

### **1.2. Intego za E.I.C.V**

Ibarura rya kane ku Mibereho Rusange y'Ingo harimo n'uburyo umutungo ukoreshwa (EICV4), ndetse no gukurikirana imibereho y'ingo zimwe na zimwe zakorewemo ibarura rya 3, ririmo ibice bitatu:

- Rizakorerwa mu ngo nshya zizaba zatoranijwe;
- Mu ngo zimwe na zimwe muzakorewemo muri EICV3;
- Muri zimwe mu ngo zifashwa na VUP.

Muri rusange twavugaga ko rigamije ibi bikurikira:

1. Kugaragaza ibimenyetso byerekana imibereho y'abaturage n'ubukungu mu ngo no kwerekana imihindagurikire y'imibereho y'abaturage n'ubukungu hagereranyijwe n'ibyagaragajwe n'ibarura rya EICV3 ryakozwe mu mwaka wa 2010/2011;
2. Gutanga imibare ifatika yashingirwaho mu gusuzuma ibyagezweho n'intego z'ikinyagihumbi (MDGs);
3. Gutanga imibare ifatika yashingirwaho mu kugena politiki zigenderwaho mu mibereho no mu bukungu cyane cyane muri gahunda za EDPRS2;
4. Kumenya ibyiciro by'abaturage izo politiki zaba zireba kugira ngo Leta n'abafatanyabikorwa babashe guhitamo ahakenewe imbaraga byihutirwa;

5. Gusuzuma ibyagezweho mu mibereho rusange y'ingo hakurikijwe politiki z'ubukungu n'imishinga ikorwa mu nzego zitandukanye z'ubukungu n'imibereho myiza;
6. Gutanga imibare yafasha gukora ubushakashatsi bwihariye ku bukene, ku miturire, ku mirire n'ibindi.
7. Gusesengura neza ikigereranyo cy'uko imibereho y'ingo yahindutse hifashishijwe imiterere y'ingo zakorewemo ibarura rya 3 (EICV3) n'irya 4 (EICV4) "PANEL".

### 1.3. Icyo ibizava mu bushakashatsi bizakoreshwa

EICV4 ikubiyemo ibice byinshi kuko ikora ku nzego nyinshi zijyanye n'imibereho y'abaturage n'ubukungu. Ubu bushakashatsi buzafasha gukurikirana imihindagurikire y'ibicio ku masoko (CPI: Consumer Price Index) no gutanga imibare ituma hamenyekana ikigereranyo cy'ubukungu bw'igihugu (GDP: Gros Domestic Product). Buzanagaragaza ibipimo fatizo n'ibisobanuro by'ingenzi ku mibereho y'ingo kugira ngo bigeze ku babikoresha banyuranye nk'inzego z'igenamigambi za Leta y'u Rwanda, abayitera inkunga mu iterambere, ibigo by'ubushakashatsi mu by'ubukungu n'imibereho y'abaturage, n'ibindi.

Ibisubizo bizatangwa bikubiye mu ngingo zikurikira:

1. Imiterere rusange y'abaturage;
2. Kwimuka;
3. Ubuzima muri rusange;
4. Uburezi muri rusange no kumenya gusoma no kwandika;
5. Imiturire;
6. Imirimo n'igihe ikorerwa;
7. Imirimo y'ubuhinzi n'ubworozi n'umusaruro;
8. Amafaranga akoreshwa, ibyakoreshejwe n'urugo (byaba ibyaguzwe cyangwa ibyo urugo rwasaruye);
9. Kwohererezanya ibintu na gahunda ya VUP (Vision 2020 Umurenge Programm);
10. Umutungo, inguzanyo no kuzigama.

### 1.4. Uburyo ibarura ryateguwe

Gutoranya ingo zizabazwa byakozwe ku nzego ebyiri: ku rwego rwa mbere hatoranyijwe udupande tw'ibarura muri buri Karere (50 muri buri Karere k'Umujyi wa Kigali na 40 muri buri Karere k'icyaro) bishingiye ku mubare w'ingo zituye mu gapande k'ibarura. Naho ku rwego rwa kabiri, hatoranyijwe ingo zikenewe kubazwa mu ngo zose zituye agapande k'ibarura.

Umubare watoranyijwe kuri buri rwego ni uyu ukurikira:

- ku rwego rwa mbere, hatoranyijwe udupande tw'ibarura  $1230 (50 \times 3) + (40 \times 27)$ .
- ku rwego rwa kabiri, hatoranyijwe ingo 9 muri buri gapande k'ibarura mu Mujyi wa Kigali, na 12 muri gapande k'ibarura mu zindi Ntara, bihanywe n'ingo 14310 mu gihugu cyose.

Kwemeza umubare w'udupande tw'ibarura tuzakorerwamo EICV4 byatewe n'ibi bikurikira:

- gushaka ko imibare izava mu bushakashatsi yagaragaza ishusho y'imibereho y'ingo ku rwego rw'Akarere;

- ibibazo by'amikoro: amafaranga ateganyijwe n'ubushobozi bwo kugenzura imirimo y'ubushakashatsi.

Kugira ngo imibare izava muri iri barura izabe ari myiza kandi iboneke ku buryo bwihuse, hateganyijwe ibi bikurikira:

- intonde z'ibibazwa ziteguye ku buryo ibirango by'ibisubizo byuzuzwa n'umukarani w'ibarura mu gihe aganira n'ubazwa;
- igenzura ryimbitse rizakorwa n'ukuriye ikipe y'abakora ibarura mu Karere. Hateganyijwe kandi igenzura rizakorwa ku rwego rw'Uturere dukomatanyijwe n'ubugenzuzi buhanitse ku rwego rw'igihugu buzakorwa n'intumwa za NISR.
- ikoranabuhanga riteganywa ko mudasobwa (ordinateur/computer) izahita igaragaza ibisubizo bidahwitse byinjijwe. Bityo, intonde zagaragayemo amakosa zigasubizwa umukarani w'ibarura wazujije akazikosora atarava mu mudugudu akoreramo.

Ubushakashatsi EICV4 buzakoresha **urutonde rw'ibibazwa mu ngo** rugizwe n'ibibazo bizuzuzwa n'umukarani w'ibarura muri buri rugo azasura inshuro ziri hagati ya 8 (mu cyaro) na 11 (mu mujyi).

### 1.5. Abazakora imirimo y'ibarura

Ibarura EICV4 rizakorwa n'abakozi banyuranye mu byiciro bikurikira:

- Abakarani b'ibarura;
- Umugenzuzi w'ikipe muri buri Karere;
- Abagenzuzi ba "Mobile teams" (Panel na VUP);
- Abagenzuzi ku rwego rw'Intara;
- Abahuzabikorwa ku rwego rw'Igihugu;
- Ubuyobozi bw'Ikigo

Buri kipe ikazaba ifite umushoferi uyitwara.

### 1.6. Kumenyekanisha imirimo y'ibarura

Mbere yo kujya mu mudugudu uzakorerwamo ibarura, abakozi bagize ikipe ya EICV4 bazabanza kwimenyekanisha ku buyobozi bw'Akarere, Umurenge n'Akagari. Kuri buri rwego, bazerekana urwandiko rwandikiwe abayobozi banabasobanurire ikibagenza na gahunda y'imirimo y'ibarura. Nyuma yo kwimenyekanisha no kwemererwa gukora imirimo y'ibarura, abakozi b'ibarura bazerekeza mu mudugudu wa mbere bazakoreramo ibarura, babanze kwimenyekanisha ku mukuru w'umudugudu, bamwereke urwandiko rwandikiwe abayobozi rubasaba ubufatanye mu bikorwa by'ibarura.

Kugirango abayobozi n'abaturage b'umudugudu uzakorerwamo ibarura barusheho gusobanukirwa neza impamvu z'iki gikorwa mu Mudugudu wabo, abakozi b'ibarura bagomba kubasobanurira ko umudugudu wabo uri mu midugudu 1230 yatoranyijwe kuzakorerwamo ibarura ku mibereho rusange y'ingo mu Turere, mu Mirenge yose y'igihugu hakoreshejwe uburyo bwa tombora. Bazabasobanura kandi ko mu gapande k'ibarura katoranyijwe mu mudugudu wabo (niba ugizwe n'udupande twinshi), hazatoranywa ingo 12 (mu mujyi) cyangwa 16 (mu cyaro) na none hakoreshejwe tombora, ariko ko ibarura nyir'izina rizabaza ingo 9 (mu mujyi) cyangwa 12 (mu cyaro) gusa, iziyongeraho zikaba izisimbura iyo bibaye ngombwa.

### **1.7. Gushyira nimeru ku mazu no ku ngo cyangwa gushakisha ingo zakorewemo EICV3**

Nyuma yo gusobanurira abayobozi n'abaturage bo mu mudugudu ikibagenza n'uko gahunda y'ibarura iteye, abakarani b'ibarura basaba umuyobozi w'umudugudu kubufasha mu kumenya neza imbibi z'agapande k'ibarura katoranyijwe hifashishijwe ikarita y'ako gapande k'ibarura buri mukarani azaba yahawe n'ubuyobozi bwa EICV4. Hakurikiraho igikorwa cyo gushyira nimeru ku mazu no gutoranya ingo zizabazwa cyangwa se gushakisha ingo zakorewemo EICV3 hagakurikiraho ibiganiro mu ngo mu gihe cy'iminsi 33 mu mujyi n'iminsi 16 mu cyaro.

### **1.8. Gufata gahunda y'ibiganiro mu ngo zizabazwa**

Ni ngombwa gutegura urugo umunsi umwe mbere yo gutangira ibiganiro. Umukarani w'ibarura, aherekejwe n'umugenzuzi w'ikipe arimo, bashyikiriza nyiri urugo cyangwa umuhagarariye urwandiko rumumenyesha ko urugo rwe rwatoranyijwe gukorerwamo ibarura ku mibereho rusange y'ingo bakamwereka n'ibyangombwa bibaranga (ikarita y'akazi) niba abisabye. Ni ngombwa kandi kumusobanurira muri make icyo ibarura rigamije n'incuro umukarani w'ibarura azagirana ikiganiro nawe (inshuro 11, hagaca iminsi 3 hagati y'ikiganiro n'ikindi mu mujyi n'inshuro 8 hagaca iminsi 2 hagati y'ikiganiro n'ikindi mu cyaro).

## **II. AMABWIRIZA RUSANGE**

### **2.1. Uko umukarani w'ibarura agomba kwitwara**

Umukarani w'ibarura agomba kwitwararika ibi bikurikira:

- Kugira ikinyabupfura imbere ya buri wese (abayobozi, ababazwa, umugenzuzi, abo bahuriye mu kipe n'abandi). Imyitwarire myiza no kutiyandarika (ubusinzi n'izindi ngeso z'urukozasoni) bituma uwo ari we wese aha agaciro ibyo mukora;
- Kwirinda kubangamira abandi mu buryo ubwo ari bwo bwose;
- Kwambara mu buryo butarangaza abandi kugira ngo ubazwa abagirire icyizere, abone ko muri inyangamugayo;
- Kubahiriza gahunda kuko ubazwa atagomba kubategereza kandi yigomwe umwanya we wo kwikorera imirimo. Bibaye ngombwa ko mukorerwa bitewe n'impamvu yumvikana, mugomba kumenyesha urugo rubategereje ko muza gukererwa ndetse mukabaha indi saha yo kubonana cyangwa mukabasaba ko babaha isaha ibabereye;
- Kwihangana no gushishoza mu gihe muganira, kwirinda kubangamira ubazwa ngo mube mwatuma atanga ibisubizo bidahuye n'ukuri kuriho.
- Gutegura ibiganiro by'isura rikurikira: kuvuga mu ncamake ibyo muzaganiraho ubutaha kugira ngo bitegure kuguha amakuru nyayo batajijwa.
- Kwirinda gukoresha telefone igendanwa mu gihe watangiye ikiganiro: igihe utangiye ikiganiro n'ubazwa usabwe gushyira telefone yawe muri SILENCIEUX & VIBREUR. Ntiwemerewe kwitaba telefone urimo ukora ikiganiro cyeretse telefone y'umugenzuzi ushinze ibarura. Byaba byiza kumenyesha abagushaka ko bagushaka nyuma y'ikiganiro.
- Buri kipe igomba gushyiraho amabwiriza yumvikanyweho kandi agukurikizwa na bese kugira ngo akazi ka buri munsu kagende neza. Hategurwa ingengabihe ya buri munsu igomba kugaragaza ibi bikurikira:
  - Igihe cyo guhura mu gitondo mbere yo kujya gukora ibiganiro, ni ngombwa gukora akanama mbere yo guhaguruka;



- Igihe cyo gutaha bava gukora ibiganiro bagomba guhura;
- Igihe cyo guhura no gukosora ibyakozwe uwo munsu, abantu 2 bagurana intonde z'ibibazwa kugira ngo bakosorane kuko bigoye kwikosora;
- Igihe cyo gutanga intonde z'ibibazwa zikosoye ku mugenzuzi;
- Igihe cyo gusuzuma ibyo umugenzuzi yakosoye (observations) bya buri mukarani w'ibarura.

Haramutse hari ibibazo bivutse, mugomba kubimenyesha umugenzuzi wanyu nawe akabimenyesha abamukuriye iyo abona bimugoye. Ubuyobozi bwa EICV4 ni bwo bufata icyemezo cyo kubimenyesha abayobozi b'inzeho z'ibanze ziri hafi cyane cyane iyo havutse ibibazo by'umutekano.

## 2.2. Ibanga ry'ibikubiye mu biganiriro mu ngo

Ni ngombwa kubibutsa ko ibisubizo byose muhabwa mu ibarura ari ibanga. Biramutse bisohotse, byaba binyuranyije n'uburenganzira bw'uwabajijwe kandi bihanishwa ibihano biteganyijwe mu **itegeko-ngenga N°45/2013 ryo kuwa 16/6/2013 rigena imitunganyirize y'imirimo y'ibarurishamibare mu Rwanda**. Iryo tegeko rikomeye cyane kuko ari naryo ibikorwa byose by'ibarurishamibare bigenderaho.

Ikindi, ibibazo byose bigomba kubazwa uwo muganira mwiherereye kugira ngo byumvikane ko ibisubizo bizagirwa ibanga. Haramutse hari abandi bantu batari abo mpuri urwo rugo, bishobora gutuma ubazwa atanga ibisubizo binyuranyije n'ukuri. Ni byiza rero ko hakorwa ibishoboka byose kugira ngo ikiganiriro gikorwe mu muhezo usesuye.

Hari ibice byinshi by'ibibazo ingo nyinshi zishobora gusubiza zitishisha, nk'umubare w'ababa mu rugo, imiterere y'inzu, amashuri ababa mu rugo bize n'ibikorwa by'ubuhinzi-bworozi. Byashoboka ko igice cyerekeye uko urugo rukoresha amafaranga, n'uko rukoresha ibyo rwiyezereza (mu GICE B) nabyo byasubizwa nta kwishisha. Ariko, hari ibice by'ibibazo bishobora kubatera kwishisha. Ni nk'ibyerekeye umurimo ubazwa akora n'ibyo yinjiza, inguzanyo, kuzigama no kwohererezanya ibintu, ... Ni ngombwa rero gukora uko bishoboka kugira ngo ibiganiriro bikorwe muri mu muhezo. Mu kinyabupfura, umukarani w'ibarura asobanurira uwo ari we wese utari mu bagomba kubazwa mu rugo ko ari ngombwa ko icyo kiganiriro kiba mu ibanga.

## 2.3. Umurimo w'umukarani w'ibarura

Umukarani w'ibarura afite umurimo w'ingenzi cyane mu ibarura kuko ari we ugirana ibiganiriro n'abatanga amakuru akenewe. Ibi bisaba ko agira imyifatire myiza kugira ngo abo baganira bamusubize batishisha. **Mugomba rero kwitwararika amabwiriza ari muri iki gitabo mukayifashisha buri gihe bibaye ngombwa**. Mugomba na none kuvugana kenshi n'umugenzuzi wanyu mumumenyesha ikibazo icyo ari cyo cyose muhuye nacyo mu kazi kanyu aho mukora ibarura. **Ntimugomba na rimwe guhindura amabwiriza muhawe**.

Ku ruhande rwe, umugenzuzi nawe azabagezaho ku gihe ibikoresho n'amabwiriza, yegeranye, asuzume umurimo mwakoze, kandi anagerageze kubafasha kubonera umuti ibibazo mushobora guhura nabyo.

Ibikoresho by'ingenzi muzahabwa ni ibi bikurikira:

1. Igitabo cy'amabwiriza y'umukarani w'ibarura ;
2. Intonde z'ibibazwa zo kuzuza zihagije ;
3. Amakaramu y'igiti na goma ;
4. Amakaramu atukura yo gukosora urutonde rw'ibibazwa, Igice A;
5. Imashini ibara ;
6. Ikintu bandikiraho ;
7. Umunzani wo gupima ibyakoreshejwe n'urugo ;
8. Metero riba ;
9. Agakapu ko gutwaramo ibitabo ;
10. GPS ;
11. Ikarita y'agapande k'ibarura ;
12. Ikarita y'akazi.

Musabwe kwibikaho neza ibi bikoresho by'akazi.

### **2.3.1. Gusura ingo mu mudugudu watoranyijwe**

Mumaze kwimenyekanisha ku mukuru w'umudugudu, muzasura ingo zatoranyijwe maze muhane gahunda y'ibiganiro muzagirana na bene ingo. Muri buri mudugudu/agapande k'ibarura, hateganyijwe kubarura:

- ingo 9 muzasura inshuro 11 muzagira mu minsi 33, mu mijyi;
- n'ingo 12 muzasura inshuro 8 muzagira mu minsi 16, mu cyaro.

Mu mujyi, kenshi ingo zikoresha amafaranga aturutse ku mushahara w'ukwezi. Nicyo gituma ibarura rigomba kwerekana imikoreshereze y'amafaranga mu ngo igihe cy'ukwezi kwose. Hateganyijwe gusura buri rugo rimwe mu minsi 3 kugira ngo ubazwa abe acyibuka ibyo yakoresheje nyuma y'isura riheruka, bigatuma hakoreshwa iminsi 33 kuri buri gapande k'ibarura, urugo rugasurwa incuro 11.

## GAHUNDA YO GUSURA INGO MU MUJYI

GUSURA	INGO ZIBARURWA	IGIKA CYUZUZWA
Isura rya 1	Umunsi wa 1, itsinda 1, ingo 3 Umunsi wa 2, itsinda 2, ingo 3 Umunsi wa 3, itsinda 3, ingo 3	- Kumenyana, Igika 0, Igika 1 - Kumenya ibituruka ku musaruro w'urugo, amafaranga yatanzwe ku biribwa, n'ibitari ibiribwa
Isura rya 2	Umunsi wa 4, itsinda 1, ingo 3 Umunsi wa 5, itsinda 2, ingo 3 Umunsi wa 6, itsinda 3, ingo 3	- Igika 2, Igika 3 - Kumenya ibituruka ku musaruro w'urugo, amafaranga yatanzwe ku biribwa, n'ibitari ibiribwa
Isura rya 3	Umunsi wa 7, itsinda 1, ingo 3 Umunsi wa 8, itsinda 2, ingo 3 Umunsi wa 9, itsinda 3, ingo 3	- Igika 4 - Kumenya ibituruka ku musaruro w'urugo, amafaranga yatanzwe ku biribwa, n'ibitari ibiribwa
Isura rya 4	Umunsi wa 10, itsinda 1, ingo 3 Umunsi wa 11, itsinda 2, ingo 3 Umunsi wa 12, itsinda 3, ingo 3	- Igika 5 - Kumenya ibituruka ku musaruro w'urugo, amafaranga yatanzwe ku biribwa, n'ibitari ibiribwa
Isura rya 5	Umunsi wa 13, itsinda 1, ingo 3 Umunsi wa 14, itsinda 2, ingo 3 Umunsi wa 15, itsinda 3, ingo 3	- Igika 6 (Ibice A,B,C) - Kumenya ibituruka ku musaruro w'urugo, amafaranga yatanzwe ku biribwa, n'ibitari ibiribwa
Isura rya 6	Umunsi wa 16, itsinda 1, ingo 3 Umunsi wa 17, itsinda 2, ingo 3 Umunsi wa 18, itsinda 3, ingo 3	- Igika 6 (Ibice D,E,F) - Kumenya ibituruka ku musaruro w'urugo, amafaranga yatanzwe ku biribwa, n'ibitari ibiribwa
Isura rya 7	Umunsi wa 19, itsinda 1, ingo 3 Umunsi wa 20, itsinda 2, ingo 3 Umunsi wa 21, itsinda 3, ingo 3	- Igika 7 (Ibice A,B,C) - Kumenya ibituruka ku musaruro w'urugo, amafaranga yatanzwe ku biribwa, n'ibitari ibiribwa
Isura rya 8	Umunsi wa 22, itsinda 1, ingo 3 Umunsi wa 23, itsinda 2, ingo 3 Umunsi wa 24, itsinda 3, ingo 3	- Igika 7 (Ibice D,E,F,G,H) - Kumenya ibituruka ku musaruro w'urugo, amafaranga yatanzwe ku biribwa, n'ibitari ibiribwa
Isura rya 9	Umunsi wa 25, itsinda 1, ingo 3 Umunsi wa 26, itsinda 2, ingo 3 Umunsi wa 27, itsinda 3, ingo 3	- Igika 9 - Kumenya ibituruka ku musaruro w'urugo, amafaranga yatanzwe ku biribwa, n'ibitari ibiribwa
Isura rya 10	Umunsi wa 28, itsinda 1, ingo 3 Umunsi wa 29, itsinda 2, ingo 3 Umunsi wa 30, itsinda 3, ingo 3	- Igika 10 - Kumenya ibituruka ku musaruro w'urugo, amafaranga yatanzwe ku biribwa, n'ibitari ibiribwa
Isura rya 11	Umunsi wa 31, itsinda 1, ingo 3 Umunsi wa 32, itsinda 2, ingo 3 Umunsi wa 33, itsinda 3, ingo 3	- Kumenya ibituruka ku musaruro w'urugo, amafaranga yatanzwe ku biribwa, n'ibitari ibiribwa

Buri mukarani w'ibarura azaba akorera mu gapande k'ibarura ke karimo ingo 9 zibarurwa. Mu mujyi hari ingo zitunzwe n'umushara ; ni yo mpamvu ibarura muri buri gapande k'ibarura rikorwa mu gihe cy'iminsi 33 kugirango buri rugo ruzabazwe mu kwezi kose (harimo n'igihe bahembwe).

## GAHUNDA YO GUSURA INGO MU CYARO:

GUSURA	Ingo zibarurwa	Igika cyuzuzwa
Isura rya 1	Umunsi wa 1, umudugudu 1, ingo 12 Umunsi wa 2, umudugudu 2, ingo 12	- Kumenyana, Igika 0, Igika 1, Igika 2, Igika 3 - Kumenya ibyo biyejereje, amafaranga y'ibiribwa, n'ibitari ibiribwa (Igika 8AIII, 8B, 8C)
Isura rya 2	Umunsi wa 3, umudugudu 1, ingo 12 Umunsi wa 4, umudugudu 2, ingo 12	- Igika 4, Igika 5 (Ibice A, B, C, D) - Kumenya ibyo biyejereje, amafaranga y'ibiribwa, n'ibitari ibiribwa (Igika 8 cyose A, B, C)
Isura rya 3	Umunsi wa 5, umudugudu 1, ingo 12 Umunsi wa 6, umudugudu 2, ingo 12	- Igika 5 (Igice E), igika 6 (Ibice A, B, C) - Kumenya ibyo biyejereje, amafaranga y'ibiribwa, n'ibitari ibiribwa (Igika 8AIII, 8B, 8C)
Isura rya 4	Umunsi wa 7, umudugudu 1, ingo 12 Umunsi wa 8, umudugudu 2, ingo 12	- Igika 6 (Ibice D, E, F) - Kumenya ibyo biyejereje, amafaranga y'ibiribwa, n'ibitari ibiribwa (Igika 8AIII, 8B, 8C)
Isura rya 5	Umunsi wa 9, umudugudu 1, ingo 12 Umunsi wa 10, umudugudu 2, ingo 12	- Igika 7 (Ibice A, B, C) - Kumenya ibyo biyejereje, amafaranga y'ibiribwa, n'ibitari ibiribwa (Igika 8AIII, 8B, 8C)
Isura rya 6	Umunsi wa 11, umudugudu 1, ingo 12 Umunsi wa 12, umudugudu 2, ingo 12	- Igika 7 (Ibice D, E, F, G, H) - Kumenya ibyo biyejereje, amafaranga y'ibiribwa, n'ibitari ibiribwa (Igika 8AIII, 8B, 8C)
Isura rya 7	Umunsi wa 13, umudugudu 1, ingo 12 Umunsi wa 14, umudugudu 2, ingo 12	- Igika 9 - Kumenya ibyo biyejereje, amafaranga y'ibiribwa, n'ibitari ibiribwa (Igika 8AIII, 8B, 8C)
Isura rya 8	Umunsi wa 15, umudugudu 1, ingo 12 Umunsi wa 16, umudugudu 2, ingo 12	- Igika 10 - Kumenya ibyo biyejereje, amafaranga y'ibiribwa, n'ibitari ibiribwa (Igika 8AIII, 8B, 8C)

Mu cyaro, umunsi bahembwaho ntacyo uhindura cyane ku mibereho y'ingo kuko kenshi bakoresha ibyo biyejereje. Hateganyijwe gusura buri rugo rwatoranyijwe rimwe mu minsi 2 kugira ngo ubazwa abe acyibuka ibyo yakoresheje nyuma y'isura ribanziriza; niyo mpamvu hakoreshwa iminsi 16 muri buri gapande k'ibarura, urugo rugasurwa incuro 8. Abakarani b'ibarura b'ikipe imwe bazakorera bose uko ari 4 mu gapande k'ibarura kamwe, karimo ingo 12 zibarurwa. Umunsi wa 1 bazakorera mu gapande k'ibarura A, umunsi wa 2 bakorere gapande k'ibarura B, umunsi wa 3 bazagaruka mu gapande k'ibarura A, umunsi wa 4 bajye mu gapande k'ibarura B, bityo bityo.

### 2.3.2. Gukora ikiganiro

Mu kiganiro, umukarani w'ibarura abaza ibibazo byose neza nk'uko byanditse ku rutonde rw'ibibazwa, akurikiza amabwiriza akubiye muri iki gitabo cyangwa mu rutonde rw'ibibazwa. Urutonde rw'ibibazwa rwuzuzwa mu gihe cy'ikiganiro, uretse ibirango bimwe na bimwe bijyanye n'ibisubizo byatanze bigomba gushakwa nimugoroba mu nama ihuza abakozi bose b'ikipe bikabona kuzuzwa. Ntagomba kwandika ibisubizo ku kandi gapapuro ngo aze kubyandukura nyuma. Ntagomba no kwizera ko ashobora gufata mu mutwe ibyo bamubwiye ngo aze kuzuza urupapuro amaze kuva mu rugo.

Umukarani w'ibarura agomba kwitwararika ibi bikurikira:

- kwirinda gusezeranya cyangwa kwizeza icyo ari cyo cyose uwo baganira. Ni ngombwa gusobanura neza akazi murimo mbere yo gutangira ikiganiro;

- kwirinda kwibwira ibisubizo bishoboka akurikije uko abona uwo baganira cyangwa aho atuye ;
- kwirinda kwerekana ko atangaye, agaye cyangwa ashimye iki n'iki mu byo ubazwa avuze. Iyo ubazwa abajije umukarani w'ibarura uko abona ibintu ibi n'ibi, agarageza kumwumvisha ko babivuganaho ikiganiro kirangire ;
- kwirinda kujya impaka n'ubazwa ku kibazo icyo ari cyo cyose. Iyo ubazwa atandukiriye mu bisubizo bye, ntakumuhagarika ahubwo amutega amatwi, maze akagenda amugarura ku kibazo nyacyo cyane cyane ko ari umukarani w'ibarura uyobora ikiganiro.
- kwirinda gukora ibiganiro bidafitanye isano n'ibarura nk'impaka z'ibya politiki cyangwa iby'amadini.

### **2.1.3. Gusuzuma intonde z'ibibazwa zujijwe**

Nyuma y'ikiganiro, umukarani w'ibarura agomba kureba niba ibice byose byujijwe neza kandi ku buryo busomeka. Agomba kwemeza ko yabajije ibibazo byose bya ngombwa ku bagize urugo bose bireba, nk'uko bisabwa muri buri gika. Ibyo bigomba kuba ikiganiro kikirangira, uretse hamwe na hamwe nk'ibirango byuzuzwa nimugoroba mu inama ya buri munsu n'abagize ikipe bose. Nyuma y'ikosora rikorwa hagati y'abakarani b'ibarura, buri wese asuzuma ibyo mugenzi we yamweretse akabona gushyikiriza umugenzuzi we intonde z'ibibazwa. N'ubwo haba udukosa tumwe na tumwe twaterwa no kwandika nabi bikaba ngombwa ko dukosorwa, nta n'umwe wemerewe kugira icyo ahindura atabanje kwongera kubaza ibibazo bikeneye gukosorwa uwo bireba mu rugo.

### **2.1.4. Gukosora amakosa yerekanywe na “mudasobwa” mu GICE A**

Intonde z'ibibazwa zujijwe zoherezwa ku cyicaro gikuru cya NISR ku tariki ntarengwa y'umunsi ukurikira isura rya kane mu cyaro n'isura rya gatandatu mu mujyi wa Kigali, igihe kubaza ibibazo byo mu GICE A birangiye.

Ibisubizo muzaba mwujije muganira nabo mu ngo bizasuzumwa igihe cyo kubyinjiza muri mudasobwa. Iyo igikorwa cyo kwinjiza ibisubizo muri mudasobwa kirangiye, urutonde rw'ibibazwa rurasuzumwa maze amakosa yagaragaye agakusanywa.

Bigaragaye ko hari ibidafututse neza bitewe n'uwabyinjije muri mudasobwa, bikosorwa n'abashinzwe icyo gikorwa. Iyo ikosa ryatewe n'umukarani w'ibarura cyangwa uwabajijwe, urwo rutonde rw'ibibazwa rusubizwa vuba ikipe yabyujije (iyo bibaye ngombwa) kugirango mwongere kubibaza urugo bireba mu gihe rugisurwa rubazwa igice “B”. Icyo gihe, mugomba kugaragaza igisubizo gishya ubazwa atanze mukoresheje ikaramu y'ibara ry'umutuku imbere y'igisubizo cya mbere. Ntimugomba na rimwe guhindura igisubizo cy'igice “A” mutabanje kwongera kubaza icyo kibazo mu rugo bireba.

## **2.2. Imikoranire y'umukarani w'ibarura n'umugenzuzi we**

Buri gihe, abakarani b'ibarura bagomba kwumvira inama z'umugenzuzi kuko ari we uhagarariye Ubuyobozi bw'ibarura. Azajya abaha umurimo mugomba gukora hakurikijwe gahunda y'ibarura. Kugira ngo amenye niba umurimo wanyu ukorwa neza, umugenzuzi agomba gusura abakarani b'ibarura aho ibarura rikorerwa kandi agakora ibikurikira:

1. Azasuzumana ubushishozi intonde z'ibibazwa mwujuje kugira ngo arebe niba ibiganiro byarakozwe ku buryo bwuzuye kandi neza.
2. Azasura zimwe mu ngo muzaba mwararangije kugira ngo amenye niba mwaragiye aho mwagombaga kujya. Muri izo ngo kandi, azabaza ibibazo bimwe na bimwe kugira ngo amenye niba ibyo mwujuje kuri za ntonde ari ukuri.
3. Ashobora kubatega gusubira mu rugo kwongera kubaza ibibazo by'igice cyangwa ibice by'urutonde rw'ibibazwa iyo bidakoze neza.
4. Azakurikirana kimwe cyangwa bimwe mu biganirwa byanyu n'ababazwa buri cyumweru, kugira ngo arebe uburyo mubaza ibibazo mbere yo kubagira inama niba ari ngombwa. Iryo genzura rizajya riba mutabiteguye.
5. Azakoresha inama buri munsu kugira ngo muganire ku byerekeye umurimo muzaba mwakoze: kuzaza ibyuzurizwa imuhira (ibirango bimwe na bimwe), gukorerana. Ibi bizamufasha gukora raporo azohereza Ubuyobozi bw'ibarura ku kazi muzaba mwakoze.
6. Azohereza ku gihe intonde z'ibibazwa abashinzwe kwinjiza ibisubizo muri mudasobwa maze, niba hari amakosa yagaragaye, azababwira ibice mugomba gukora.

Umugenzuzi ni umuhuza wanyu n'abashinzwe ibarura. Nk'uko abagezaho amabwiriza, namwe mugomba kumugezaho ingorane cyangwa ibibazo byose by'akazi muhura nabyo. **Urugero** : niba mutumva uko bakora ikintu iki n'iki cyangwa uko buzaza ikibazo iki n'iki ku rutonde rw'ibibazwa, mugomba kumusobanura mutishisha.

### 2.3. Amabwiriza rusange ku buryo intonde z'ibibazwa zuzuzwa

Hari ingingo z'ingenzi umukarani w'ibarura agomba gukurikiza igihe yuzaza ibika by'urutonde rw'ibibazwa.

1. Mu bika bimwe na bimwe, amakuru atangwa umurongo ku wundi; ni nko ku byerekeye amakuru ya buri muntu mu rugo. Ni ngombwa rero kubaza ibibazo byose birebana n'umuntu mbere yo kujya ku wundi.
2. Mu bika byinshi musabwa kwandika numero y'ubazwa (ID N°), ni ukuvuga umuntu wasubiriye abandi. Akenshi, aba ari nyiri urugo ariko mu gihe adahari, undi wo mu rugo yabikora.
3. Ni ngombwa buri gihe gusoma ibibazo nk'uko byanditswe ku ntonde z'ibibazwa. Nyuma yo gusoma ikibazo ku buryo bwumvikana, umukarani w'ibarura ategereza ko ahabwa igisubizo. Iyo ubazwa akabije gutinda gusubiza, biba bitewe n'imwe muri izi mpamvu:
  - ntiyumvise ikibazo ;
  - ntiyasobanukiwe ikibazo ;
  - nta gisubizo agifitiye.

Mugomba kwongera mugasubira mu kibazo. Niba na none ubazwa ntacyo asubije, ni ngombwa kumubaza niba yumva ikibazo. Niba ikibazo kitumvikanye, umukarani w'ibarura agomba kureba ubundi buryo bwo kukibaza. Niba hari ingorane mu bushobozi bwo gusubiza, umukarani w'ibarura agomba gufasha ubazwa gutegereza ku gisubizo ariko nta kumusubiriza.

4. Ibyanditswe mu nyuguti nkuru byose cyangwa mu nyuguti nto zigaragara cyane (**gras**) ni **amabwiriza** areba umukarani w'ibarura kandi agomba kuyasoma akayamenya, si ikibazo kireba ubazwa. Ibyanditswe mu nyuguti nto bindi byose bigomba gusomerwa ubazwa.

**Ingero z'ibidasomerwa ubazwa:**

a) Igika 1, Q3:

✓ “NIBA AFITE IMYAKA < 6 ANDIKA IMYAKA N'AMEZI, NIBA AFITE IMYAKA ≥ 6 ANDIKA IMYAKA GUSA”.

b) Igika 7-D, Q2:

✓ **Reba ibirango by'ibihingwa**

5. Urutonde rw'ibibazwa ruba ruriho **ibirango** byateganijwe uretse ku bibazo bike byo mu gika cya 4 n'icya 6 aho muzuzura ibirango mu nama ya nimugoroba aho mubirebera hamwe n'umugenzuzi. Uretse ibyo bibazo, mugomba kwandika ikirango kijyanye n'igisubizo ubazwa atanze, kikandikwa mu kazu kabigenewe. Niba igisubizo ari umubare, mugomba kuwandika muri ako kazu.

**Ingero z'ibirango byuzuzwa mu tuzu:**

a) Igika 1, Q9 :

Ni iyihe mpamvu y'ingenzi yari yatumye “...” atahaba cg yari yaramujyanye?

Kwiga.....1  
Umurimo w'igihe gito.....2  
Kujya gukorera ahandi.....3  
Kwivuzwa.....4  
Kujya mu minsi mikuru.....5  
Gusura inshuti/ abavandimwe....6  
Kujya mu mahugurwa.....7  
Gufungwa/Imirimo ya TIG.....8  
Kubura bidasobanutse.....9  
Indi mpamvu (Yivuge).....10

b) Igika 7-C, Q0 :

Mu mezi 12 ashize, hari umuntu wo muri uru rugo wari ufite cyangwa wahinze umurima?

☐

Yego.....1

Oya.....2

**Igisubizo:** “Yego“, Mugomba kwandika umubare “1” mu kazu kabigenewe.

c) Igika 5-A, Q10:

Iyi nzu mutuyemo ni iya nde?

Nyiri urugo (HH).....1  
Uwashakanye na HH.....2  
HH n'uwo bashakanye.....3  
Undi muntu mu bagize urugo.....4  
Undi muntu ufitanye isano na HH.....5  
Undi muntu udafitanye isano na HH.....6  
Leta.....7  
Ikigo cyigenga .....8  
Undi (kumuvuga).....9

**Igisubizo:** HH n'uwo bashakanye. Mwandika umubare “3” mu kazu kari ku murongo muni y'ikibazo.

6. Iyo **igisubizo kigomba gushakirwa ikirango nyuma y'ibiganiro**, mwandika igisubizo mu magambo nk'uko ubazwa agitanze.

**Urugero** : Igika 6-B, Q3:

“ ... “ yakozze iyihe mirimo ibyara inyungu mu mezi 12 ashize?

**Igisubizo**: Ubunyamabanga

Mwandika ubwoko bw'umurimo “Ubunyamabanga” nk'uko mububwiwe n'ubazwa mu nkingi « Sobanura neza umurimo. Hanyuma, mu nama mukora nimugoroba, mugomba kwandika ikirango kivuga ako kazi, mu nkingi zirimo “Ikirango cy'umurimo”.

7. **Amabwiriza yo kuva ku kibazo ujya ku kindi asobanuye ku buryo butatu**:

- a) Niba nta mabwiriza ahari, mugomba guhita mujya ku kibazo gikurikiyeho.

**Urugero** : Igika 3, Q3:

Ni ubuhe bwishingizi bw'ubuzima “....” afite?

RAMA.....1

Mituweli.....2

Umukoresha.....3

MMI.....4

Ubundi bwishingizi (kubuvuga).....5

Igisubizo mubonye cyose, mugomba guhita mujya ku kibazo cya 5.

- b) Akambi (=>) gakurikiwe n'umubare w'ikibazo cyangwa n'amabwiriza yandi mugomba guhita mukurikizaho.

**Urugero 6**: Igika 3, Q4:

Mu byumweru 4 bishize “....” yigeze ajya kwisuzumisha?

Yego.....1

Oya.....2 ⇒ **Igika gikurikira**

Ntabizi.....3 ⇒ **Igika gikurikira**

Niba igisubizo cy'ikibazo cya 4 ari “Yego”, mwandika ikirango kijyanye n'icyo gisubizo maze mugakomeza ku kibazo cya 5, niba igisubizo ari « Oya » cyangwa « Ntabizi », mwandika ikirango kijyanye n'icyo gisubizo maze mugahita mujya ku Gika cya 4.

- c) Akambi kari mu kazu k'urukiramende, gakurikiwe n'umubare w'ikibazo cyangwa n'amabwiriza yandi mugomba guhita mukurikizaho.

**Urugero**: Igika 6-A, Q8:

Ni iyihe mpamvu y'ingenzi yatumye “ ... “ adakora mu mezi 12 ashize?

Ntarabona akazi.....1

Imirimo yo mu rugo.....2

Kwiga .....3

Ikiruhuko cy'izabukuru/

Arashaje .....4

Uburwayi/Ubumuga.....5

Aracyari muto.....6

Ikindi (kivuge).....7

⇒ 6E



Aya mabwiriza asobanura ko igisubizo icyo ari cyo cyose mwabona ku kibazo cya 8, mugomba guhita mujya ku Gika 6E.

**Urugero:** Igika 0.3, Q5:

“...” aracyaba muri uru rugo?

Yego .....1

Oya, yarapfuye .....2

Oya, yarimutse .....3

**⇒ Umuntu ukurikira**

8. Kenshi musanga mugomba kwongeraho izina ry’umuntu, ikintu cyangwa inyamaswa ku kibazo kimwe.

Icyo gisobanuro cyerekanwa n’ikimenyetso “...”

**Urugero:** Igika 8-A1, Q11:

Mu mezi 12 ashize, hari “.....” mwaguze?

Mugomba kubaza icyo kibazo kuri buri bwoko bw’amatungo urugo rworoye.

9. Niba ubazwa atanze igisubizo kitari mu bisubizo bisobanutse byateganijwe, mugomba gukoresha uburyo bwo gusubiza bwa “IKINDI”. Akenshi, hasabwa gusobanura icyo gisubizo.

**Urugero:** Igika 0, Q17 :

1 = Umugatulika

2 = Umuporoso

3 = Umudivantisiti

4 = Umuhamya wa Yohova

5 = Abandi bakristu

6 = Umwisilamu

7 = Gakondo

8 = Nta dini agira

9 = Indi (kuyivuga.....)

**Igisubizo:** Umunyabitekerezo wigenga.

Icyo gihe, mugomba kwandika ikirango “9” maze muri uriya mwanya uri muni y’ibisubizo mukandika “Umunyabitekerezo wigenga”.

Niba igisubizo ari 2 gusa, mwuzuzwa “02” mu tuzu twabigenewe. Niba ibisubizo ari 1 na 2, bivugwa ko igiteranyo ari 3, bityo mukandika “03”. Niba ibisubizo ari 1 na 4, igiteranyo ni 5, mukandika “05”. Niba ibisubizo ari 2 na 4, igiteranyo ni 6, mukandika “06”. Niba ibisubizo ari 1, 2 na 4, igiteranyo ni 7, mukandika “07”. Niba ibisubizo ari 1, 2, 4 na 8, igiteranyo ni 15, mukandika “15”, bityo bityo.

10. Amazina y’abantu, uturere, ibihugu n’ibindi bisobanuro bikenewe, mugomba kubyandika ku buryo busomeka neza mu nyuguti nkuru.

**Aya mabwiriza ni ingenzi cyane cyane ku Gika cya 1 (Amazina y'abantu bagize urugo) n'icya 2 (Uturere n'Ibihugu).**

11. Mu tuzu twose turimo ibara ry'umukara, nticyo mugomba kuzuzamo kuko icyo kibazo kitareba ikintu cyangwa umuntu ugezweho mu kubaza.

**Urugero 13:** Igika 0-3, Q6 :

Haba hari abana bavutse cg abantu bimukiye muri uru rugo nyuma ya EICV3?

Yego.....1=> **Muhe No ID ikurikira, maze ukomeze kuri Q7**

Oya.....2 => **Q9**

Iki kibazo kibazwa nyiri urugo wenyine.

12. Hari ibikwiriye kwitabwaho mu buryo bwo koroshya imirimo yo kwinjiza ibisubizo muri mudasobwa.

Nk'uko mubizi, amakuru yose muzakusanya mu ngo ku rutonde rw'ibibazwa azinjizwa muri mudasobwa. Kugira ngo mworohereze abazakora uwo murimo, musabwe kubahiriza ibikurikira:

- mugomba kwandika ku buryo busomeka mukoresheje ikaramu y'igiti, nta gusiba, cyangwa kwandika ibicucitse. Muramutse mukoze ikosa, mugomba kurihanagura neza mukoresheje goma mukabona kwandika igisubizo nyacyo;
- imibare yose igomba kuba yanditse mu "mibare y'icyarabu". **Urugero:** niba mugomba kwandika "4" ntabwo ari "IV". Na none imibare y'ibice (urugero  $\frac{1}{2}$  cg  $\frac{1}{4}$ ) yandikwa ukoresheje ibinyacumi, ibinyejana (0,5 cg 0,25);
- ntimugomba na rimwe kurengera ngo mwandike mu mwanya wagenewe ikindi kibazo n'ubwo haba hari umwanya utanditsemo;
- mu gihe mwandika umubare w'ibintu, mugomba buri gihe gutandukanya imibare 3 (ibihumbi) mukoresheje umwanya w'inyuguti umwe utanditsemo. **Urugero:** "20 000" aho kuba "20000";
- iyo imibare yandikwa mu tuzu twabigenewe, muturuka iburyo mujya ibumoso, bityo utuzu dusigaye tukandikwamo "0". **Urugero:** niba igisubizo ari "7 ha" kandi harateganyijwe utuzu tubiri, mwandika  $\frac{7}{10}$  /\_0/\_7\_/.
- ku bibazo bigomba gusubizwa hakoreshejwe umubare w'ibintu, mugomba kwandika umubare gusa nta kindi mwongeyeho. **Urugero:** "20 000" aho kuba "20 000 Frw"; "10" aho kuba "10 ha". Niba bikenewe kwandika "urugero rwakoreshejwe mugupima umusaruro", ruzandikwa mu mwanya wabugenewe.
- ntimukibagirwe kwandika 0 mu mwanya waburiwe ibisubizo haba ku mibare, cyangwa ingano y'ibintu. **Urugero:** Iyo nta nkweho zaguzwe mu mezi 12 ashize, wandika 0 ahagenewe amafaranga yazitanzweho.

### **III. IBISOBANURO KU BURYO INTONDE Z'IBIBAZWA ZUZUZWA**

Urutonde rw'ibibazwa mu ngo rwa EICV4 rugizwe n'ibika 10 bigabanyijemo ibice 2 (Igice A n'Igice B).

Ibibazo biri mu **GICE A** bigamije gukusanya amakuru yerekeye buri muntu mu bagize urugo rubarurwa ku giti cye, uretse mu Gika 0 (Raporo y'ibarura, igenzura n'umwirondoro w'urugo)

n'Igika 5 (Imiturire). Hakurikijwe Ibika, icyo gice kireba ababa mu rugo bose cyangwa bamwe muri bo. Iki gice kigizwe n'ibika bikurikira:

- Igika cya 0: Raporo y'ibyakozwe, Igenzura n'umwirondoro w'urugo
- Igika cya 1: Imiterere y'ababa mu rugo
- Igika cya 2: Kwimuka
- Igika cya 3: Ubuzima
- Igika cya 4: Uburezi
- Igika cya 5: Imiturire
- Igika cya 6: Imirimo n'igihe ikorerwa

Ibibazo biri mu **GICE B** bigamije gukusanya amakuru yerekeye “urugo”. Kirimo ibika bikurikira:

- Igika cya 7: Ubuhinzi n'ubworozi
- Igika cya 8 : Amafaranga urugo rwatanze n'ibyakoreshejwe n'urugo bivuye ku musaruro warwo
- Igika cya 9 : Ibyoherejwe ahandi, ibyoherejwe urugo n'andi mafaranga yatanzwe, n'ibijyanye na gahunda ya VUP
- Igika cya 10: Inguzanyo, ibikoreshe biramba no kuzigama.

## **UMWIRONDO W'URUGO**

Umwirondoro ugizwe n'ibiranga urugo byuzuzwa n'umukarani w'ibarura akurikije ibirango yahawe n'ubuyobozi bw'ibarura EICV4. Ibirango bijyanye na Grappe, Intara, Akarere, Umurenge, Akagari, Umudugudu n'Agapande k'ibarura biboneka ku rutonde rw'imidugudu cyangwa udupande tw'ibarura twatoranyijwe gukorerwamo ibarura, naho numero y'urugo iri ku ifishi F2 y'ingo zatoranyijwe.

**Icyitonderwa:** ikirango cy'agapande k'ibarura ntikireba ingo za Panel

## **IGIKA CYA 0: RAPORO Y'IBYAKOZWE, IGENZURA N'UMWIRONDO W'URUGO**

### **Intego:**

Iki gika kigamije gutanga raporo y'uko imirimo yakozwe, incamake y'igenzura ry'ibyakozwe mu ibarura n'umwirondoro w'urugo. By'umwihariko, muri iri barura EICV4, iki Gika cyerekana imiterere y'ingo ziri mu mudugudu wa PANEL (zimwe muri izo ngo zabaruwe muri EICV3 zikaba zikomeje gukorerwaho ubushakashatsi).

### **Uko byuzuzwa**

Igika 0 kigizwe n'ibice bitandatu ari byo:

- Igice 0.1: Raporo ku migendekere y'ibarura n'iyigenzura;
- Igice 0.2: Incamake y'igenzura;
- Igice 0.3a: Kuzuza "HH ID" na "PID" mu ngo ziri mu mudugudu wa Panel;
- Igice 0.3b: VUP/Ubudehe byuzurizwa ingo zose mbere y'uko ibiganiro mu ngo bitangira;
- Igice 0.4: Imiterere y'ingo ziri muri Panel igaragara ku rupapuro PLS1
- Igice 0.5: Umwirondoro w'urugo.

Amafishi yerekana uko ibarura ryagenze yuzuzwa hakurikijwe buri gika nyuma y'umunsi w'isura, akuzuzwa n'umukarani w'ibarura ndetse n'umugenzuzi, buri wese akurikije aho agomba kuzuza.

### ***0.1. Raporo ku migendekere y'ibarura n'iyigenzura:***

Izi raporo zigamije gufasha abantu bose bari mu gikorwa cy'ibarura gukumira icyo ari cyo cyose cyabangamira imigendekere myiza y'ibarura cyangwa gufata ingamba mu maguru mashya ku kibazo runaka cyaba cyagaragaye.

Umukarani w'ibarura, amaze kuzuza amazina n'ikirango bye, yerekana ibyabaye mu kiganiro byose akurikije buri gika yabajije. Ashima cyangwa akagaya uburyo ababazwa babyitwayemo, agaragaza ingorane bagiye bahura nazo mu gusubiza ibibazo, akavuga niba ikiganiro cyagiye kigira abakirogoya, uburyo haba habaye imbogamizi, n'ibindi yabwira umugenzuzi. Ibyo byose agomba kubikora ikiganiro kikirangira, ariko ntibigomba kubera imbere y'ababazwa.

Buri munsu, nyuma y’umurimo, umukarani w’ibarura agomba gusuzuma uburyo buri gika cyujwe. Agomba kwerekana itariki yujurijeho igika n’ibisubizo babonye aho yasuye hose kuri buri gika. Mu nkingi y’ **Icyitonderwa**, umukarani w’ibarura ashobora kwandikamo:

“BYUJWE BYOSE”, ni ukuvuga ko ibibazo byose byabajijwe abantu bese bireba kandi byabonewe ibisubizo.

“BYUJWE IGICE”, bivuga ko hari ibibazo bitabajijwe cyangwa ko ibibazo byose atari ko byabajijwe abantu bese bireba. **Urugero:** umukarani w’ibarura ageze mu rugo asanga bamwe mu bagize urugo badahari kandi uwo baganira atazi amakuru yabo ku bibazo bimwe na bimwe.

Umugenzuzi nawe, amaze kuzura amazina ye n’ikirango, yuzura niba yakurikiranye ikiganiro n’itariki akoreye igenzura ry’urutonde rw’ibibazwa rwujwe, akagaragaza uko byagenze (ingorane umukarani w’ibarura yahuye nazo mu kuyobora ikiganiro, uburyo yujwe urutonde rw’ibibazwa, uko ubazwa yari yitwaye mu gihe yabazwaga, n’ibindi).

Agomba kugaragaza uko igenzura ryakozwe kuri buri gika. Birashoboka ko basubira mu ngo gukora ibyavuzwe mbere n’ubazwa, iyo byaje kugaragara ko hari aho bidasobanutse cyangwa iyo hari andi makosa yabigaragayemo.

## **0.2. Incamake y’igenzura (ireba ibika 6 bya mbere bigize igice A):**

Iyi ncamake ikorwa n’umugenzuzi kuri buri gika cyujwe hasubizwa ibibazo 11 bikurikira: .

- ❖ **S01 – S05:** umugenzuzi agaragaza niba igika cyujwe cyose, niba abagombaga gusubiza aribo basubije, umubare w’abategerejwe kubazwa, umubare w’abagize urugo bese (wuzuzwa ku gika 1 gusa) no kumenya niba abantu bujuriye ku murongo wabagenewe.
- ❖ **S06 – S08:** umugenzuzi agaragaza ko gusimbuka (skip) aho biteganyijwe byubahirijwe, niba hari ibibazo bidafite ibisubizo n’impamvu bitujwe.
- ❖ **S09 – S11:** agaragaza niba ibisubizo n’imibare cy’ibirango byatanze bisobanutse, niba bisomeka neza kandi ko ibisubizo “ibindi (kubivuga)” byujwe neza.

## **0.3a: Kuzura “HH ID” na “PID” mu ngo ziri mu mudugudu wa Panel:**

Iki gice kigizwe n’ibibazo 4 bireba ingo ziri mu mudugudu wa Panel gusa. Mu tuzi tw’ibibazo cya 1, umukarani yuzuzamo nimeru imuranga, mu tuzi tw’ibibazo cya 2 yuzuzamo itariki, ukwezi n’umwaka y’umunsi wa mbere yatangiriyeho kugirana ikiganiro n’urugo. Mu tuzi tw’ibibazo cya 3 (HH ID) n’ibibazo cya 4 (PID) twuzuzwamo nimeru y’urugo na nimeru PID hakurikijwe ibisobanuro byatanze kuri buri bwoko bw’ingo ziri mu mudugudu wa Panel bikurikira:

1. Urugo rwakorewemo EICV3 (Panel) ruzahabwa HH ID rwahawe muri EICV3 na nimeru PID 00.
2. Urugo rukomoka ku rugo rwakorewemo EICV3 (Panel) ruzahabwa HH ID y’urugo rukomokaho na nimeru PID y’uwari ufite isano ya hafi na nyiri urugo mu bimukye hamwe.
3. Urugo rutuye mu nzu yari ituwemo n’urugo rwo muri EICV3 ruzahabwa HH ID y’urwo rugo rwari ruyituyemo na nimeru PID 94.
4. Urugo rusimbura kugirango muri Cluster habazwe ingo 9/12 ruzahabwa HH ID y’urugo rusimbura na nimeru PID 95.

### **0.3b: VUP/Ubudehe byuzurizwa ingo zose mbere y’uko ibiganiro mu ngo bitangira;**

Iki gice kigizwe n’ibibazo 2 bireba ingo zose, ari iziri muri Panel, muri VUP cyangwa se ingo nshya zatoranyijwe gukorerwamo EICV4. Umukarani w’ibarura yuzuza mu tuzu twabugenewe igisubizo gikwiye.

### **0.4. Imiterere y’ingo ziri muri Panel:**

Niba umukarani asanze ari urugo rushya, ahita ajya ku ipaji y’igika 0.5. Ingo zigize Panel ni ingo zimwe na zimwe zabaruwe muri EICV3 zizongera kubarurwa muri EICV4. Mbere yo gutangira ibarura nyirizina, izo ngo zizakorera lisiti y’abagize urugo, igitsina cyabo, isano buri wese afitanye na nyiri urugo n’imyaka bari bafite igihe EICV3 yakorwaga. Abagize urugo bagumana No ID bahawe muri EICV3, ariko:

- Abari bagize urugo bapfuye cyangwa bimutse ntabwo bazuzurizwa amakuru mu rutonde rw’ibibazwa;
- Abagize urugo bashya bazahabwa No ID ikurikira iyaherutse muri EICV3, maze babazwe mu ibarura nk’abagize urugo.

Ingo zigize Panel zizashakishwa mu mudugudu zabaruriwemo igihe cya EICV3, noneho umukarani w’ibarura asubize ikibazo Q0 kibaza niba urugo rukiri mu mudugudu rwari rusanzwemo. Niba ari “Yego”, yuzuza ibikurikira ku Gika 0.3 gitanga amakuru arebana na EICV3 ndetse n’amakuru y’abagize urugo bashya. Niba ari “Oya”, urugo rugomba gushakishwa, hifashishijwe amafishi yateganyijwe.

- ❖ **Ikibazo cya 1 kugera ku cya 4:** umukarani w’ibarura yandukura amazina y’abari bagize urugo muri EICV3, igitsina, isano bafitanye na nyiri urugo n’imyaka bari bafite.
- ❖ **Ikibazo cya 5** kigamije kumenya niba buri muntu mu bari bagize urugo muri EICV3 agituye muri urwo rugo. “...” *aracyaba muri uru rugo?* Kibazwa buri muntu wese uri ku rutonde. Ibisubizo bishoboka ni bitatu: (1) umuntu aracyari mu rugo, (2) Oya, ntakihaba cyangwa (3) Oya, yarapfuye. Umubare ujyanye n’igisubizo wuzuzwa mu kazu kabigenewe imbere y’izina, hanyuma umukarani w’ibarura akajya ku muntu ukurikira kugeza arangije abantu bose bari bagize urugo rwa EICV3 akabona kujya ku bibazo bikurikira.
- ❖ **Ikibazo cya 6** kibazwa nyiri urugo gusa, kigamije kumenya niba hari abantu bashya mu rugo: *Haba hari abana bavutse cg abantu bimukiye muri uru rugo nyuma ya EICV3?* Niba igisubizo ari “Oya”, ajya ku kibazo cya 9. Niba ari “Yego”, abaza amazina yabo n’igihe bagereye mu rugo akayandika mu kaye ye aha uwa mbere No ID ikurikira iya nyuma muri EICV3 ku, maze agakomeza ku kibazo cya 8.
- ❖ **Ikibazo cya 7-8:** ku kibazo cya 7, umukarani w’ibarura yandika amazina y’abagize urugo bashya naho ku kibazo cya 8, abaza igihe bagereye muri urwo rugo akuzuzwa ukwezi n’umwaka mu tuzu twabigenewe ku mirongo ijyanye na nimeru bahawe zikurikira iheruka yahawe umuntu wa nyuma ku rutonde rw’abagize urugo muri EICV3.
- ❖ **Ikibazo cya 9:** umukarani w’ibarura yandika N°ID nshya ya buri muntu muri EICV4 ahereye kuri nyiri urugo w’ubu, uwo bashakanye, abana be n’abandi bari mu rugo nkuko

amasano na nyiri urugo akurikirana mu kibazo cya 3, Igika cya 1. Abatakiba mu rugo ntibuzurizwa, hanyuma akajya kubandukura kuri lisiti y’abagize urugo muri EICV4 mu gika cya 1.

**Icyitonderwa:** kwandika amazina y’abagize urugo bashya bigomba gukorwa hakurikijwe uko urutonde rw’abagize urugo rwuzuzwa nkuko byasobanuwe mu Gika cya 1, kuri paji ya 25 “kuzuzwa urutonde rw’abagize urugo” muri iki gitabo cy’amabwiriza y’umukarani w’ibarura.

#### ***0.5. Umwirondoro w’urugo:***

Iki gice kigaragaza ibiranga urugo rubarurwa:

- (1) Nimeru ya grappe/cluster: igizwe n’imibaruwa ine kuko ihera kuri 0001 kugeza kuri 1230;
- (2) Nimeru y’inzu: imwe yanditswe ku nzu igihe cyo gushyira nimeru ku mazu mu mudugudu cyangwa mu gapande k’ibarura;
- (3) Nimeru y’urugo mu mudugudu/agapande k’ibarura; ni nimeru yahawe urugo igihe cyo gushyira nimeru ku mazu no ku ngo mu mudugudu/agapande k’ibarura.
- (4) Ibipimo bya GPS cyangwa Longitude na Latitude by’aho urugo ruherereye, bimwe byafashwe ku ngo zatoranyijwe gukorerwamo ibarura;
- (5) Kumenya niba urugo rwabonetse kandi rukaba rwemeye gusubiza ibibazo;
- (6) Nimeru y’inzu y’urugo rusimbura, mu gihe urwagombaga kubazwa rutabonetse;
- (7) Nimeru y’urugo rusimbura mu gapande k’ibarura;
- (8) Ibipimo bya GPS (Longitude na Latitude) by’urugo rusimbura.

**Hakurikiraho kuzuzwa umwirondoro w’urugo muri EICV4. Umukarani w’ibarura yuzuzwa mu tuzu dukurikira ibiranga by’aho agapande gaherereye, bihuye n’ibyujijwe ku rupapuro rufunitse (cover) urutonde rw’ibibazwa.**

- (9) Intara/Umujiyi
  - (10) Akarere
  - (11) Umurenge
  - (12) Akagari
  - (13) Umudugudu
  - (14) No y’agapande k’ibarura, ntikuzurizwa ingo ziri muri panel;
  - (15) Nimeru y’urugo rwatoranyijwe [mbere](#)
  - (16) Umukarani yuzuzwa amazina ya nyiri urugo na nimeru ya telefone niba ayifite
- Ibibizazo bikurikira bibazwa nyiri urugo cyangwa undi utanga amakuru y’urugo:
- (17) Umukarani abaza amazina y’umuntu ushobora gutanga amakuru y’urugo mu gihe nyiri urugo adahari, hanyuma akandika ID ye mu kazu kabugenewe;
  - (18) Umukarani abaza idini rya nyiri urugo akandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n’igisubizo ahawe;
  - (19) Umukarani yandika itariki (umunsi, ukwezi n’umwaka) y’umunsi wa mbere yakoranye ikigariro n’urugo rubarurwa. Iyi tariki igomba guhura n’iyanditse ku gice 0.1, umunsi wa mbere w’ibarura.

#### ***Icyitonderwa:***

- Igihe cyose umukarani w’ibarura abonye amakuru adasanze yerekeye urwo rugo kandi abona ko yafasha umugenzuzi, ayandika mu nkingi ya nyuma.
- Iyo urugo rwemeye gusubiza, umukarani w’ibarura yuzuzwa irangarugo ku mpapuro zifunitse intonde z’ibibazwa. Ku ntonde z’ibibazwa z’ingo zigize “Panel”, yuzuzwa kuri

izo mpapuro ibiri ku mpapuro yahawe byavuye mu ntonde z'izo ngo muri EICV3. Niba ingo zo muri "Panel" zarimukiye ahandi, yandika numero ya grappe na numero zahawe muri EICV3, ibindi akuzuza iby'aho asanze urugo (Intara, Akarere, Umurenge, Akagari, Umudugudu).

## IGIKA CYA 1. IMITERERE Y'ABABA MU RUGO

### **Intego:**

Iki gika kigamije (i) kumenya abantu bose bazafatwa nk'abagize urugo no (ii) gutanga amakuru ajyanye n'imiterere y'abantu babaruwe, twavugaga nk'imyaka yabo, igitsina, irangamimerere, aho bavukiye, ubwenegihugu bwabo, n'ibindi.

**Urugo:** Ni abantu baba hamwe, basangira amafunguro bakaba bamaranye nibura amezi atandatu abanziriza ibarura. Hari uburyo bugomba kwitabwaho by'umwihariko:

1. Abacumbitse cyangwa abashyitsi baje mu rugo ntibabarirwa mu barugize nubwo baba basangira;
2. Abantu bapfuye ntibabarirwamo, n'ubwo baba barabanye n'abo bari mu rugo igihe kirenze amezi 6;
3. Impinja zitarageza ku mezi 6 zibarwa nk'abagize urugo;
4. Abageni bamaze iminsi bashyingingiwe (n'iyi baba bataramara amezi (6) bakaba babarwa nk'ababa mu rugo;
5. Umuntu ufatwa ko ari nyir'urugo buri gihe abarwa nk'uba mu rugo n'ubwo yaba yaramaranye n'ababa muri urwo rugo amezi ari muni y'atandatu mbere y'ibarura;
6. Abantu bamaze igihe hanze bakaba bamaze kugaruka nabo babarwa nk'abagize urugo;
7. Umuntu wese waba amaze kwakirwa mu rugo akaba ateganya kuhamara igihe kirenze amezi 6 nawe abarwa nk'uwo mu rugo;
8. Umuntu wese wamaze amezi 6 atari mu rugo kandi ataba mu rundi rugo;

**Urugero:** abanyeshuri bacumbikiwe n'ikigo.

Amoko y'ingo ni aya:

- Urugo rugizwe n'abantu benshi: umutware warwo ari we nyiri urugo, abo yashakanye nabo n'abana babo n'abandi bantu (abo bafitanye isano cyangwa batayifitanye), babana mu nzu imwe bakanasangira kandi bamaranye nibura amezi 6.
- Urugo rw'umuntu umwe.
- Urugo rugizwe n'umugabo n'umugore, cyangwa abagabo benshi n'abagore babo, bafite cyangwa badafite abana.

**Nyiri urugo:** ni umwe mu bagize urugo werekanwa n'abagize urugo ubwabo iyo umukarani w'ibarura abajije ngo: "Nyiri urugo ni nde?". Mugomba kumenya ko igihe cyose atari uwo muntu ufite uruhare runini mu gutunga urugo kandi azi neza ibyo abagize urugo bakora. Ashobora kuba umugore cyangwa umugabo.



## **Ubazwa**

Ubazwa ku byerekeye igika cya 1 yagombye kuba ari nyiri urugo. Iyo adahari, mugomba guhitamo undi muntu akamusimbura. Ni ngombwa ko umusimbura aba ashobora gutanga amakuru yose akenewe ku bagize urugo bose. Abandi bantu bagize urugo nabo bashobora kwinjira mu kiganiro bakagenda buzuzanya mu gusubiza, cyane cyane iyo ibisubizo birebana n'ibyo bazi.

## **Kuzuzwa urutonde rw'abagize urugo (ku rupapuro ruzinze)**

Kuzuzwa urutonde rw'abagize urugo bigomba gukoranwa ubushishozi. Kwandika abagize urugo bikurikirana bita:

- Nyir'urugo (niwe ubanza imbere n'iyo yaba adahari);
- Uwashakanye cyangwa abashakanye na nyir'urugo. Iyo hari abagore benshi bashakanye na nyir'urugo, mubandika mukurikije uko bakurikiranye bashyingirwa (uhereye ku mugore mukuru)
- Abana ba nyiri urugo (kubandika uhareye ku mukuru mu myaka)
- Abana bakiriwe na nyiri urugo (mu buryo bwemewe n'amategeko)
- Ababyeyi ba nyiri urugo (se na nyina);
- Abavandimwe ba nyiri urugo;
- Abuzukuru ba nyiri urugo;
- Ababyeyi b'uwo bashakanye/umufasha we (Sebukwe/Nyirabukwe);
- Baramu/baramukazi ba nyiri urugo;
- Abandi bafitanye indi sano na nyiri urugo
- Abandi badafitanye sano na nyiri urugo
- Umukozi wo mu rugo ubihemberwa.

Umukarani w'ibarura amaze kwandika ku gapapuro urutonde rw'amazina y'abagize urugo, ni bwo amenya umubare w'intonde z'ibibazwa ziza gukoreshwa mu kubaza abo muri urwo rugo. Niba umubare w'abagize urugo uri hagati ya 1 na 15, hakoreshwa urutonde rw'ibibazwa rumwe. Mu rugo rw'abantu bari hagati ya 16 na 30, hagomba kuzuzwa urundi rutonde, ariko Igice A gusa kubera ko ibika biri mu Gice B bireba urugo rwose. Muri urwo rutonde rwa kabiri, umuntu wari ugezweho ari nawe wa mbere muri urwo rutonde yandikwa ku murongo wa mbere w'urutonde rw'abagize urugo agahabwa N°ID 16. Abandi nabo bahabwa n'imero zikurikiyeho uko bakurikirana. Niba urugo rugizwe n'abantu barenze 30, umukarani w'ibarura afata urutonde rwa gatatu rutangirwa na n'imero 31, gutyo gutyo (Igice A gusa). Kwerekana umubare w'intonde zakoreshejwe mu rugo ku GICE A, umukarani w'ibarura yandika ahabugenewe (ku gipapuro gifunitse urutonde), iburyo bwa "IFISHI": 1/1, 1/2, 2/2, 1/3, 2/3, 3/3...

**Icyitonderwa:** Agapapuro kanditseho amazina y'abagize urugo kaguma karambuye mu gihe cyose cy'ikiganiro ku bibazo byose bireba buri muntu uri mu rugo. Gafasha umukarani w'ibarura kudahuzagurika ajya gushakisha izina ry'uwo ashakaho amakuru.

## **Inkingi ya 1:**

Iyi nkingi yandikwamo n'imero zahawe abagize urugo rwa Panel ku kibazo cya 9, Igice 0.4. Niba ari urugo rushya, umukarani w'ibarura ntacyo yuzuzamo.

### **Ikibazo cya 1:**

Iki kibazo kibazwa gusa iyo utareba uwo ubaza, kandi amazina y'uwo muntu akaba adahagije kugirango umenye **igitsina** cye.

### **Ikibazo cya 2:**

Iki kibazo kimenyesha **isano** umuntu uyu n'uyu ubarirwa mu rugo **afitanye na nyiri urugo**. Ntabwo ari isano iri hagati y'uwo muntu n'undi muntu wo mu rugo (nk'umugore wa nyiri urugo).

### **Ikibazo cya 3:**

Mugomba kubaza imyaka ya buri muntu. Musanze ari ngombwa, mushobora kubasaba kwifashisha icyangombwa nk'indangamuntu ya kera (ku bakiyifite) cyangwa ifishi y'inkingo z'abana. Bidashobotse mwagerageza gufasha ubazwa kumenya igihe yavukiye mukoresheje amateka y'u Rwanda mu kwibukiranya ibintu bikomeye byagiye biba mu gihugu cyangwa mu ntara cyangwa umujyi.

Imyaka y'umuntu ni ikintu gikenewe mu bushakashatsi nk'ubu bwa EICV, aho imyaka izakoreshwa mu gusuzuma ibintu byinshi kandi niyo bazagenderaho mu kuzuza ibice bimwe na bimwe (irangamimerere, amashuri, umurimo...).

Imyaka y'umuntu yandikwa mu myaka n'amezi ku bana batarageza ku myaka 6. Iyo umwana ataramara umwaka, mwandika 00 ahagenewe kwandikwa "Imyaka" n'umubare w'amezi ahagenewe kwandikwa « Amezi ». Birumvikana ko umubare w'amezi ugomba kuba muni ya 12 igihe cyose. **Niba ubazwa atarageza ku myaka 12 y'amavuko, mujya ku kibazo cya 5.**

Ku bandi bantu bose (abafite hejuru y'imyaka 6), mwandika umubare w'imyaka gusa, imyaka y'amavuko yandikwa ni imyaka yuzuye ni ukuvuga imyaka umuntu ubarurwa yari yujuje ku isabukuru ye y'amavuko iheruka.

Hari abantu batazi by'ukuri imyaka yabo y'amavuko. Rimwe na rimwe, birashoboka ko wakora ikigereranyo ku myaka y'amavuko y'umuntu ugendeye kuri amwe mu mateka yaranze igihugu. Ukurikije aya mabwiriza, urutonde rw'amateka y'u Rwanda (reba ku mugereka) rushobora kwifashishwa. Buri gihe, gerageza kubona ibisubizo by'ukuri ku buryo bijyana neza n'imimerere y'ubazwa. Urugero, umugore ukuze w'imyaka 65 y'amavuko ntabwo ashobora kugira uruhinja rw'umwaka umwe, cyangwa umusore w'imyaka 18 y'amavuko wabyawe n'umugore ufite imyaka 19.

**Icyitonderwa:** Ikigereranyo cy'imyaka yemewe nubwo bitaba ukuri biruta kure kuba nta gisubizo cyaboneka. Buri mukarani w'ibarura agomba gukora rero ibishoboka byose kugira ngo buri muntu uri ku rutonde yandikirwe imyaka y'amavuko.

### **Ikibazo cya 4:**

Ikibazo cya 4 kireba gusa abafite imyaka 12 y'amavuko kujyana hejuru. Aha, ni ukugaragaza irangamimerere bwite y'umuntu ubazwa kuri ubu (umunsi w'ibarura).

### **Ibisobanuro**

- Abashakanye ni abantu bashyingiranywe hakurikijwe amategeko agenga ishyingirwa imbere y'ubutegetsi bwa Leta cyangwa bw'idini. Abashakanye mu buryo butemewe n'amategeko ni abashakanye mu buryo bwa gakondo.

- Kubana ku bwumvikane ni igihe abantu babiri bemeranya kubana batagombye gushyingiranwa ku buryo bwavuzwe haruguru.
- Uwatandukanye byemewe n'amategeko ni umuntu waretse kubana n'uwo bashakanye binyuze mu nkiko.
- Uwahukanye ni umuntu watandukanye n'uwo bashakanye by'agateganyo mu gihe iki n'iki. Igihe abashakanye bata kibana bikaba bitaremezwa n'inkiko bifatwa nko kwahukana n'iyi umwe yavugaga ko batazasubirana.
- Umupfakazi ni umuntu wafushije uwo bari barashakanye.
- Ingaragu ni umuntu utarigeze ashaka kandi utabana n'undi mu bwumvikane.

#### **Ikibazo cya 5:**

Iki kibazo kibazwa abantu bose. Mu gihe mwandika igisubizo, mugomba gukoresha amazina y'Uturere n'ibirango byatwo ku bavukiye mu Rwanda, amazina y'Ibihugu n'ibirango byabyo ku bavukiye mu kindi gihugu.

**Icyitonderwa :** Hateganyijwe igitabo gikubiyemo amazina y'Uturere n'Imirenge ya kera n'Uturere tw'ubu kibikwa n'umugenzuzi. Igihe umukarani w'ibarura ahawe n'uwo baganira amazina y'ahantu atazi aho haherereye kuri ubu, arayandika akaza kuyabaza umugenzuzi we kugirango ayahuze n'Uturere tw'ubu ari two tugomba kwandikwa mu rutonde rw'ibibazwa.

#### **Ikibazo cya 6:**

Kigamije kumenya ubwenegihugu uwo muntu afite ubu, ntikibaza ubwo yahawe akivuka. Iki kibazo gisubizwa hakoreshejwe ikirango cy'igihugu. Niba afite bwinshi, mwandika ubw'ingenzi. Ku bafite ubwenegihugu burenze bumwe harimo ubw'u Rwanda, mwandika Umunyarwanda.

#### **Ikibazo cya 7 kugera ku cya 10:**

Ibi bibazo ni ingenzi kuko bituma mumenya niba koko umuntu abarirwa cyangwa atabarirwa mu rugo. Ni ngombwa rero kugaragaza neza igihe yamaze atarubamo. Ashobora kuba yaragiye ahaba ubundi ntahabere. Icyo ngombwa ni ukumenya igihe yamaze adahari ugiteranyije mu mezi 12 abanziriza umunsi w'ibarura.

#### **Icyitonderwa:**

- Niba igisubizo ku kibazo cya 7 ari "Yego", umukarani w'ibarura abaza umubare w'amezi yamaze adahari ku kibazo cya 8. Niba atarahabaye mu bihe bitandukanye, ateranya iminsi yose cyangwa amezi yose yamaze atahabaye muri ibyo bihe akandika igiteranyo mu mezi. Iyo icyo gihe kiri munsi y'ukwezi, handikwa 0 (Ikibazo cya 8), Niba umuntu yimukiye muri urwo rugo vuba cyangwa abagize urugo bakaba bimukiye muri ako gace vuba kandi bakaba bafite igitekerezo cyo kuhaguma, igisubizo ku kibazo cya 9 kizaba 10 (indi mpamvu kuyivugaga).
- Ku mwana uzaba yaravutse muri ayo mezi 12, tuzamufata nk'aho yarahari kandi ko ntahandi yabaye kuva avutse.

Ku kibazo cya 9, habazwa impamvu y'ingenzi yatumye umuntu atahabaye hagakurikiraho kumubaza niba yarabaga cyangwa atarabaga mu rundi rugo (ikibazo cya 10).

Ibi bibazo bizatuma mumenya niba umuntu abarirwa cyangwa atabarirwa mu bagize urugo. Niba igihe yamaze adahari kiri munsi cyangwa kingana n'amezi 6, uwo muntu abarirwa mu bagize urugo. Umuntu utarahabaye mu gihe kirenze amezi 6, akaba ataranabarirwaga mu rundi rugo, abarwa nk'uri mu bagize urwo rugo. Abo ni nk'abari barwariye mu bitaro, abanyeshuri biga baba

ku ishuri, abari mu kazi ka gisirikari, abashoferi n’abandi. icyakora, umunyeshuri uba mu cyumba yigengaho, n’iyo yaba ari umwe, cyangwa akaba acumbikiwe akanagaburirwa n’abantu batari abo muri urwo rugo, azabarirwa mu rundi rugo.

**Ikibazo cya 11 na 12:**

Ikibazo cya 11 gituma mumenya niba ubazwa azaba akiri mu rugo igihe cy’ibarura, ni ukuvuga mu gihe cy’ukwezi mu muji cyangwa ibyumweru 2 mu cyaro. Niba atazaba ahari, mumubaza impamvu y’ingenzi ituma atazaba ahari (Ikibazo cya 12).

Ikibazo cya 12 kireba abantu bose bagize urugo batazaba bahari mu gihe cy’ibarura ni ukuvuga abashubije “Oya” ku kibazo cya 11. Kigamije kumenya impamvu bazaba badahari, byaba ngombwa bakabazwa ibibazo bibareba mu gika icyo ari cyo cyose mbere y’uko bagenda niba byagaragaye ko babarirwa mu rugo.

**Ikibazo cya 13 na 14 (bibazwa abantu bose batarengeje imyaka 20:**

Ibi bibazo bigamije kumenya niba ababazwa bafite ababyeyi kandi babana na bo mu rugo (umubyeyi w’umugabo/Se ku kibazo cya 13, umubyeyi w’umugore/Nyina ku kibazo cya 14).

**Ikibazo cya 15:**

Iki kibazo kigamije kugenzura niba buri muntu uri ku rutonde yujuje ibisabwa kuba umwe mu bagize urugo. Utabyujuje, ntabwo akomeza ikiganiro.

**Icyitonderwa :** Nibigaragara ko mu mezi 12 ashize, nyiri urugo yaba yarabaye mu rundi rugo bizirengagizwa, kuko we ari Nyiri urugo. Nyiri urugo ahora abarirwa mu bagize urugo, uko igihe yaba atarahabaye kingana kose, kandi agumya kubarurirwa mu bagize urugo n’ubwo yaba afite abagore benshi. Uruhinja rutagejeje ku mezi 6 kimwe n’umugeni ushyingirwe aho vuba nabo babarirwa mu bagize urugo.

Kuri buri muntu abarurirwa mu bagize urugo, mushyire agakubo mu nkingi C y’urupapuro ruzinze, maze mwandike igitsina mu nkingi A n’imyaka mu nkingi B.

## IGIKA CYA II: KWIMUKA

### INTEGO

Ibibazo biri muri iki gika bigamiye gutanga amakuru yerekeye uko abantu bimuka bava mu Karere runaka bajya mu kandi cyangwa bava mu bindi bihugu baza mu Rwanda, igihe abantu bamaze batuye mu Karere babarurirwamo, imiterere y'aho bari batuye mbere (umujiyi cyangwa icyaro), igihe bari bahamaze n'impamvu yatumye bimuka. Ibi bizatuma hamenyekana Uturere abantu bakunda kwimukiramo n'utwo abantu bimukamo n'impamvu yabyo.

Ibibazo biri muri iki gika bireba abagize urugo bose.

### Igisobanuro

Bivugwa ko umuntu yimutse iyo yavuye mu Karere yari atuyemo akajya mu kandi akaba ahamaze nibura amezi arenze 6 cyangwa afite igitekerezo cyo kuhaguma cyangwa kuhamara nibura amezi 6. Kuva mu gace kamwe ukajya gutura mu kandi ariko twose turi mu Karere kamwe cyangwa kuva mu Murenge usanzwemo ujya gutura mu wundi Murenge ariko yombi ikaba ibarizwa mu Karere kamwe ntibifatwa nko kwimuka. Kujiya kuba ahantu amezi atageze kuri 6 nabyo ntibifatwa nko kwimuka n'ubwo umuntu yaba yarahinduye intara cyangwa umujiyi.

### Ikibazo cya 1 kugera ku cya 8:

Ku kibazo cya 1, umukarani w'ibarura yandika ikirango cy'umuntu usubiza ni ukuvuga uwo baganira. Kuri buri muntu usubirizwa, abaza niba yarabaye/yaratuye igihe cyose muri ako Karere atuyemo (ikibazo cya 2). Niba igisubizo ari "Yego", ajya ku muntu ukurikiraho, niba igisubizo ari "Oya", abaza igihe uwo muntu amaze (Imyaka n'amezi) atuye cyangwa agarutse muri ako Karere (ikibazo cya 3). Niba igihe kiri muni y'umwaka cyangwa ukwezi, mwandike 0 mu kazu kabigenewe.

Ikibazo cya 4 kigamiye kumenya Akarere/Igihugu ubarurwa yabayemo mbere yo kuza kuba aho atuye ubu (reba ibirango by'Uturere n'Ibihugu). Ikibazo cya 5 kibazwa abari batuye mu Karere ako ari ko kose mu Rwanda. Umukarani w'ibarura abaza imiterere y'aho ubarurwa yari atuye mbere. Niba ari mu Rwanda, umukarani w'ibarura akurikiza inzego z'imijyi muri buri Karere nk'uko biri mu ntonde z'ibibazwa. Agomba kubaza umurenge n'Akarere ubarurwa yaje avamo kugirango amenye niba ako gace kabarizwa mu mujiyi cyangwa mu cyaro.

Ikibazo cya 6 kigamiye kumenya igihe (imyaka) uwo muntu yamaze aho hantu yari atuye mbere yo kuza gutura aho atuye ubu. Niba igihe kiri muni y'umwaka, handikwa 0. Ku kibazo cya 7, umukarani w'ibarura akomeza abaza impamvu yatumye uwo bireba yimuka aho yari atuye (reba igisubizo ku kibazo cya 4 uhamwibutse) mbere yo kuza aho ibarura rimusanze. Ikibazo cya 8 kibaza niba ubwo aheruka kwimuka yarimutse wenyine cyangwa hamwe n'abandi bari bagize urugo yaje avamo.

**Icyitonderwa:** Ku kibazo cya 8, nibigaragara ko hari urugo rwari rutuwemo n'umuntu umwe gusa hanyuma akaza kwimuka, igisubizo kizaba 3, kuko yaragize urugo rwose ari umwe. (ntitwavugaga ngo yimutse wenyine kandi yaribanaga, ahubwo ni urugo rwose).

## IGIKA CYA III: UBUZIMA

### INTEGO

Ntawe ushobora kuvuga imibereho myiza y'ingo atavuze ubuzima bw'abazituye. Ibibazo biri muri iki gika bigamije kumenya niba abantu bagize urugo bafite ubumuga n'ubwo ari bwo, niba bafite ubwishingizi bw'ubuzima n'ubwo ari bwo, kumenya niba bisuzumisha cyangwa bivuzwa n'impamvu y'ingenzi yatumye bajya kwisuzumisha.

Ibi bibazo bireba abagize urugo bose.

#### **Ikibazo cya 1:**

Icyo twita ikibazo cya 1 ni N° ID y'usubiza. Niba umuntu yisubiriza, birumvikana ko N° ID izaba imwe mu nkingi ya mbere n'ya kabiri.

#### **Ikibazo cya 2:**

Ikibazo cya 2 gikubiyemo ibibazo bibiri: kumenya niba umuntu afite ubumuga bukomeye bumubangamira mu buzima bwe busanzwe no kumenya ubwo ari bwo mu gihe abufite. Niba ubazwa nta bumuga afite, umukarani w'ibarura yandika 01 akajya ku kibazo cya 3. Niba ubazwa afite ubumuga bwinshi, abaza ubumubangamira kurusha ubundi akaba ari bwo yandika.

#### **Ikibazo 3:**

Iki kibazo gifasha kumenya abafite ubwishingizi bw'ubuzima n'ubwo ari bwo. Igihe dusanze umuntu akoresha ubwishingizi burenze 1, hazafatwa ubukoreshwa kenshi kurusha ubundi.

#### **Ikibazo cya 4 na 5**

Ikibazo cya 4 kibaza niba umuntu ubarurwa yarwaye mu byumweru bine bishize. Niba ari "Yego", umukarani w'ibarura abaza icyo yari arwaye ku kibazo cya 5. Niba atararwaye, umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 6.

#### **Ikibazo cya 6:**

Iki kibazo kigamije kumenya niba mu byumweru 4 bishize ubarurwa yarisuzumishije, yarivuje cyangwa yarikungije. Niba igisubizo ari "Oya" cyangwa "Ntabizi", umukarani w'ibarura ajya ku muntu ukurikira, yaba ari umuntu wa nyuma ubazwa, agakomeza ku Gika cya 4.

#### **Icyitonderwa:**

Kwisuzumisha indwara ni ukugenda ukabonana na muganga, umufasha we, utanga imiti, uwize kubyaza mu ishuri, umuvuzi wa gihanga cyangwa undi wese ukora umurimo wo kuvura, akakubwira icyo urwaye kugira ngo kibashe kuvurwa. Imiti umuntu yiguriye ku giti cye nta muntu wamusuzumye, yagiye munzu bacururizamo imiti akayigura akayitwara mu rugo, akajya ayikoresha . urugero nk'igihe yarwaye umutwe akaba afite Headex... amafaranga y'iyui miti ntabwo azandikwa muri iki gika, ahubwo tuzayasanga mu gika cya 9.

#### **Ikibazo 7:**

Iki kibazo kigamije kumenya impamvu y'ingenzi yatumye ajya kwisuzumisha ubwo aherukayo. Umukarani w'ibarura yandika ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe, niba ubazwa yarivuje/yarisuzumishije kenshi, umukarani w'ibarura yandika impamvu yamujyanye ubwo aherukayo.

## IGIKA CYA IV: UBUREZI

### INTEGO

Iki gika kigamije kumenya uko uburezi mu Rwanda buteye muri rusange. Ibisubizo ku bibazo biteganyijwe bizatuma hamenyekana umubare w'abageze mw'ishuri n'abatararigezemo, icyiciro cyo hejuru barangije, impamyabumenyi babonye n'amashami bayibonyemo. Kigamije kandi kumenya uko ubwitabire mu ishuri biteye (gusibira kw'abanyeshuri, gusiba ishuri n'impamvu zibitera), ibibazo bigaragara mu bigo by'amashuri n'amafaranga urugo rwatanze ku mashuri mu mezi 12 ashize. Iki gika kigamije na none kumenya mubare w'abize imyuga mu mezi 12 ashize n'umubare w'abazi gusoma, kwandika no kubara, abazi gukoresha ikoranabuhanga (mudasobwa) n'abatunze telefone zigendanwa.

Iki gika kigizwe n'ibice bibiri:

- Igice A : Uburezi muri rusange
- Igice B : Kwiga imyuga, kumenya gusoma no kwandika

### Uko ibisubizo byuzuzwa:

Abagomba kubazwa mu rugo ni abantu bose bafite imyaka 3 y'amavuko n'abayirengeje.

### IGICE A: UBUREZI RUSANGE

#### Ikibazo cya 1:

Iki kibazo kigamije gushungura. Ku bantu batigeze mu ishuri, umukarani w'ibarura ajya ku Gice B (Kwiga imyuga, gusoma no kwandika). Abakomeza ku kibazo cya 2 ni abageze mu ishuri harimo n'abana bato biga mu mashuri y'incuke.

#### Ikibazo cya 2:

Iki kibazo kigamije kumenya umwaka wo hejuru ubarurwa yarangije atsinze. Bavuga ko umuntu yarangije umwaka w'amashuri awutsinze iyo yemerewe kujya mu mwaka ukurikira.

Niba umuntu yararangije umwaka umuhesha impamyabushobozi yo mu rwego rwa masters, PhD, azashyirwa mu cyiciro cya 7<sup>+</sup>

Niba ubarurwa atararangije nibura umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza (ikirango kiri muni ya 16), umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 6.

#### Icyitonderwa:

- Niba ubazwa yiga mu mashuri y'incuke, umukarani w'ibarura yandika 01 atitaye ku mwaka ubazwa yigamo, maze agakomeza ku kibazo cya 7.
- Ibirango **21, 22** na **23** mu mashuri y'ingoboka bireba abiga/abize imyuga batarize cyangwa se batarangije icyiciro rusange (Tronc commun) cy'amashuri yisumbuye. Ibirango **31, 32** na **33** bireba abiga/abize imyaka ijyanye n'ibi birango mu cyiciro rusange (Tronc commun). Ibirango **24, 25** na **26** bireba abiga/abize imyuga mu mashuri y'imyuga/tekiniki barangije icyiciro rusange (Tronc commun). Ibirango **34, 35** na **36** bireba abantu bose biga/bize mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye rusange.

#### **Ikibazo cya 3 n'icya 4:**

Ibi bibazo bigamije kumenya impamyabumenyi/impamyabushobozi yo hejuru ubarurwa yabonye (ikibazo cya 4: reba ibirango by'impamyabumenyi/impamyabushobozi) n'ubwoko bw'ubumenyi (field) yayibonyemo (ikibazo cya 4). Umukarani w'ibarura agomba kwitonda akabaza neza amashuri ubarurwa yize kugirango akoreshe ikirango kijyanye n'ibyo abwiwe yifashishije ibirango byo muri ISCED 97 biri ku Mugereka wa IV. Ikirango kizagarukira ku mibarwa ibiri gusa, hariho n'umugereka wa III w'ingero zimwe na zimwe z'amashuri ya tekini.

#### **Ikibazo cya 5:**

Iki kibazo kibazwa abantu bageze mu mashuri makuru. Umukarani w'ibarura asobanurira uwo baganira ubwoko bw'amashuri makuru niba atashoboye gusubiza iki kibazo.

- Kaminuza ni ishuri rikuru ririmo ibintu byinshi bitandukanye kandi byemewe na komisiyo y'igihugu ishinze amashuri makuru (HEC)
- Ishuri rikuru ryihariye ( Institute/School) ni ishuri riba rizwi ku kintu cy'umwihariko. Nk'uburezi, ubuzima, icungamari,...
- Koleji ni amashuri makuru yashyizweho kugira ngo yunganire amashuri makuru yihariye.

**Icyitonderwa:** Iyo umukarani w'ibarura amaze kuzuza ikibazo cya 5, agenzura neza imyaka ya buri muntu ubazwa, uwo asanze iri hejuru ya 30, akajya ku gice B,Q1, Ku batarengeje imyaka 30 y'amavuko, akomeza kubabaza ibibazo bikurikiyeho.

#### **Ikibazo cya 6 :**

Ku kibazo cya 6, umukarani w'ibarura abaza umwaka w'amashuri umuntu ubarurwa yigamo cyangwa yigagamo mu myaka y'amashuri 2012 na 2013 akuzuza ikirango mu kazu kabugenewe. Niba ubazwa atari ari mu ishuri, handikwa 00 mu tuzu twateganyijwe.

**Icyitonderwa:** Ibisobanuro byatanze ku kibazo cya 2 birifashishwa no kuri iki kibazo

#### **Ikibazo cya 7:**

Ku kibazo cya 7, umukarani w'ibarura abaza niba ubarurwa yari mu ishuri mu mezi 12 ashize. Niba igisubizo ari "Oya", ajya ku kibazo cya 16. Niba ubazwa yagaragaje ko yiga mu mashuri y'incuke ku kibazo cya 2 (Q2=01), umukarani w'ibarura iyo amaze kuzuza iki kibazo akomeza ku kibazo cya 11. Niba ari "Yego" kuri iki kibazo cya 7, akomeza ku kibazo cya 8.

#### **Ikibazo cya 8**

Ikibazo cya 8 kigamije kumenya ugenga ikigo ubazwa yigamo/ yigagamo mu mezi 12 ashize. Umukarani yandika ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe mu kazu kabugenewe.

#### **Ikibazo cya 9:**

Kigamije kumenya ikibazo gikomeye kurusha ibindi ishuri ubarurwa yigamo/yigagamo rifite/ryari rifite. Umukarani w'ibarura yandika ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe mu kazu kabugenewe. Niba usubiza avuze ibibazo byinshi kuri iryo shuri, umukarani w'ibarura amubaza ikibazo yabonye gikomeye kurusha ibindi akaba ari cyo yandika.

#### **Ikibazo cya 10:**

Iki kibazo kigamije kumenya niba ishuri ubazwa yigamo/yigagamo rifite/ryari rifite imisarani itandukanye ku bahungu no ku bakobwa.



### **Ikibazo cya 11:**

Iki kibazo kigamije kwerekana amafaranga yatanzwe ku bijyanye n'ishuri, gituma hamenyekana amafaranga yose yasohowe n'urugo ajyanye n'imyigire y'ubururwa mu mezi 12 ashize.

**Icyitonderwa:** Amezi 12 ashize ashobora guhurirana n'imyaka ibiri y'amashuri. Icyo gihe umukarani w'ibarura agomba gushishoza akabaza yifashishije amezi, ibihembwe by'umwaka w'amashuri ayo mafaranga yatanzwemo. Kugira ngo ubazwa yibuke bitamugoye amafaranga yatanzwe n'urugo ku bijyanye n'ushuri ry'abiga cyangwa bize mu mezi 12 ashize, ibyo amafaranga ashobora gutangwaho byatandukanyijwe mu buryo bukurikira:

- Amafaranga yo kwiandikisha (A) ni amafaranga atangwa kugira ngo umunyeshuri yiyandikishe maze yinjire mu gitabo cy'ishuri. Amafaranga y'ishuri ni amafaranga yishyurwa buri gihembwe kugira ngo umunyeshuri ahabwe uburenganzira bwo kwiga (Minerval/school fees).
- Umusanzu w'ababyeyi (B): Amafaranga atangwa n'ababyeyi b'abanyeshuri baba bumvikanyeho mu nama kugira ngo bunganire ikigo mu bikorwa bimwe na bimwe (kubaka uruzitiro rw'ikigo, agahimbazamusi k'umwarimu...)
- Amafaranga y'imyambaro y'ishuri n'iya siporo (C) ni amafaranga atangwa kugira ngo umunyeshuri ahabwe umwenda uranga umunyeshuri igihe ari mu masomo n'umwenda umuranga igihe ari muri siporo.
- Amafaranga agura ibikoresho ni amafaranga atangwa mu kugura ibikoresho byose bikenerwa ku munyeshuri (ibitabo, amakaye, amakaramu, n'ibindi (D)).
- Amafaranga y'urugendo rwo kujya no kuva ku ishuri (E) ni amafaranga yishyurwa ku kinyabiziga gifasha uwiga kugera no kuva ku ishuri (bisi, tagisi, tagisi z'amavetiri, tagisi moto) cyangwa igare.

**Icyitonderwa:** Niba urugo rufite imodoka ijyana kandi ivana abana ku ishuri kandi ikaba ari cyo ikora cyonyine, amafaranga yatanzwe kuri lisansi n'ibindi iyo modoka ikenera cyangwa ikorerwa abarwa mu mafaranga y'urugendo kuri uwo munyeshuri. Niba ari benshi, amafaranga yose yatanzwe kuri icyo kinyabiziga agabanywa abo bana bose bagikoresha mu kujya no kuva ku ishuri.

- Amafaranga atangwa ku icumbi n'ifunguro (F) ryaba iry'abacumbikiwe ku ishuri cyangwa iryo bafatiraye ariko biga bataha ndetse n'ayicumbi ku bararaye niba atandukanye n'amafaranga y'ishuri yanditswe muri A.
- Amafaranga atangwa ku myidagaduro (G), ubwishingizi, ingendoshuri, ay'abarimu bigisha nyuma y'amasomo, n'ibindi bikorerwa ku ishuri hatabariwemo ayo mu gika cya 9.
- Amafaranga yose yatanzwe hadasobanuwe icyo yatangiwe (H): Amafaranga yose yatanzwe ku bijyanye n'ishuri niba ubazwa atashoboye kuyatandukanya. Igihe usubiza atibuka neza amafaranga yatanzwe kuri buri kintu, avuga umubare w'amafaranga yose yatanze kubijyanye n'imyigire y'ubururwa. Icyo gihe, umukarani w'ibarura aca agakoni gatambitse (tiret) ahagenewe igisubizo ku kibazo byose bibanza bikubiye mu kibazo cya 11 (kuva kuri A kugera kuri G).

### **Icyitonderwa:**

- Niba kuva kuri A kugeza kugeza kuri G cyangwa kuri H nta mafaranga urugo rwatanze, umukarani w'ibarura yandika 0 muri buri kazu kajyanye n'icyabajijwe na "tiret" mu nkingi ya H akajya ku kibazo cya 13;

- Niba amafaranga ku bijyanye n'ishuri kuri bamwe mu baba mu rugo yaratanzwe n'undi muntu cyangwa yaravuye ahandi hantu (Abandi bafitanye isano baba hanze y'urugo, Abagiraneza, Leta, imiryango itandukanye...) akaba yarageze mu ntoki cyangwa kuri konti y'umwe mu bagize urugo, icyo gihe aya mafaranga abarwa nk'ayatanzwe n'urugo;
- Ibikoresho byose bisa n'ibicyenerwa ku ishuri byaguzwe n'urugo ariko bitagenewe gukoreshwa n'umunyeshuli nk'ikaramu, ikaye... ntibizandikwa muri iki gika, ahubwo bizandikwa mu gika cya 8 kijyanye n'ibikoresho urugo rwaguze bitari ibiribwa;
- Amafaranga yishyuriwe umuntu uri mu rugo urengeje imyaka 30 ku bijyanye n'uburezi azandikwa mu gika cya 9 igice 9E mu kirango cya 13 cy'ibindi bintu bitangwaho amafaranga.

#### **Ikibazo cya 12:**

Iki kibazo kigamije kumenya uwarihiye umuntu ubarurwa igice kinini cy'amafaranga y'ishuri mu mezi 12 ashize. Amafaranga avugwa muri iki kibazo ni ayo urugo rwatanze. Niba Leta ifite umugabane itanga kuri buri shuri kugirango rishobore kurangiza inshingano zaryo, ayo mafaranga ntabwo abarwa ku munyeshuri.

#### **Ikibazo cya 13, icya 14 n'icya 15:**

Ikibazo cya 13 kigamije kumenya niba hari umunsi w'ishuri ubarurwa yaba yarasibye mu minsi 7 ishize. Niba atarasibye cyangwa atacyiga, umukarani w'ibarura ajya ku gice 4B,Q1. Niba ubazwa yarasibye, umukarani w'ibarura abaza umubare w'iminsi yasibye ishuri (ikibazo cya 14) n'impamvu y'ingenzi yatumye asiba amasomo (ikibazo cya 15). Niba igisubizo ari 01 umukarani ajya ku kibazo cya 17. Niba igisubizo ari 02-10, umukarani ajya ku gice cya 4B, ikibazo cya 1.

#### **Ikibazo cya 16 n'icya 17:**

Ibi kibazo bibazwa abantu bageze mu ishuri ariko batigeze bajya mu ishuri mu mezi 12 ashize. Habazwa igihe (umwaka) ubarurwa yarekeye kujya ku ishuri (ikibazo cya 16) n'impamvu y'ingenzi yatumye ava mu ishuri (ikibazo cya 17).

### **IGICE B: KWIGA IMYUGA ATARI MU ISHURI, KUMENYA GUSOMA NO KWANDIKA**

Ibibazo biri muri iki gice bibazwa abantu bose baba mu rugo bafite nibura imyaka 10 y'amavuko, ari abageze mu ishuri ndetse n'abatarageze mu ishuri.

#### **Ikibazo cya 1 n'icya 2:**

Ikibazo cya 1 kigamije kumenya niba ubarurwa yarize umwuga mu mezi 12 ashize ariko atawigiye mu ishuri. Ashobora kuba yarawigiye mu mahugurwa y'igihe gito cyangwa kirekire cyangwa se yarawigiye ahandi uwo mwuga ukorerwa cyangwa ahandi hantu hatari mu ishuri. Niba ari "Yego", umukarani wibarura abaza umubare w'amafaranga yatanze mu kwiga uwo mwuga (ikibazo cya 2) muri ayo mezi 12 ashize. Niba ari ntayo, yandika 0 ahabugenewe. Niba ubarurwa nta mwuga yize, ajya ku kibazo cya 3.

#### **Ikibazo cya 3, icya 4 n'icya 5:**

Umukarani w'ibarura abaza niba ubarurwa ashobora gusoma ibaruwa cyangwa inyandiko ngufi (ikibazo cya 3). Niba igisubizo ari "Yego", akomeza abaza niba ashobora kwandika ibaruwa cyangwa inyandiko ngufi (ikibazo cya 4), anamubaza kandi niba ashobora kubara yandika

(ikibazo cya 5). Niba igisubizo ari “Oya” ku kibazo cya 3, umukarani w’ibarura ajya ku kibazo cya 5.

**Icyitonderwa:** Umuntu avuga ko ashobora kubara yandika igihe ashobora kwandika umubare uwo ari wo wose akaba kandi ashobora kumenya umubare runaka ukomotse mu gukuba, kugabanya, guteranya cyangwa gukuramo indi mibare.

**Ikibazo cya 6:**

Iki kibazo kigamije kumenya niba ubarurwa ashobora gukoresha mudasobwa bitamugoye. Aha, gukoresha mudasobwa neza! bishaka kuvuga kumenya gukoresha amaporogaramu y’ibanze nka “Microsoft word, Excel” nibura.

**Icyitonderwa:** Niba ubazwa yashubije oya kuva ku kibazo cya 3 kugeza ku kibazo cya 5, umukarani w’ibarura yandika 3 “Oya ntiyize” kuri iki kibazo.

**Ikibazo cya 7:**

Iki kibazo kigamije kumenya niba umuntu ubarurwa yarakurikiye amasomo yo kwiga gusoma no kwandika atari mu ishuri ( mu isomero, mu rugo cyangwa ahandi hose uretse mu ishuri).

**Ikibazo cya 8:**

Iki kibazo kigamije kumenya abantu bo mu rugo batunze telefone zigendanwa kandi bazikoresha hatitawe kumenya icyo bazikoresha.

## IGIKA CYA V: IMITURIRE

### 5.1 INTEGO

Muri gahunda za Leta z'iterambere rirambye, imiturire ni imwe mu nkingi zitaweho na guverinoma kuko isanga ari bumwe mu buryo bwo gushyira mu bikorwa intego za gahunda ya kabiri y'imbaturabukungu (EDPRS II) aho u Rwanda rushyize imbere kuzamura imibereho myiza y'abaturage n'ubukungu bw'ingo. Imiturire ntibisobanura kugira icumbi byonyine. Imiturire myiza igomba kurenga icumbi ryiza, hakarebwa niba abantu batuye mu buryo bwisanzuye kandi burambye, ko bashobora kubona mu buryo buboroheye ibyangombwa bikenerwa iminsi yose nk'amazi akoreshwa mu rugo, ibicanwa, n'ibindi, ko nta ngaruka bashobora guhura nazo zitewe n'uko aho batuye hateye.

Iki gika kigamije kugaragaza ibi bikurikira:

- Uburyo bw'imiturire mu gace urugo ruherereyemo;
- Uburyo inzu zituwemo n'imiterere yazo ;
- Amafaranga atangwa ku nzu ingo zibarurwa zituyemo;
- Isuku n'isukura mu ngo no kurengera ibidukikije;
- Ibyubatse inzu ingo zibarurwa zituyemo;
- Uburyo ingo zibungabunga ibidukikije;
- Kwegera ibikorwa remezo na serivisi nkenerwa mu gace ingo zituyemo.

### 5.2 IBISOBANURO BY'AMAGAMBO AKORESHWA MURI IKI GIKA

**Imiturire:** uburyo abantu batuye burangwa n'uko inyubako zituwemo zegeranye cyangwa zitatanye, ingano n'imiterere y'ahatuwe n'imitunganyirize yaho.

**Umudugudu:** amazu yubatse hamwe kubera politiki nshya yo gutuza abantu hamwe mu rwego rwo kubegereza ibikorwa remezo. Ubu bwoko bw'imiturire bukunze kugaragara mu gice cy'icyaro no mu gice cy'Uturere tumwe tw'umujyi dusa n'igice cy'icyaro (Urugero: Rusororo, Bumbogo, Rutunga mu Karere ka Gasabo...)

**Urusisiro:** amazu yubatse hamwe atuwe ahanini n'ingo z'abantu bafite icyo bahuriyeho nk'umurimo, isano n'ibindi. Urugero: urusisiro rwa ISAR

**Akajagari:** uburyo bw'imiturire yo mu mujyi budakurikije igishushanyo cy'imitunganyirize y'umujyi (Igishushanyo Mbonera).

**Inzu ituwe:** inyubako yagenewe guturwamo cyangwa gukorerwamo ikindi kintu ariko ikaba ituwe.

**Igipangu:** Inzu imwe cyangwa amazu menshi ari mu rupangu rumwe atuwe n'ingo nyinshi cyangwa rumwe.

**Iriba:** amazi ava ikuzimu mu mwobo wacukuwe akazamuka hakoreshejwe imbaraga z'umuntu cyangwa impombo (pompe);

**Isoko:** amazi avomwa akiva mu butaka;

**Kano:** amazi y'isoko bahaye umuyoboro w'uruhombo (tuyau). Ayo mazi ntafungwa, ahora ameneka;

**Ikinamba:** amazi aretse mu gishanga kandi ahoraho;

**Amazi adendeje:** amazi areka mu gihe cy'imvura gusa;

**Amazi y'imvura:** amazi aretse aturutse ku gisenge cy'inzu.

## 5.3 UKO BYUZUZWA

### IGICE A: IBYEREKEYE INZU BABAMO N'UBURYO BAYIBAMO

#### **Ikibazo cya 1: Uburyo bw'Imiturire mu gace urugo ruherereyemo**

Akenshi, umukarani w'ibarura yuzuzwa igisubizo cy'iki kibazo ubwe atakibajije kuko imiturire iba igaragara. Ariko hari aho byagora cyane cyane mu cyaro, igihe umukarani w'ibarura asanze ingo zituye zegeranye mu gapande k'ibarura akaba yashobora kwitiranya umudugudu n'urusisiro. Ni ngombwa kubaza abahatuye cyangwa abayobozi niba iyo miturire itari muri bwa buryo bushyashya bwo gutuza abantu a hantu hamwe kugira ngo bagezweho ibikorwa remezo. Kuri iki kibazo, umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo kimwe mu bisubizo byateganyijwe.

#### **Ikibazo cya 2: Uburyo inzu ituwemo**

Iki kibazo kigamije kumenya uko inzu iteye n'uburyo ituwemo. Umukarani w'ibarura aba yabonye niba ari igorofa, igipangu cyangwa inzu isanzwe. icyo abaza ni uburyo iyo nzu ituwemo ni ukuvuga abaza niba urugo rubarurwa rutuye muri iyo nzu rwonyine cyangwa ruyihuriyemo n'izindi ngo.

#### **Icyitonderwa:**

**1. Inzu :** Niba ari inzu imwe ariko ifite ibice bitandukanye (Compartiment) bishobora guturwamo, buri gice gifatwa nk'inzu ukwayo. Igice kimwe gishobora guturwamo n'urugo rumwe cyangwa nyinshi. Mu gihe igice gituwe n'ingo nyinshi, urugo rubarurwa rubazwa ikibazo cya 3 n'icya 4, igituwe n'urugo 1, umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 5.

**2. Igipangu:** Igipangu gishobora kuba kigizwe n'inyubako imwe cyangwa nyinshi. Niba ari inyubako imwe, ariko ifite ibice bitandukanye bishobora guturwamo, buri gice gifatwa nk'inzu ukwayo. Igice kimwe gishobora guturwamo n'urugo rumwe cyangwa nyinshi. Mu gihe igice gituwe n'ingo nyinshi, urugo rubarurwa rubazwa ikibazo cya 3 n'icya 4, igituwe n'urugo 1, umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 5. Niba harimo inyubako nyinshi zitandukanye, buri nyubako izafatwa nk'inzu ukwayo. Niba hari inzu ituwe n'ingo zirenze rumwe, urugo rubarurwa rubazwa ikibazo cya 3 n'icya 4, igihe ituwe (inyubako=inzu) n'urugo 1, umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 5.

**3. Igorofa:** Niba ari igorofa imwe ariko ifite ibice bitandukanye (Appartements) bishobora guturwamo, buri gice gifatwa nk'inzu imwe. Igice kimwe gishobora guturwamo n'urugo rumwe cyangwa nyinshi. Mu gihe igice gituwe n'ingo nyinshi, urugo rubarurwa rubazwa ikibazo cya 3 n'icya 4. Niba igice cy'igorofa gituwe n'urugo 1, umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 5.

**Icyitonderwa:** uwashubije 2 niwe wenyine ubazwa ikibazo cya 3 n'icya 4.

#### **Ibibazo 3 – 4: Umubare w'ingo ziba mu nzu n'ibyumba zihuriyeho**

Uko inzu yaba iteye kose, niba ituwe n'urugo rumwe ari na rwo rubarurwa, umukarani ntabaza ikibazo cya 3 n'icya 4 ahubwo ajya ku kibazo cya 5. Niba ituwe n'ingo nyinshi, abaza ikibazo cya 3 (umubare w'izindi ngo urugo rubarurwa rubana nazo muri iyo nzu) n'ikibazo cya 4 kigamije kumenya niba hari ibyumba by'iyi nzu urugo rubarurwa ruhuriramo n'izindi ngo.

## **Ibibazo 5 – 6: Umubare w’ibyumba biyigize inzu ituwemo**

Ikibazo cya 5 kigamije kumenya umubare w’ibyumba inzu urugo rutuyemo ifite hatabariwemo ubwogero, igikoni, ikirongozi (Koridoro). Ikibazo cya 6 kigamije kumenya umubare w’ibyumba birarwamo by’inzu urugo rutuyemo, hongewemo ibyumba bararamo mu mazu yo hanze (annexes) niba bihari.

**Icyitonderwa:** Ibyumba birarwamo biri hanze y’inzu (annexes) ntibabarwa mu kibazo cya 5.

## **Ibibazo 7- 9: Igihe urugo rumaze mu nzu n’impamvu rwaba rwarimutse**

Ikibazo cya 7 kibaza igihe urugo rumaze ruba muri iyo nzu (imyaka n’amezi) naho icya 8 kigamije kumenya niba hari indi nzu urwo rugo rwabayemo mbere yo gutura mu yo rubarurirwamo. Niba nta yindi nzu rwabayemo mbere (igisubizo ari “Oya”), umukarani w’ibarura ajya ku kibazo cya 10. Niba hari indi nzu rwabayemo mbere yo gutura mu yo rubarurirwamo (igisubizo ari “Yego”), umukarani abaza impamvu y’ingenzi yatumye urugo ruyivamo (ikibazo cya 9).

## **Ibibazo 10 - 11: Nyiri inzu n’uburyo urugo ruyibamo**

Umukarani w’ibarura abaza nyiri urugo cyangwa umuhagarariye nyiri iyo nzu urugo rwabo rutuyemo (ikibazo cya 10) n’uburyo urugo ruyibamo (ikibazo cya 11). Niba nyiri urugo ari nawe nyiri iyo nzu, umukarani w’ibarura ajya ku Gice B, ikibazo cya 1. Niba bayikodesha, ajya ku Gice B, ikibazo cya 4. Uretse uwashubije ko ari nyirayo (igisubizo 1) cyangwa ko akodesha (igisubizo 2), abandi bese bajya ku Gice B, ikibazo cya 3.

## **IGICE B: AMAFARANGA ATANGWA KU NZU/ICUMBI**

### **Ibibazo 1 - 2: Agaciro k’inzu ituwemo**

Ikibazo cya 1 n’icya 2 bibazwa ingo zituye mu nzu zazo zonyine. Ikibazo cya 1 kibazwa abashubije 1 ku kibazo cya 11 ku gice A. Umukarani w’ibarura yandika imyaka urugo rumaze rwubatswe/ruguze cyangwa se rubonye iyo nzu, ku kibazo cya 2 kigamije kumenya agaciro k’iyo nzu ituwemo, umukarani akomeza abaza niba iyo nzu yagurishwaga babona yagurishwa ku mafaranga angahe.

### **Ikibazo cya 3: Agaciro k’ubukode bw’inzu urugo rutuyemo**

Iki kibazo kigamije guha agaciro k’ubukode inzu ituwemo n’urugo mu buryo butari ubukode. Iki kibazo kibazwa ingo zose uretse izashubije ko zikodesha ku kibazo cya 11, Igice A. Izo ngo ni izicumbikirwa n’umukoresha, izituye mu nzu zaboneye ubuntu, mu nzu zabohojwe, mu nzu y’icumbi ry’igihe gito...).

### **Ibibazo 4 - 9:**

Ibi bibazo bireba ingo zikodesha zonyine. Ikibazo cya 4 kigamije kumenya amafaranga atangwa n’urugo ku bukode bw’inzu rutuyemo n’igihe atangirwa. Ku kibazo cya 5, umukarani akomeza abaza niba hari ibindi bintu urugo rutanga bitari amafaranga ku bukode bw’inzu. Niba igisubizo ari oya, umukarani w’ibarura ajya ku kibazo cya 7, niba ari yego, abaza agaciro k’ibintu urugo rutanga ku bukode bw’inzu ku kibazo cya 6 na nyuma y’igihe babitangamo.

Ku kibazo cya 7, umukarani abaza niba hari undi muntu utari uwo muri urwo rugo ubarihira ubukode bw’inzu. Niba nta wundi muntu ubishyurira ubukode (igisubizo ari oya), umukarani

w'ibarura ajya ku kibazo cya 10. Niba ahari, abaza isano uwo muntu afitanye na nyir'urugo (ikibazo cya 8), amafaranga y'ubukode ariha n'igihe ayarihira (ikibazo cya 9). Mu gihe ubazwa ashubije ko atazi ayo uwo muntu ariha, umukarani w'ibarura asaba nyir'urugo ko yazabibaza, iki kibazo kikazabonerwa igisubizo ku isura rikurikiyeho.

#### **Ibibazo 10 – 11:**

Ibi bibazo bireba ingo zose. Bigamije kumenya niba hari amafaranga urugo rwatanze mu kubaka inzu nshya cyangwa gusana isanzwe mu mezi 12 ashize (ikibazo cya 10). Niba bashubije ko bayatanze (igisubizo ari yego), umukarani w'ibarura abaza umubare w'amafaranga yatanze muri ayo mezi 12 ashize (ikibazo cya 11). Niba ntayo batanze, ajya ku gice C.

**Icyitonderwa:** Amazu mashya/yaguwe/yasanwe avugwa muri ibi bibazo ni ayagenewe guturwamo. Amazu y'ubucuruzi, aya businesi (ayubakwa hagamijwe kuyagurisha cyangwa kuyakodesha) ntabwo abarwa.

### **IGICE C: ISUKU N'ISUKURA MU NGO NO KURENGERA IBIDUKIKIJE**

#### **Ibibazo 1 - 8:**

Ikibazo cya 1 kigamije kumenya aho urugo ruvana amazi rukoresha. Niba rufite robine mu nzu cyangwa mu rugo, umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 9. Niba bayavana ahandi, abaza intera (muri metero) iri hagati y'aho urugo rutuye n'aho ruvoma amazi akoreshwa (ikibazo cya 2), ubwoko bw'ivomero ry'amazi yo kunywa ribegereye (ikibazo cya 3), intera iri hagati y'aho urugo rutuye n'iryo vomero (ikibazo cya 4). Umukarani w'ibarura akomeza abaza niba urugo rukoresha iryo vomero (ikibazo cya 5). Niba igisubizo ari "yego", ajya ku kibazo cya 10. Niba ari oya, akomeza abaza impamvu y'ingenzi ituma badakoresha iryo vomero ry'amazi yo kunywa ribegereye (ikibazo cya 6), ubwoko bw'ivomero urugo ruvomaho amazi yo kunywa (ikibazo cya 7), intera iri hagati y'aho urugo rutuye n'iryo vomero (ikibazo cya 8), hanyuma umukarani w'ibarura akajya ku kibazo cya 10.

**Icyitonderwa:** Mu gihe umukarani w'ibarura abona uwo baganira atumva itandukaniro riri hagati y'amazi yo kunywa n'amazi akoreshwa mu rugo, agomba gusobanurira uwo baganira amazi twita ayo kunywa ayo ari yo. Amazi yo kunywa ni amazi meza, asukuye ku buryo adashobora kugira ingaruka/guteza uburwayi abayanyoye. Urugo rushobora kuvoma amazi akoreshwa kenshi mu rugo nko mubijyanye no kumesa, koga, guteka n'ibindi ku ivomero riri hafi ariko amazi yo kunywa rukajya kuyashaka ahandi.

#### **Ikibazo cya 9:**

Iki kibazo cya 9 kibazwa gusa abashubije ko bafite robine mu nzu cyangwa mu rugo ku kibazo cya 1. Kigamije kumenya amafaranga urugo rwatanze kuri fagitiri y'amazi ruheruka kubona n'umubare w'amezi yishyuye. Ni ngombwa ko umukarani w'ibarura abaza niba iyo fagitire ari iy'amazi yonyine. Agomba gusomera uwo baganira ibwiriza rijyanye n'iki kibazo: **"Niba muyifatanyije n'izindi ngo, vuga umugabane w'urugo rwanyu rwonyine. Niba ikomatanyije amazi n'amashanyarazi, vuga umugabane w'amazi yonyine"**.

#### **Ibibazo 10 - 13:**

Ibi bibazo bibazwa ingo zose. Bigamije kumenya niba urugo rwaraguze amazi mu minsi 7 ishize (ikibazo cya 10). Niba ntayo, umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 12. Niba ari Yego, abaza

amafaranga urugo rwishyuye mu minsi 7 ishize niba rwaraguze amazi ku bantu bayagurisha (ikibazo cya 11). Ikibazo cya 12 kibaza niba urugo rwaba rwaragurishije amazi. Niba rwarayagurishije bakabazwa ikibazo cya 13, kigamije kumenya amafaranga urugo rwakuye mu kugurisha amazi mu minsi 7 ishize. Niba ari ntayo rwagurishije, umukarani w'ibarura yandika 2 agakomeza ku kibazo cya 14, kigamije kumenya amafaranga urugo rwatanze mu kwezi gushize yo gufata neza ivomero. Niba ntayo rwatanze, umukarani w'ibarura yandika 0 agakomeza ku kibazo cya 15.

#### **Ikibazo cya 15:**

Iki kibazo gifasha kumenya uburyo urugo rukoresha mu gufata amazi y'imvura. Amazi avugwa ni ava ku gisenge cy'inzu urugo rutuyemo. Umukarani w'ibarura yuzuza mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe n'urugo.

#### **Ibibazo 16 - 17:**

Ikibazo cya 15 kibaza uburyo bw'ingenzi urugo rukoresha mu kubonesha mu nzu iyo bwije. Ku buryo bwose butari ubw'amashanyarazi na biyogazi, umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 18. Mu rugo rukoresha amashanyarazi, ababaza amafaranga bishyuye mu byumweru 4 bishize (ikibazo cya 17). Agomba gusomera uwo baganira ibwiriza rijyanye n'iki kibazo: **“Niba muyifatanyije n'izindi ngo, vuga umugabane w'urugo rwanyu rwonyine. Niba ikomatanyije amazi n'amashanyarazi, vuga umugabane w'amashanyarazi yonyine”**. Amafaranga yandikwa ni ayo urugo rwatanze ku mashanyarazi yonyine.

#### **Ibibazo 18 - 21:**

Ibi bibazo bigamije kumenya ibicanwa bikoreshwa mu guteka (ikibazo cya 18), aho bamena ibishingwe byo mu rugo (ikibazo cya 19), ubwoko bw'umusarane ukoreshwa n'urugo (ikibazo cya 20) n'uburyo urugo ruwukoresha niba ruwihariye cyangwa se ruwusangiye n'izindi ngo (ikibazo cya 21). Kuri ibi bibazo byose, umukarani w'ibarura yandika ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe mu kazu kabugenewe agakomeza.

#### **Ibibazo 22 - 25: Ibidukikije**

Ibi bibazo birebana n'ibidukikije. Ikibazo cya 22 kibaza niba mu mezi 12 ashize urugo rwarigeze ruhura n'ibibazo bitewe no kononekara kw'ibidukikije maze abashubije “Yego” bakabazwa ikibazo gikomeye kurusha ibindi bahuye nacyo. Niba nta kibazo urugo rwahuye nacyo cyo kononekara kw'ibidukikije, umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 24 kibaza niba mu mezi 12 ashize urugo rwarabonaga amakuru ajyanye n'akamaro ko kubungabunga ibidukikije n'aho ruyakura h'ingenzi. Ku bavuze ko nta makuru babonye ajyanye n'akamaro ko kubungabunga ibidukikije mu mezi 12 ashize, umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 26. Ku bashubije ko babona amakuru ajyanye no kubungabunga ibidukikije, umukarani w'ibarura abaza aho bayakura h'ingenzi (ikibazo cya 25).

#### **Ibibazo 26 - 27: Interineti**

Ibi bibazo bijyanye n'ikoranabuhanga rya interineti bigamije kumenya niba urugo rufite umuyoboro wa interineti rukoresha (ikibazo cya 26). Niba ruwufite, umukarani w'ibarura abaza ubwoko bw'umuyoboro w'ingenzi ukoreshwa n'urugo akandika ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe mu kazu kabugenewe. Niba bavuze ko nta muyoboro wa interniti urugo rufite, umukarani w'ibarura ajya ku gice D.



**Icyitonderwa:** Imiyoboro abagize urugo bakoresha aho bakorera cyangwa iyo basanga ahandi ntabwo ibarwa.

## **IGICE D: IBIRANGA INZU URUGO RUTUYEMO**

### **Ibibazo 1 - 4: Ubuso n'ibyubakishije inzu ituwemo n'urugo**

Ibi bibazo bugamije kumenya uko inzu urugo rutuyemo iteye: ibikoresho by'ingenzi byubatswe inkuta (ikibazo cya 1), ibisakaye inzu (ikibazo cya 2), ibishashe hasi mu nzu (ikibazo cya 3) ndetse n'ubuso bw'iyi nzu (ikibazo cya 4). Ibibazo bya mbere 3, umukarani yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe, naho ku kibazo cya 4 umukarani w'ibarura yandika ubuso bw'inzu mu kazu kabugenewe nyuma yo gufata ibipimo by'inzu.

### **Icyitonderwa:**

1. Ubuso bw'inzu bupimirwa inyuma kandi bugapimwa uherye ku ibaraza ry'inzu. Niba inzu ituwe n'ingo nyinshi, izapimwa yose.

2. Igihe urugo rutuye mu nzu irenze imwe, hazafatwa ubuso bw'inzu y'ingenzi, ubuso bw'inzu zo hanze (Annexes) ntibubarwa.

## **IGICE E: KWEGERA, KUNYURWA N'IMIKORESHEREZE Y'IBIKORWAREMEZO**

Ibibazo biri muri iki gice bigamije kumenya niba abaturage bafite ibikorwaremezo hafi yabo no kubona serivisi z'ibanze bakeneye mu buryo buboroheye. Ibikorwaremezo cyangwa ahantu hatangirwa serivisi zigenewe abaturage muri rusange ni byo byashyizwe muri iki gice.

### **Ibibazo 1 - 7:**

Kuri buri gikorwaremezo/ahatangirwa serivisi, umukarani w'ibarura abaza uwo baganira niba bakunze kugikoresha (ikibazo cya 1). Ku bantu bavuze ko batarakoresha na rimwe cyangwa ko bagikoresha rimwe na rimwe, ababaza impamvu batarakoresha (ikibazo cya 2). Niba igisubizo ku kibazo cya 1 ari 1, ajya ku gikorwaremezo/ahatangirwa serivisi hakurikira. Niba igisubizo ari 3 cyangwa 4 ku kibazo cya 1, ajya ku kibazo cya 3 agakomeza. Naho abavuze ko batakizi, ajya ku gikorwaremezo gikurikira. Ikibazo cya 3 kigamije kumenya igihe (amasaha n'iminota) abantu bakoresha bagenda n'amaguru kugira ngo bagere kuri icyo gikorwaremezo/aho hatangirwa serivisi. Ikibazo cya 4 kibaza intera (muri metero) iri hagati y'aho urugo rutuye n'aho icyo gikorwaremezo gihereye. Iyo ubazwa atabashije kuvuga intera ihari, umukarani w'ibarura azajya amufasha kugereranya intera ihari agendeye ku gihe yamubwiye bakoresha bajya aho igikorwaremezo gihereye. Ikibazo cya 5 kigamije kumenya uburyo bw'ingenzi bukoreshe n'abatuye mu gace urugo ruherereyemo kugira ngo bagere kuri icyo gikorwaremezo, naho icya 6 kigamije kumenya niba bishimiye imikorere cyangwa imikoreshereze y'icyo gikorwaremezo. Ikibazo cya 7 cyo kigamije kumenya uko imikorere cyangwa imikoreshereze y'igikorwaremezo yahindutse bagereranyije n'uko byari bimeze mu mezi 12 ashize.

## IGIKA CYA VI: IMIRIMO N'IGIHE IKORERWA

### INTEGO

Iki gika kigamije kumenya abantu bose bakoze umurimo uwo ari wose ubyara inyungu mu mezi 12 abanziriza ibarura. Abo bantu bashobora kuba barakoze imirimo y'ubuhinzi-bworozi bikorera cyangwa bakorera undi muntu wo mu rugo batabihemberwa cyangwa babihemberwa. Bashobora na none kuba barakoze imirimo itari iy'ubuhinzi-bworozi, umuntu yikorera ku giti cye cyangwa akorera undi muntu, ahembwa amafaranga cyangwa abona indi nyungu cyangwa atabihemberwa byaba ari mu kazi gahoraho cyangwa mu kazi k'igihe gito. Kigamije kandi kumenya ibiranga imirimo ikorwa (ishami ry'umurimo bakoramo/bakoragamo, umurimo bakora, amasaha bakora n'ibindi). Kigamije na none kumenya umubare w'abashomeri n'imiterere y'abo no kumenya umubare w'abadakora ntibabe n'abashomeri n'imiterere yabo. Ibyo bikazapimwa hashingiwe ku gihe ngenderwaho cy'amezi 12 n'icy'iminsi 7.

### Uko byuzuzwa

Iki gika kirimo ibice 6 bitandukanye. Bireba abagize urugo bose bafite imyaka 6 kujyana hejuru. Byaba byiza abo bireba bagiye bisubiriza kuri buri gice cy'ibibazo. Niba abana badahari ababyeyi bashobora kubasubiriza. Iyo benshi mu bagize urugo badahari, mugomba kugirana ikiganiro n'abahari, mukumvikana igihe muzaganirira n'abadahari.

**Icyitonderwa:** Imirimo ikurikira ntabwo ishyirwa mu cyiciro cy'imirimo ibyara inyungu: Imirimo yo mu rugo ikorwa n'abagize urugo batabihemberwa (Guteka, gufura, kwidodera umwambaro, kwigisha abana, kurera abana...). Indi mirimo itabarwa nk'ibyara inyungu ni nk'umuganda, gukorera umuntu mutabana mu rugo utabihemberwa, kugura imigabane mu kigo cy'ubucuruzi...

### Ibisobanuro

**Amezi 12 ashize:** Mu gihe muri mu kiganiro, mugomba gusobanura neza uko icyo gihe kireshya. **Urugero:** niba ibarura ribaye tariki ya 6/12/2013, ni ukuvuga ko ayo mezi abarwa guhera tariki ya 6 ugushyiraho 2012.

**Iminsi 7 ishize:** Ni ukuvuga iminsi 7 ibanziriza umunsi w'ikiganiro nkuko ikurikirana, ntabwo ari icyumweru gishize. **Urugero:** niba ikiganiro kibaye kuwa kabiri 03/12/2013, bizaba ngombwa gusobanura ko ari igihe gihera kuwa kabiri tariki ya 27/11/2013 kugera kuwa mbere tariki 02/12/2013.

## IGICE 6A: IMIRIMO YOSE YAKOZWE MU MEZI 12 ABANZIRIZA IBARURA

Ibi bibazo 6 bigamije kumenya niba hari umurimo uwo ariwo wose ubazwa yaba yakoze mu mezi 12 abanziriza ibarura.

### Ibibazo bya 2-3:

Ibi bibazo bireba imirimo y'ubuhinzi bworozi. Kuva ku kibazo cya 2 kugera ku cya 3, ubaza buri muntu uba mu rugo niba mu mezi 12 ashize hari umurimo yakoze. Kuri buri kibazo igisubizo ni "yego" cyangwa "Oya", hanyuma ukandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo uhawe.

**Icyitonderwa:** Ku kibazo cya 2, umuntu uhingisha ku mafaranga (akohereza amafaranga bakamuhingira, ibivuyemo akabigurisha cyangwa se bigatunga urugo) ariko ntiyigere agera mu murima/imirima ye ngo arebe uko bikorwa (nta gihe yigeze akoresha muri uwo murimo), ntabwo akora umurimo w'ubuhinzi.

**Ibibazo bya 4-6:**

Ibi bibazo bireba imirimo itari iy'ubuhinzi bworozi. Kuva ku kibazo cya 4 kugera kuri 6, ubaza buri muntu uba mu rugo niba hari umurimo yakoze mu mezi 12 ashize. Kuri buri kibazo, igisubizo ni “yego” cyangwa “Oya”, hanyuma ukandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo uhawe.

**Icyitonderwa:** Niba igisubizo kuva ku kibazo cya 2 kugera ku kibazo cya 6 ari 2, wandika 0 mu kibazo cya 7A na 7B.

**Ikibazo cya 7:**

Iki kibazo kibazwa uwasubije “Yego” kuri kimwe ku bibazo 2, 3, 4, 5 na 6; ni ukuvuga ko yigeze gukora, kikaba kigamije kumenya umubare w'imirimo yakozwe mu gihe cy'amezi 12 no mu gihe cy'iminsi 7. Umukarani w'ibarura abanza kurebe neza niba umuntu agiye kubaza iki kibazo hari aho yasubije “Yego” kuri kimwe mu bibazo bibanza. Abaza umubare w'imirimo buri muntu yakoze mu mezi 12 ashize akwandika mu tuzu twabugenewe, hanyuma akanamubaza umubare w'imirimo yakoze mu minsi 7 ishize na yo akayandika mu tuzu twabugenewe. Ku muntu wese byagaragaye ko yakoze nibura umurimo umwe muri iki kibazo, umukarani w'ibarura ajya ku gice 6B, ikibazo cya 3 ariko ari uko yamaze kuzuriza abantu bese.

**Icyitonderwa:** Umuntu ashobora kuba yarakoze mu mezi 12 ashize ariko atarakoze mu minsi 7. icyo gihe, umukarani w'ibarura yandika umubare w'imirimo yakozwe mu nkingi ijyanye n'amezi 12 ashize, akandika 0 mu nkingi ijyanye n'iminsi 7 ishize. Kubera ko iminsi 7 ishize iri mu mezi 12 ashize, ntibishoboka kwandika 0 mu nkingi (colonne) y'amezi 12 ariko birashoboka kwandika 0 mu nkingi y'iminsi 7.

**Ikibazo cya 8:**

Iki kibazo kibazwa uwashubije “Oya” ku bibazo byose kuva ku cya 2 kugeza ku cya 6. Umukarani w'ibarura yandika mu tuzu twabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe, agakomeza ku muntu ukurikira bigaragara ko nta murimo yakoze mu mezi 12 ashize. niba ubazwa ariwe wanyuma umukarani w'ibarura ahita ajya ku gice cya 6E.

**IGICE 6 B: IMIRIMO N'IGIHE IKORERWA**

Ibibazo byo muri iki gice bibazwa abantu bese bafite nibura imyaka 6 y'amavuko baba mu rugo bashubije “Yego” (ko bakoze mu mezi 12 abanziriza ibarura) nibura kuri kimwe mu bibazo 2, 3, 4, 5 na 6 byo mu gice 6A. Iki gice gitanga ibisobanuro ku bwoko bw'umurimo/imirimo yakozwe, icyo ikigo/umukoresha akorera/yakorera gikora, ibihe (amezi) ikorwamo/yakozwemo ndetse n'amasaha yakozwemo mu minsi 7 ibanziriza ibarura. Iki gice kigamije kandi kumenya uko umuntu yakoraga uwo murimo/iyo mirimo.

**Ikibazo cya 3:**

Iki kibazo kigamije kumenya neza umurimo/imirimo umuntu ubazwa akora/yakoze. Ni ngombwa gukora urutonde mu ikaye rw'imirimo buri muntu mu bagize urugo yakoze mbere yo kubaza ibibazo byo muri iki gice. Inkingi ya 1 yandikwamo N° ID y'uwo yakozwe umurimo, naho imirimo

yose yakozwe n'abagize urugo ifite N° ziyiranga mu nkingi ya 2. Kwandika neza mu buryo busomeka uwo murimo n'ikirango cyawo mu nkingi zabigenewe. Mu gihe umuntu yakoze imirimo myinshi, ni byiza ko imirimo ye yakurikirana mbere yo kujya ku iy'undi muntu, kandi N°ID ikandikwa mu nkingi ya 1 ku murongo ujyanye na buri murimo akora/yakoze. Ni ukuvuga ko nimeru y'ukora umurimo mu nkingi ya 1 igomba kwandikwa incuro zingana n'umubare w'imirimo uwo muntu yakoze.

Mu nkingi ya 3, imirimo umuntu yakoze mu mezi 12 ashize igomba gusobanurwa neza kandi haherewe ku murimo w'ingezi (uwo akora/yakozemo igihe kirekire cyangwa uwo abonamo inyungu nyinshi iyo imirimo yakozwe mu gihe kingana). Iyo umurimo usobanuye neza mu rutonde rw'ibibazwa, biroroha kuwushakira ikirango.

Urugero rw'uburyo bwemewe n'uburyo butemewe mu myandikire y'umurimo.

No	Uburyo butemewe	Uburyo bwemewe
1	<del>Rwiyemeza mirimo</del>	Rwiyemeza mirimo mu bwubatsi
2	<del>Umwarimu</del>	Umwarimu mu mashuri abanza
3	<del>Umukozi wa Leta</del>	Kwandika umurimo akora (Umunyamabanga, Ushinzwe imicungire y'abakozi, Umuyobozi ushinze iby'imari, ... )
4	<del>Umuhinzi</del>	Umuhinzi wihingira ibyo gutunga urugo
5	<del>Gucuruza ibitoki</del>	Umucuruzi w'ibitoki mu isoko

Ku bijyanye no gushyiraho ikirango, hazakoreshe urutonde mpuzamahanga rw'imirimo rwo mu mwaka w'2008 ruri ku mugereka. Uru rutonde rw'imirimo ubusanzwe rugira inzego enye ariko tuzakoreshe urwego rwa gatatu mu kuzuza ibirango. Ku mugereka, hari urwego rwo hejuru, n'urwa gatatu.

Mu gushyiraho ibirango, abakarani b'ibarura bagomba kwitwararika ibi bikurikira:

1. Banza usome neza umurimo wakoze;
2. Tekereza urwego rwo hejuru uwo murimo washyirwamo;
3. Shaka ikirango (code) cy'umurimo ku rwego rwa gatatu, ariko ugendeye ku rwego rwo hejuru uwo murimo urimo.

Ingero z'ibirango ku mirimo imwe n'imwe :

No	Umurimo	Ikirango
1	Umuhinzi wihingira ibyo gutunga urugo	631
2	Umuhinzi uhingira amafaranga	921
3	Umukozi wo mu rugo	911
4	Local defense	541
5	Umwarimu mu mashuri abanza	234

#### **Ikibazo cya 4:**

Iki kibazo kigamije kumenya ishami ry'umurimo ukora/uwakoze akoramo/yakozemo. Ahanini ishami ry'umurimo riba rijyanye n'ibyo ikigo cyangwa umukoresha akora. Birashoboka ko abantu baba bakora umurimo umwe ariko bawukorera ibigo bikora ibintu bitandukanye. Umushoferi utwara tagisi afite ishami ry'umurimo ritandukanye n'iry' umushoferi ku kibuga cy'indege. Uwa mbere akora mu bwikorezi bwo mu muhanda, naho uwa kabiri akora mu bwikorezi bwo mu

kirerere. Umucungamari wa Simba Super Market afite ishami ry’umurimo ritandukanye n’umucungamari wa ULK. Umwe akora mu bucuruzi budandaza, undi agakora mu burezi.

Nkuko twabibonye ku kibazo cya 3, kuri iki kibazo naho, ishami ry’umurimo rikwiye gusobanurwa neza kugira ngo byorohe gushyiraho ikirango cyaryo.

Urugero rw’uburyo bwemewe n’uburyo butemewe mu myandikire y’ ishami ry’umurimo.

No	Uburyo butemewe	Uburyo bwemewe
1	Ubucuruzi	Ubucuruzi budandaza (boutique, mu isoko...)
2	Ubwikorezi	Ubwikorezi bwo mu muhanda...
3	Consultance	Consultance mu burezi

#### **Icyitonderwa:**

1. Ntabwo bishoboka ko ikirango cyo ku kibazo cya 3 gisa n’ikirango cyo ku kibazo cya 4.

2. Umuntu uzaba yarakoze umurimo umwe ariko ahantu hatandukanye mu mezi 12 ashize, uyu murimo uzandikwa incuro zitandukanye hakurikijwe igihe yawukoreye n’aho yawukoreye, no ku ishami hagende handikwa ishami yakozemo.

**Urugero:** Umuyede/umufundi wafashije mu gusana amashuri mu gihe cy’amezi 2 akongera agakora ubuyede mu kubaka inzu yo guturamo mu gihe cy’ukwezi 1.

3. Mu gihe umuntu yakozwe umurimo umwe no mu ishami rimwe mu bihe bitandukanye mu mezi 12 ashize, ibyo bihe bizateranywa, handikwe umurimo umwe.

4. Ku munyeshuri wiga kandi anakora umurimo ubyara inyungu, uyu murimo akora uzandikwa.

5. Ku kibazo cya 3 n’icya 4, abakarani b’ibarura bifashisha urutonde mpuzamahanga rw’imirimo (ISCO 2008) ku migereka ya II y’iki gitabo.

#### **Ikibazo cya 5:**

Iki kibazo kigamije gushyira imirimo yakozwe mu byiciro bibiri by’ingenzi: Imirimo igamije isoko (market oriented activities) n’imirimo ikorerwa gutunga urugo (Non-market oriented activities). Muri rusange, imirimo yose ihemberwa umushahara cyangwa iy’ubucuruzi ni imirimo igamije isoko. Birashoboka ko wahita umenya igisubizo ku kibazo cya 5 utiriwe ukibaza uhereye ku gisubizo wabonye ku kibazo cya 3 n’icya 4. Mu gihe igisubizo ku kibazo cya 4 ari ubuhinzi bukorwa na ba nyiri urugo, hakenewe kumenyekana niba ubwo buhinzi bugamije ahanini isoko. Urugero: Niba mu musaruro urugo rubona, umwinshi ugurishwa, igisubizo ku kibazo cya 5 kizaba 2. Niba umusaruro mwinshi ukoreshwa mu gutunga urugo, igisubizo kizaba 3. Niba igisubizo ku kibazo cya 3 ari ubuhinzi bukorera amafaranga (Nyakabyizi mu buhinzi), nabwo igisubizo ku kibazo cya 5 ni 2.

#### **Ikibazo cya 6:**

Iki kibazo kigamije kumenya umubare w’amezi umurimo wakoze mu gihe cy’amezi 12. Ni ngombwa gufasha ubazwa kwibuka neza umubare w’amezi yakozemo akazi gake cyangwa agasanze mu mezi 12 ashize. Aha ngaha, ugomba kubaza ikibazo neza kuko ubazwa ashobora kucyumva nabi akaba yakubwira umubare w’amezi yose amaze akora akazi. Ntabwo igisubizo kigomba kurenga 12. Mu gihe uwo murimo wakoze mu gihe kitageze ku kwezi igisubizo kiba 1,

mu gihe uwo murimo wakozwe amezi yose y’umwaka igisubizo kiba 12. (Ibisubizo bishoboka biri hagati ya 1 na 12).

### **Ikibazo cya 7:**

Iki kibazo kigamije kureba umurimo w’ingenzi wakozwe mu mezi 12 hashingiwe ku gihe umuntu yawumazemo. Kuri iki kibazo, ntabwo bikwiye ko hasubizwa “Yego” ku mirimo irenze umwe ku muntu umwe ufite imirimo myinshi. Niba avuze ko yakoresheje igihe kingana mu mirimo irenze umwe, umukarani amusaba guhitamo uw’ingenzi kandi akagenzura niba ari uwo umurimo yari yahereyeho asubiza ku kibazo cya 3. Niba atari wo yahereyeho, arakomeza ariko ku bantu bakurikiyeho, akajya yibuka kubabwira guhera ku murimo w’ingenzi niba bakora/barakoze myinshi.

### **Ikibazo cya 8-9:**

Iki kibazo kigamije kureba imirimo yakozwe mu minsi 7 ibanziriza ibarura mu mirimo yose yakozwe mu gihe cy’amezi 12 ashize kabone nubwo yaba yarakozwe mu gihe cy’isaha imwe gusa muri icyo minsi 7. Niba igisubizo ari “Oya”, umukarani w’ibarura ajya ku kibazo cya 12. Niba ari “Yego”, amubaza niba ari muri uwo murimo yakoresheje igihe cye kinini (ikibazo cya 9). Iki kibazo gisa nk’icya 7, uretse ko kigamije kumenya niba ari uwo murimo yakozemo igihe kinini mu minsi 7 ishize aho kuba mu mezi 12 ashize. Aha naho, umukarani w’ibarura agomba gusuzuma kugirango atandika “Yego” irenze imwe ku muntu wakoze imirimo irenze umwe.

### **Ikibazo cya 10-11:**

Ibi bibazo bibazwa abagize umurimo bakora mu gihe cy’iminsi 7 ibanziriza ibarura. Ku kibazo cya 10, umukarani w’ibarura abaza amasaha yose umuntu yakoze kuri buri mu murimo mu gihe cy’iminsi 7 ibanziriza ibarura. Ikibazo cya 11 kigamije kumenya umubare w’iminsi uwo muntu yakoze muri buri murimo wakozwe muri icyo gihe, umukarani yandika umubare w’iminsi ubazwa yakoze muri icyi minsi 7. Igisubizo kigomba kuba hagati ya 1 na 7. Mu gihe umuntu adahise yibuka neza umubare w’amasaha cyangwa iminsi yakoze, umukarani w’ibarura amufasha kuyabara/kuyibara umunsi ku wundi akagenda ayandika ku rupapuro hanyuma akayateranya/akayiteranya. Igiteranyo ni cyo cyandikwa mu kazu kabugenewe. Kuri ibi bibazo, igisubizo “0” nticyemewe.

### **Ikibazo cya 12.**

Ikibazo cya 12 kigamije gutandukanya imirimo yakozwe mu mezi 12 ashize igikorwa kugeza ku itariki y’ibarura n’imirimo yakozwe mu mezi 12 ariko ikaza guhagarara ikaba itagikorwa. Ubazwa asubiza “Yego” cyangwa “Oya” kuri buri murimo wakozwe mu mezi 12 ashize.

### **Ikibazo cya 13**

Kubaza igihe umuntu amaze/yamaze akora muri buri murimo yakoze mu mezi 12 ashize. Niba igihe amaze akora uwo murimo ari ukuva ku mwaka kuzamura, andika umubare w’imyaka mu nkingi yabigenewe, hanyuma wandike n’umubare w’amezi ahabigenewe. Mu gihe ari imyaka yuzuye nta mezi arengaho, andika 0 ahagenewe amezi. Niba igihe amaze akora uwo murimo kitageze ku mwaka, andika 0 mu nkingi y’imyaka, hanyuma wandike umubare w’amezi mu nkingi y’amezi. Mu gihe uwo murimo awumazemo igihe kitageze ku kwezi kumwe, andika 0 mu nkingi y’imyaka na 0 mu nkingi y’amezi.

#### **Ikibazo cya 14**

Iki kibazo kigamije kumenya umukoresha w’uwakoze umurimo wavuzwe (Abikorera, Leta, ...) Kugira ngo iki kibazo cyumvikane neza umukarani w’ibarura ashobora gusomera bimwe mu bisubizo bishoboka ubazwa kugira ngo arusheho kucyumva neza, hanyuma akandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n’igisubizo ahawe.

Umuhinzi wihingira, uhingira abandi akorera amafaranga kimwe n’umufasha mu mirimo y’ubuhinzi bworozi bakorera “abikorera mu mirimo y’ubuhinzi” (igisubizo ni 02). Umukozi wo mu rugo ubihemberwa, umuzamu mu rugo rw’umuntu...bakorere “urugo” (igisubizo ni 09)

#### **Ikibazo cya 15:**

Baza iki kibazo hanyuma usomere ubazwa bimwe mu bisubizo bishoboka kugira ngo acyumve neza. Mu gihe urugo rurimo abantu benshi bakora mu buhinzi-bworozi bakorera urugo; nyiri urugo niwe Muhinzi-mworozi wikorera (4) naho abandi baba muri urwo rugo bahingana na nyiri urugo bashyirwa mu cyiciro cy’abakora mu buhinzi bworozi badahembwa (5).

#### **Icyitonderwa:**

Umukarani w’ibarura asabwa kureba neza aho buri gisubizo kimwohereza. Mbere yo kujya ku bindi bice, ibibazo byose byo mu gice B bigomba kuba byasubijwe kuri buri murimo wakozwe mu mezi 12 ashize.

### **IGICE 6 C: IMIRIMO IHEMBERWA/IMIRIMO Y’UMUSHAHARA**

Ibibazo biri muri iki gice bibazwa abantu bose bafite imyaka 6 n’abayirengeje baba muri urwo rugo bashubije 1 cyangwa 2 ku kibazo cya 15, igice 6B (Umukozi wo mu buhinzi uhembwa cyangwa Umukozi uhembwa utari uwo mu buhinzi).

**Icyitonderwa:** Kubera ko imirimo yose abagize urugo yahawe N° iyiranga mu gice B, ni ngombwa kubahiriza izo N° ntizihinduke muri iki gice no mu gice D. Niba umurimo runaka wanditse ku murongo wa mbere, uzakomeza kuba kuri uyu murongo mu gice icyo ari cyo cyose. Urugero: Niba nyiri urugo akora imirimo 2, uwa mbere ukaba ari uw’umushara (N° 01), uwa kabiri ukaba ari ubucuruzi muri boutique (N° 02) mu gice B. Mu bice C na D, iyi mirimo izagumana nimeru zayo ku buryo nko mu gice C nta kizandikwa mu tuzu tw’umurongo wa kabiri ufite nimeru 02 mu nkingi ya 2 kimwe n’uko mu gice D nta kintu cyuzuzwa mu tuzu tw’umurongo wa mbere ufite nimeru 01 mu nkingi ya 2..

#### **Ikibazo cya 16:**

Iki kibazo kibazwa abakora bahembwa bashubije 1 2 ku kibazo cya 15. Umukarani abaza ubwoko bw’amasezerano y’akazi kuri buri murimo, hanyuma akandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n’igisubizo ahawe. Mu gihe igisubizo kuri iki kibazo ari 1 cyangwa 2 urakomeza ubaze ibibazo bikurikiraho, naho mu gihe igisubizo ari 3 kugera kuri 6 urasimbuka ujye ku kibazo cya 22.

**Akazi gahoraho:** Ni akazi gafite amasezerano agira igihe atangirira kizwi ariko igihe azarangirira kitazwi. Urugero: Umukozi wa Leta ugengwa na sitati (status).

**Akazi k’igihe kizwi (Fixed term contract):** Ni akazi gafite amasezerano amara igihe runaka kizwi.

**Akazi k’igihe gito mu mirimo idasanzwe:** Ni akazi k’igihe gito, kandi katajyanye n’ibikorwa bihoraho bisanzwe by’ikigo;

**Akazi k'ibihe bijyanye n'umwaka:** Ni akazi gasanzwe kaba kenshi mu gihe runaka cy'umwaka. Urugero: ubuhinzi.

**Nyakabyizi:** Ni akazi gakorwa umunsi ku munsi, uwakoze agatahana ibihembo yakoreye.

#### **Ikibazo cya 17:**

Iki kibazo kibazwa abakozi bakorera umushahara basubije 1 cyangwa 2 ku kibazo cya 16. Umukarani w'ibarura abaza igihe bifata kugira ngo umushahara w'ubazwa uzamuke muri buri murimo. Ukwiyongera k'umushahara kuvugwa ni ubwiyongere buturutse ku burambe umukozi amaze muri ako kazi.

#### **Ikibazo cya 18 kugeza ku cya 21**

Ibi bibazo bibazwa abakozi bakorera umushahara kandi bashubije 1 cyangwa 2 ku kibazo cya 16 (Abafite amasezerano y'akazi gahoraho cyangwa y'igihe kizwi). Umukarani w'ibarura abaza uwo baganira niba ukora umurimo urimo kuganirwaho afite uburenganzira kuri ibi bikurikira:

18: Ubwishingizi mu kwivuza

19: Guteganyirizwa pensiyo y'izabukuru

20: Ikiruhuko gihemberwa (Gukomeza kubona umushahara iyo yagiye muri konji)

21: Guhembwa mu gihe afite ikiruhuko cy'uburwayi.

Kuri buri kibazo, igisubizo ni “Yego” cyangwa “Oya”, umukarani w'ibarura akandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye na buri gisubizo ahawe.

#### **Ikibazo cya 22 n'icya 23**

Kubaza niba umushahara ku murimo ubazwa ukatwaho umusoro (ikibazo cya 22). Itegeko ry'imisoro riteganyaga ko umushahara utagera ku mafaranga 360 000 ku mwaka, ni ukuvuga 30 000 cyangwa munsi ku kwezi usohesha 0%. Abakozi babona umushahara utarenze **30 000Fr** niba bashobora kuvuga ko umushahara ari muto (igisubizo = 3 aho 2). Ku kibazo cya 23, umukarani w'ibarura abaza umubare w'amafaranga (umushahara) ukora umurimo aheruka guhembwa havuyemo imisoro n'igihe ahemberwa.

#### **Ikibazo cya 24 kugera ku cya 29**

Ibi bibazo bigamije kumenya niba hari ibindi bihembo birenze ku mushahara umukozi yabonye ku murimo uganyirwaho nk'ibiribwa cyangwa ibikoresheho (ikibazo cya 24), icumbi (ikibazo cya 26), izindi nyungu nko kurahirwa itumanaho (ikibazo cya 28). Niba igisubizo ari “Yego” kuri buri kibazo, umukarani w'ibarura abaza agaciro k'ibyo bihembo mu mafaranga (ikibazo cya 25, icya 27 n'icya 29). Ibihembo kuri buri kibazo bijyana n'igihe umukozi abiboneraho cyangwa yagiye abiboneraho. Iyo nta bihembo byavuzwe umukozi yabonye bitari amafaranga (igisubizo ari “Oya”) ku kibazo cya 24, umukarani w'ibarura ajya ku cya 26. Niba naho nta byo, ajya ku kibazo cya 28. Iyo umukozi asubije ko nta zindi nyungu yabonye ku kibazo cya 28, umukarani w'ibarura ajya ku gice E. Iyo yazibonye, amaze ikibazo cya 29 na none akajya ku gice E.

### **IGICE 6 D: IMIRIMO IBYARA INYUNGU ITARI IY'UBUHINZI-BWOROZI**

Iki gice kireba abantu bose baba mu rugo bafite nibura imyaka 6 y'amavuko basubije “3” ku kibazo cya 15 mu gice cya 6B (Uwikorera mu mirimo itari iy'ubuhinzi ibyara amafaranga).



Imirimo ivugwa muri iki gice ishobora kuba ari iy'ubucuruzi (ibiribwa, imyambaro...), inganda (zikora amasabuni, imitobe...), imyuga se (ubuganga, kuburanira abandi, kudoda imyenda...), cyangwa indi mirimo itari iy'ubuhinzi (koza imodoka, gutaka ahabera ibirori...). Muri rusange, iki gice kigamije gutanga ibisobanuro birambuye ku mirimo inyuranye itari iy'ubuhinzi abatuye urugo bikoreye bo ubwabo cyangwa babifashijwemo n'abandi, baba abo mu rugo rwabo cyangwa abandi.

### **Ikibazo cya 30**

Iki kibazo kigamije kumenya niba umurimo ubyara inyungu uzwi. Umukarani w'ibarura abaza niba uwo murimo ubyara inyungu wanditse mu kigo cy'igihugu cy'iterambere cg cy'imisoro n'amahoro (RDB/RRA) cyangwa mu Karere/Umurenge. Mu gihe umurimo wanditse hombi, umukarani w'ibarura yandika ikirango kijyanye na RRA/RDB

### **Ikibazo cya 31**

Iki kibazo kigamije kumenya niba hari inguzanyo ukora umurimo yatse mu mezi 12 ashize mu rwego rwo guteza imbere uwo murimo. Kubaza niba mu mezi 12 hari inguzanyo yasabwe muri banki, VUP cyangwa ikindi kigo gitanga inguzanyo. Iyo igisubizo ari "Yego" ubaza niba iyo nguzanyo barayibonye cyangwa niba batarayibonye akandika ikirango kijyanye n'igisubizo uhawe.

### **Ikibazo cya 32**

Kubaza niba uwo murimo ubyara inyungu ukomoka ku mafaranga y'inguzanyo ya VUP. Ibisubizo bishoboka ni 3:

1. Yego, Inguzanyo ku giti cyanyije: mu gihe ari nta wundi mufatanyije uwo murimo ubyara inyungu, ari wowe waste inguzanyo, ukaba ufite n'inshingano yo kuyishyura ku giti cyawe.
2. Yego, inguzanyo mu itsinda: Mu gihe uwo murimo ubyara inyungu ari uw'itsinda ry'abantu bishyize hamwe bagaherwa inguzanyo hamwe.
3. Oya: mu gihe uwo murimo udakomoka ku mafaranga y'inguzanyo ya VUP

### **Ikibazo cya 33**

Kubaza icyiciro umurimo ubyara iyungu ubarizwamo. Mu gihe uwo murimo ukorwamo n'abantu batandukanye bagize urugo ku buryo utawitirira umwe mu bagize urwo rugo, igisubizo ni "3" umurimo w'urugo. Mu gihe umurimo ubyara iyungu atari uwa cooperative ntube n'uwa association ariko ukaba ufite umuntu watirirwa muri urwo rugo kabone naho bamwe mu bagize urugo baba bawukoramo ariko batawufiteho uburenganzira bungana n'ubwo uwitirirwa, igisubizo ni "4"; umuntu ku giti cye.

### **Ikibazo cya 34**

Kubaza umubare w'abafite imigabane muri uwo murimo. Iyo mu rugo hari abantu benshi bafite imigabane muri uwo murimo, habarwa umwe abandi bakirengagizwa. Iyo nta wundi muntu ufitemo umugabane wandika "1".

### **Ikibazo cya 35**

Ikibazo cya 35 kibaza ijanisha ry'amafaranga urugo rubona ugereranyije n'ayinjijwe n'umurimo yose hamwe. Mu gihe umurimo ari uw'urugo cyangwa uw'umuntu ku giti cye nta bandi bantu bafitemo imigabane, umugabane w'urugo uzaba 100%.

### **Ikibazo cya 36**

Ikibazo cya 36 kibaza umubare w'abantu bakoreshejwe muri uwo murimo ubyara inyungu numezi 3 ashize hatabariwemo nyiri igikorwa. Abakoze muri uyu murimo batabihemberwa nabo babarirwamo. Mu gihe nta muntu numwe wakoreshejwe wandika"0".

### **Ikibazo cya 37**

Kubaza niba muri uwo murimo yarakoresheje abakozi bahoraho cyangwa b'igihe gito mu minsi 7 ishize. Aha ni abakozi bakorera umushahara cyangwa ibindi bihembo. Kuri iki kibazo ntabwo habazwa umubare w'abakozi. Igisubizo ni "Yego" cyangwa "Oya".

### **Ikibazo cya 38**

Kubaza umubare wa ba nyiri igikorwa banagikoramo. Iyo nyiri igikorwa atagikoramo ubwe wandika"0".

### **Ikibazo cya 39**

Ikibazo cya 39 kigamije kumenya niba muri uwo murimo bakora ibaruramari mu buryo buhoraho cyangwa bandika mu buryo buhoraho amafaranga yinjije, ayasohotse, inyungu yabonetse....

### **Ikibazo cya 40 na 41**

Ikibazo cya 40 kibaza imbogamizi ikomeye kurusha izindi ubazwa yahuye nayo atangira uwo murimo naho icya 41 kibaza ahantu h'ingenzi amafaranga y'igishoro (yo gutangiza uwo murimo) yakomotse. Kuri buri kibazo, umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

### **Ikibazo cya 42, 43 na 44**

Kuva ku kibazo cya 42 kugeza ku cya 44, umukarani w'ibarura yandika umubare w'amafaranga n'ikirango kijyanye n'igihe amafaranga yatangiwe cyangwa se yinjiriye, bikandikwa mu tuzu twabugenewe.

Ikibazo cya 42 kibaza amafaranga nyiri umurimo yatanze kubakozi n'igihe ayo mafaranga yatanzwemo: kumunsi, icyumweru, ukwezi cyangwa umwaka.

Ikibazo cya 43 kibaza amafaranga nyiri umurimo yatanze kubindi bitari abakozi(Nko gukodesha inzu, kugura ibikoresho...) n'igihe ayo mafaranga yatanzwemo: ku munsi, icyumweru, ukwezi cyangwa umwaka.

Ikibazo cya 44 kibaza amafaranga yose nyiri umurimo yinjije avuye kuri uwo murimo hatavuyemo ay'imisoro, ayo yahembye abakozi n'ayandi yaba yarishyuye. Habazwa n'igihe ayo mafaranga yinjiyemo: kumunsi, icyumweru, ukwezi cg 'umwaka.

### **Ikibazo cya 45**

Iki kibazo kibaza niba urugo rufatanije n'izindi ngo imicungire y'amafaranga akomoka kuri uyu murimo. Nyuma yo kubaza iki kibazo, ujya ku murimo ukurikira. Niba nta wundi usigaye, ukajya ku gika gikurikira.

## **IGICE 6E: IBIBAZO KU BASHOMERI, ABAKORA IMIRIMO IRI MUNSI Y'UBUSHOBOZI BWABO**

Iki gice kigamije kumenya impamvu abantu baba mu rugo batigeze bagira icyo bakora mu minsi 7 ibanziriza ibarura batakoze, niba bashobora gukora akazi karamutse kabonetse, niba barigushaka akazi n'uburyo bakoresha kugira ngo bakabone. Kigamije kandi kureba ibiranga abashomeri bigeze gukora, no kureba abakora mu mirimo iri munsu y'ubushobozi bwabo cyangwa abakora amasaha make ugereranije n'ayo bifuzaga gukora.

### **Ikibazo cya 1:**

Kubaza niba mu minsi 7 ibanziriza ibarura hari umurimo ubyara inyungu ubazwa yaba yakoze nibura isaha imwe. Kugirango hatagira umurimo wibagirana, ni byiza ko ubaza yakoresha urutonde rw'imirimo ruri ku gika cya 6A kuva ku kibazo cya 2 kugeza ku cya 6. Iyo ubazwa asubije ko yakozwe urasimbuka ukajya ku kibazo cya 17, yakubwira ko atakozwe ugakomeza ku kibazo cya 2.

### **Ikibazo cya 2:**

Kubazwa uwasubije ko atigeze akora isaha imwe nibura mu minsi 7 ibanziriza ibarura. Kigamije kumenya niba uwo utarakozwe asanzwe afite akazi ariko akaba yarasibye mu minsi 7 ibanziriza ibarura kubera impamvu zitandukanye. Iyo asubije ko asanzwe akora ariko akaba yarasibye, urakomeza ku kibazo cya 3. Iyo igisubizo ari "Oya, ntakora", urasimbuka ukajya ku kibazo cya 5.

**Icyitonderwa:** Ku bantu bashubije ko batagize umurimo n'umwe bakora mu gihe cy'amezi 12 ashize mu gika cya 6A, igisubizo ku kibazo cya 1 n'icya 2 kigomba kuba "Oya".

### **Ikibazo cya 3:**

Iki kibazo kubazwa abasubije ko basanzwe bakora ariko bakaba batarakozwe mu minsi 7 ibanziriza ibazwa kubera impamvu zitandukanye. Kigamije kumenya iza mpamvu iza arizo.

### **Ikibazo cya 4:**

Kubazwa abantu bese bashujwe ko batakoze mu minsi 7 ku kibazo cya 1, n'abashubije ko basanzwe bafite akazi ariko bakaba batarakozwe mu minsi 7 ishize ku kibazo cya 2. Kigamije kumenya mubare mpuzandengo w'amasaha ubazwa akora mu cyumweru. Nyuma yo kubaza icyo kibazo urasimbuka ukajya ku kibazo cya 17.

### **Ikibazo cya 5:**

Kubazwa uwashubije "Oya" ku kibazo cya 1 n'icya 2. Kigamije kureba niba koko uwo muntu atarakozwe, ariko akaba adaha agaciro umurimo yakozwe kubera kumva ko ari muto cyangwa akawima agaciro kuko utamunyuze. Kubaza umuntu niba mu mirimo iri ku rutonde hari uwo yaba yarakozemo nibura isaha imwe mu minsi 7 ibanziriza ibazwa.

Mu mirimo iri ku rutonde, umuntu ashobora kuba yarakozwe imirimo irenze umwe. Ikigagamijwe kuri iki kibazo ntabwo ari ukumeya umubare w'imirimo umuntu yakozwe cyangwa se iyo ari yo. Hagamijwe kumenya gusa niba umuntu yarakozwe nibura umwe muri icyo mirimo. Niyo mpamvu mu kubaza iki kibazo, umukarani w'ibarura asomera uwo abaza uru rutonde rw'imirimo, umwe ku wundi. Iyo hari umurimo yakozemo (igisubizo ari yego nibura ku murimo umwe), ahita ahagarara kumubaza indi mirimo isigaye, akandika ikirango kijyanye n'igisubizo "Yego" hanyuma akajya ku kibazo cya 17. Iyo igisubizo ku mirimo yose iri ku rutonde (kuva kuri 1 kugeza kuri 10 ari "Oya", yandika 2 ugakomeza.

**Ikibazo cya 6:**

Iki kibazo kigamije kumenya impamvu yatumye ubazwa atarakoze mu minsi 7 ibanziriza ibarura. Mu gihe igisubizo kuri iki kibazo ari 5, 6 cyangwa 7, umukarani w'ibarura ajya ku gice cya 6F (Imirimo yo mu rugo). Ku bindi bisubizo urakomeza.

**Ikibazo cya 7:**

Iki kibazo kigamije kureba niba abantu batakoze mu minsi 7 yabanjirije ibarura bari kuba biteguye guhita batangira akazi iyo kaza kuboneka muri icyo gihe. Iki kibazo akaba ari kimwe mu bigenderwaho kugira ngo umuntu abarwe nk'umushomeri.

**Ikibazo cya 8:**

Iki kibazo kigamije kureba niba uwashubije ko atakoze mu minsi 7 ibanziriza ibarura yarigeze ashaka akazi mu gihe cy'ukwezi mbere y'uko abazwa. Iki kibazo na cyo kigenderwaho kugira ngo hemezwe ko umuntu ari umushomeri. Iyo ubazwa asubije ko yashatse akazi, urakomeza ku kibazo gikurikiraho. Iyo asubije ko atigeze agashaka, urasimbuka ukabaza ikibazo cya 10.

**Ikibazo cya 9:**

Iki kibazo kigamije kumenya uburyo ubarurwa yakoresheje mu gushaka akazi. Kibazwa abashubije ko bashatse akazi mu gihe cy'ukwezi kwabanjirije ibarura. Iyo ubazwa yakoresheje uburyo bwinshi butandukanye, mubaza ubw'ingezi yakoresheje. Kuri buri gisubizo cyose uhawe, usimbuka ibibazo bikurikiyeho ukajya ku kibazo cya 12.

**Ikibazo cya 10:**

Iki kibazo kibazwa abashubije ku kibazo cya 8 ko batigeze bashaka akazi mu byumweru 4 bishize. Kigamije gutandukanya abatarashatse akazi nyamara bifuza gukora n'abandi batagashatse kuko batagakeneye. Iyo igisubizo kuri iki kibazo ari "Yego" urakomeza ku kibazo gikurikiyeho cya 11. Iyo ari "Oya", ujya ikibazo cya 13.

**Ikibazo cya 11:**

Iki kibazo kigamije kumenya impamvu ubazwa atashatse akazi kandi yifuza gukora. Kibazwa abantu bashubije ko bifuza gukora ku kibazo cya 10.

**Ikibazo cya 12:**

Iki kibazo kigamije kumenya igihe abadakora kandi bifuza gukora bamaze bashaka akazi. Umukarani w'ibarura yandika umubare w'imyaka n'amezi umuntu amaze adakora mu tuzu twabugenewe.

**Ikibazo cya 13:**

Iki kibazo kigamije kumenya abantu batakaje akazi kabo ka mbere n'abari gushakisha akazi kabo ka mbere. Iyo igisubizo kuri iki kibazo ari "Yego" urakomeza; igisubizo cyaba "Oya", ukajya ku gice cya 6F.

**Ikibazo cya 14:**

Uwasubije ko yigeze akora ariko akaba atagikora, abazwa impamvu zatumye ahagarika cg ava kukazi ke kanyuma gaheruka, wandika ikirango mu kazu kateganyijwe kijyanye n'igisubizo uhawe .

**Ikibazo cya 15 n'icya 16:**

Iki kibazo cya 15 kibaza ubazwa uburyo yakoragamo umurimo naho ikibazo cya 16 kibaza uwo yakoreraga uwo murimo. Kugira ngo ubazwa yumve neza ikibazo ushobora kumusomera bimwe mu bisubizo bishoboka. Nyuma yo gusubiza ikibazo cya 16 urasimbuka agakomeza ku gice 6F.

**Ikibazo cya 17-18:**

Ku basubije ko bakoze mu minsi irindwi ibanziriza ibarura (ikibazo cya1) cg batakoze kubera gusiba ku kazi basanzwe bafite (Ikibazo cya2) babazwa niba iyo baza kubona undi murimo uhemberwa wiyongera kuyo bafite bari kubona umwanya wo kuwukora (Ikibazo cya 17). Abasubije yego kuri icyo kibazo babazwa umubare w'amasaha y'inyongera bari gukora mucyumweru muri uwo murimo w'inyongera (Ikibazo cya 18).

**Ikibazo bya 19-21:**

Ikibazo cya 19 kibaza niba ubarurwa yifuza guhindura umurimo we w'ingezi. K'wasubije ko atifuza guhindura umurimo we w'ingenzi, umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 21.

Ikibazo cya 20 kibaza uwifuza guhindura akazi ke k'ingezi impamvu y'ingenzi ituma yifuza kugahindura. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

Ikibazo cya 21 kibaza niba umurimo w'ingenzi akora ujyanye n'ubumenyi/amashuri yize.

Kuri iki kibazo umuntu utarize ariko ukora ibijyanye n'ubumenyi afite ku buryo kutiga nta mbogamizi bimutera mu mirimo akora, igisubizo ni “Yego”. Ni ukuvuga ko ibyo akora bijyanye n'ubumenyi afite.

**Ingero ku bisubizo bishoboka:**

Umuntu ukora mu bintu bitajyanye n'ibyo yize (2): umuntu wize imibare akaba ari receptionist. Ukora akazi kari muni y'ubumenyi afite (3): umuntu ufite maitrise muri statistics ariko akaba ari umukarani w'ibarura.

Ukora umurimo uri hejuru y'ubumenyi bwe (4): umuntu ufite diplôme Ao akaba yigisha muri Kaminuza.

**IGICE 6F: IMIRIMO YO MU RUGO, INDI MIRIMO YOSE ISIGAYE**

Iki gice kireba abantu bose baba murugo bafite nibura imyaka 6 bakoze imirimo yo murugo hatabariwemo umukozi wo mu rugo ubihemberwa.

Iki gice kigamije kumenya niba abatuye urugo hari umwanya bahariye imirimo yo mu rugo mu minsi 7 ishize n'igihe (mu masaha) bakoresheje muri icyo mirimo habariwemo n'igihe cy'urugendo bajya kandi bava kuyikora.

**Ibibazo kuva kuri 1 kugeza 12:**

Ikibazo cya 1 kigamije kumenya niba ubazwa yaravomye amazi yo gukoresha mu rugo mu minsi 7 ibanziriza ibarura. Niba ubazwa ataravomye mu minsi 7 ishize, umukarani akomeza ku kibazo cya 3. Niba yaravomye (igisubizo ari “Yego”), amubaza igihe cyakoreshejwe mu kuvoma mu minsi 7 ibanziriza ibarura (ikibazo cya 2).

**Icyitonderwa:** Niba ubazwa yaragiye kuvoma iminsi irenze umwe n’incuro nyinshi mu minsi 7, icyo gihe ni ugufata igihe yakoresheje buri ncuro 1 ukagikuba n’incuro yavomye ku munsu. Niba yarabikoze iminsi irenze umwe, ugateranya igihe yagiye akoresha buri munsu.

Ikibazo cya 3 kigamije kumenya niba ubazwa yaratahije inkwi, yaragiye kwasa, kwikorera inkwi zo gucana mu minsi 7 ibanziriza ibarura, gisubizwa nk’icya 1. Niba igisubizo ari “Oya”, ajya ku kibazo cya 5. Niba ari “Yego”, amubaza igihe yakoresheje muri uwo murimo mu minsi 7 ibanziriza ibarura. Ibibazo bindi bikurikiraho bibazwa muri ubu buryo kuri buri murimo.

**Icyitonderwa:** Niba igihe cyavuzwe kiri munsu y’iminota 30, kwandika 0. Niba kiri hejuru y’iminota 30, kwandika isaha 1. Niba ari amasaha arengaho iminota iri munsu ya 30, kwandika ayo masaha yavuzwe. Niba iminota irengaho iri hejuru ya 30, kwandika umubare w’amasaha ukurikira uwo wabwiwe.

**Urugero :** Umuntu uvuze ko yagiye kuvoma amazi yo gukoresha mu rugo rimwe mu minsi 7 ibanziriza ibarura agakoresha iminota 25 (ikibazo cya 2), wandika 0.

Niba umuntu akubwiye ko yagiye gutashya inkwi gatatu mu minsi 7 ibanziriza ibarura agakoresha buri gihe amasaha abiri n’igice, uteranya ayo masaha ukandika umubare umwe ( $2h30' \times 3 = 7h30' = 8h$ ).

**IGIKA 0: RAPORO Y'IBARURA N'ISUBIRAMO NA RAPORO Y'IGENZURA**

**Intego:**

Iki gika kigamije gutanga raporo y'uko umurimo wo kubarura ku bika bigize igice B cy'urutonde rw'ibibazwa wagenze mu rugo no kugaragaza mu ncamake uko umukarani w'ibarura yujuje buri gika.

**Uko byuzuzwa**

Amafishi yerekana uko byagenze yuzuzwa hakurikijwe buri gika nyuma y'ibiganiro mu rugo kuri buri muni w'isura. Yuzuzwa n'umukarani w'ibarura ndetse n'umugenzuzi, buri wese akurikije aho agomba kuzuzwa.

**0.1. Raporo y'ibarura, isubiramo n'iyigenzura**

Umukarani w'ibarura yerekana ibyabaye mu kiganiro cyose akurikije buri gika yabajije. Ashima cyangwa akagaya uburyo ababazwa babyitwayemo, agaragaza ingorane bagiye bahura nazo mu gusubiza ibibazo, akavuga niba ikiganiro cyagiye kigira abakirogoya, uburyo haba habaye imbogamizi, n'ibindi yabwira umugenzuzi. Ibyo byose, agomba kubikora ikiganiro kikirangira, ariko ntibigomba kubera imbere y'ababazwa.

Buri muni, nyuma y'umurimo, umukarani w'ibarura agomba gusuzuma uburyo buri gika cyujujwe. Agomba kwerekana itariki yujurijeho igika n'ibisubizo babonye aho yasuye hose, kuri buri gika. Mu nkingi y'**Icyitonderwa**, umukarani w'ibarura ashobora kwandikamo:

“BYUJUJWE BYOSE”, ni ukuvuga ko ibibazo byose byabajijwe abantu bireba kandi byabonewe ibisubizo. “BYUJUJWE IGICE”, bivuga ko hari ibibazo bitabajijwe cyangwa ko ibibazo byose atari ko byabajijwe. **Urugero:** umukarani w'ibarura ageze mu rugo asanga abazi ibyerekeranye n'ibyo abazaho badahari kandi abandi bari mu rugo ntacyo babiziho (nk'uburyo babonye imirima bahinga, ubuso bwayo, kugira konti muri banki cyangwa kuba mu bimina...)

Ashobora kandi kwandikamo ikintu cyose yabonye mu gihe cy'ikiganiro cyafasha abakozi b'ibarura kunoza imigendekere myiza y'ibarura. **Urugero:** kwishisha kw'abo baganira mu gusubiza ibibazo bimwe na bimwe, kurambirwa n'ibindi.

Umugenzuzi nawe, amaze kuzuzwa ikirango cye, yuzuza niba yakurikiranye ikiganiro n'itariki akoreye igenzura ry'urutonde rw'ibibazwa rwujujwe, akagaragaza uko byagenze (ingorane umukarani w'ibarura yahuye nazo mu kuyobora ikiganiro, uburyo yujuje urutonde rw'ibibazwa, uburyo ubazwa yakiriye ibibazo n'uko yabisubije, n'ibindi). Mu igenzura ry'ibika byujujwe, agaragaza ibidasobanutse byaba ngombwa agasaba umukarani w'ibarura gusubira mu rugo akabaza aho byagaragaye ko ibisubizo bisobanutse cyangwa ahari amakosa.

**Urugero:** umugenzuzi abonye ko mu rugo bagurishije ibishyimbo (Igika cya 7D, Q4-Q6) arebye igiciro fatizo (Q7), asanze umukarani w'ibarura yaranditse 5 000. Aha hashobora kuba harimo kwibeshya umukarani w'ibarura akaba yaranditse 5 000 aho kwandika 500.

**0.2. Incamake y'igenzura (ireba igika cya 7, 8, 9 n'icya 10 bigize igice B):**

Iyi ncamake ikorwa n'umugenzuzi kuri buri gika cyujujwe hasubizwa ibibazo 8 bikurikira:

- ❖ **S01 :** Umugenzuzi agaragaza niba igika cyujujwe cyose;
- ❖ **S02:** Umugenzuzi agaragaza niba abagombaga gusubiza aribo basubije;
- ❖ **S03:** Umugenzuzi agaragaza niba gusimbuka ibibazo (skip) aho biteganyijwe byubahirijwe;
- ❖ **S04:** Umugenzuzi agaragaza niba hari ibibazo byasimbutse;
- ❖ **S05:** Niba hari ibibazo byasimbutse, umugenzuzi agaragaza impamvu y'ingenzi yatumye ibibazo bisimbukwa;
- ❖ **S06 :** Umugenzuzi agaragaza niba ibisubizo n'imibare cg ibirango byatanzwe bisobanutse;
- ❖ **S07:** Umugenzuzi agaragaza niba ibisubizo byatanzwe bisomeka neza;
- ❖ **S08:** Umugenzuzi agaragaza niba ibisubizo “ibindi (kubivuga)” byujujwe neza kandi bikaba byavuzwe.



## IGIKA CYA VII: UBUHINZI-BWOROZI

### 7.1. INTEGO

Iki gika ni ingenzi cyane kuko ubuhinzi n'ubworozi usanga ahanini ari bwo butunze ingo nyinshi. Iki gika gituma tubasha kubona amakuru ku byerekeye ubuhinzi-bworozi : ubutaka, amatungo, ibikoresho by'ubuhinzi, umusaruro w'ubuhinzi, kugurisha umusaruro, guhindura ibikomoka ku buhinzi, amafaranga atangwa ku bikorwa by'ubuhinzi-bworozi n'ayinjira akomotse kuri ibyo bikorwa by'ubuhinzi-bworozi, kumenya ibyo urugo rukoresha rubyiyejereje n'ibindi...

Iyo iki gika kibajijwe neza, kigaragaza isura nyakuri ku mibereho y'ingo zikora ubuhinzi-bworozi. Nubwo ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi bigira ibihe byihariye mu mwaka, ibibazo biri muri iki gika bishingiye ku mezi 12 ashize kugira ngo bihuzwe n'igihe fatizo cyakoreshejwe mu bindi bika.

**Icyitonderwa:** Ibibazo biri muri iki gika bireba gusa amatungo/imirima ababazwa bafite mu Rwanda.

- Iyo urugo rubarurwa rufite itungo ritari iryarwo/rwaragijwe, icyo gihe ntiribarwa mu matungo y'urugo, ahubwo ibirikomokaho bizashyirwa mu byo urugo rwohererejwe.
- Nibigaragara ko hari abafite imirima cyangwa se amatungo bororera hanze y'igihugu, hazarebwa gusa imirima iri/amatungo yororerwa k'ubutaka bw'u Rwanda ;
- Niba urugo rusangiye itungo n'urundi rugo/undi muntu, hazabanza kurebwa ku masezerano bafitanye kugira ngo hamenyekane niba hatagamijwe ubucuruzi. Nibigaragara ko ari ubucuruzi, icyo gihe ntirizabarwa. Niba bagamije kuryorora gusa, rizandikwa muri urwo rugo turisanzemo nyuma uritunze muri urwo rugo avuga ko itungo ari rye. Navuga ko atari rye, ntirizabarurwa.
- Niba urugo rufite amatungo rugura rukongera rukayagurisha, ayo matungo ntazabarwa.

### 7.2. UKO BYUZUZWA

Iki gika kigabanyijwemo ibice 2 by'ingenzi: **igice A** (kijyanye n'ubworozi) kigizwe n'uduce 4 n'**igice B** (kijyanye n'ubuhinzi) kigizwe n'uduce 8.

#### **Ikibazo cya 1:**

Iki kibazo ni cyo cy'ibanze muri iki gika. Kibaza niba mu mezi 12 ashize hari umuntu wo mu rugo wahinze imyaka cyangwa ibindi bihinga cyangwa se woroye amatungo cyangwa ibinyamababa. Niba ari oya, umukarani w'ibarura ajya ku Gice B (Amasambu n'ibikoresho by'ubuhinzi), ariko abanza gusuzuma niba bitanyuranyije n'ibyavuzwe mu Gika cya 6, Igice A ku kibazo cya 2 n'igice B, ku kibazo cya 14 n'icya 15, byaba ngombwa agakosora.

#### **IGICE A1: UBWOROZI MURI RUSANGE**

#### **Ikibazo cya 2:**

Iki kibazo kigamije kumenya niba mu mezi 12 ashize hari umuntu wo mu rugo wari ufite amatungo cyangwa ibinyamababa yoroye. Niba ari oya, umukarani w'ibarura yandika 2 mu kazu kabugenewe agakomeza ku Gice B kijyanye n'ubuhinzi.

**Ibibazo 4-7:**

Ibi bibazo bibazwa kuri buri bwoko bw'amatungo. Umukarani w'ibarura asomera uwo baganira ubwoko nkuko bugaragara ku rutonde akamubaza niba hari umuntu wo mu rugo wabworoye mu mezi 12 ashize (ikibazo cya 4). Niba ari ntawe ajya ku bwoko bukurikiyeho. Niba igisubizo ari yego, abaza umubare w'amatungo y'ubwo bwoko urugo rufite ubu (ikibazo cya 5). Niba nta tungo ry'ubwo bwoko bwabajijwe bagifite, ajya ku kibazo cya 8. Ku barifite/bayafite, abaza niba hari ayo bororera mu biraro (ikibazo cya 6). Ku kibazo cya 7, umukarani w'ibarura asaba uwo baganira guha agaciro itungo rimwe ryo muri ubwo bwoko agareranyije. Asobanurira uwo baganira ko agareranya agendeye ku gaciro k'amatungo manini n'amato atunze akurikije umubare washyizwe mu kibazo cya 5. Ni ukuvuga ko hagamijwe kumenya agaciro mpuzandego ku itungo mu gihe urugo rubazwa rufite amatungo menshi.

**Ibibazo 8-11:**

Ibi bibazo bigamije kumenya umubare w'amatungo y'ubwoko baganirwaho winjiye mu mezi 12 ashize (ayaguzwe n'ayavutse) n'umubare w'ayasohotse (ayagurishijwe, ayabazwe, ayabuze). Ku kibazo cya 8, umukarani w'ibarura abaza niba hari amatungo urugo rwaba rwaraguze mu mezi 12 ashize. Niba igisubizo ari oya, ajya ku kibazo cya 11. Niba ari yego, abaza umubare w'ayaguzwe (ikibazo cya 9) n'amafaranga yayatanzweho (ikibazo cya 10).

Ku kibazo cya 11, umukarani w'ibarura abaza umubare w'amatungo yo mu bwoko arikubazaho yavutse mu mezi 12 ashize. Niba ari ntayo, yandika 0. Iki kibazo kibazwa gusa ku nka, ihene, intama n'ingurube. Uretse ko inkwavu n'ibinyamababa byororoka vuba binasohoka vuba ku buryo bitoroshye kumenya umubare w'ayavutse mu gihe cy'amezi 12 yose.

**Ibibazo 12-16:**

Ku kibazo cya 12, umukarani w'ibarura abaza niba urugo rwaragurishije amatungo mu mezi 12 ashize. Niba igisubizo ari "yego", abaza umubare w'ayagurishijwe (Q13) n'amafaranga yavuyemo (Q14). Niba igisubizo ari "oya", ajya ku kibazo cya 15 akabaza niba hari ayo rwabuze yaba yarapfuye kubera indwara, yaribwe cyangwa yarazimiye. Niba igisubizo ari "oya" kuri iki kibazo cya 15, ajya ku kibazo cya 17. Niba ari "yego", abaza umubare w'amatungo yabuze (ikibazo cya 16).

**Ibibazo 17-18:**

Ibi bibazo bireba inka zonyine. Bibaza niba hari inka urugo rwatanze ngo ikodeshwe n'izindi ngo mu mezi 12 ashize (ikibazo cya 17). Niba hari iyakodeshejwe, umukarani w'ibarura abaza amafaranga urugo rwabonye aturutse kuri ubwo bukode (ikibazo cya 18). Niba nta yakodeshejwe, ajya ku bwoko bukurikira, niba umukarani yari ageze ku bwoko bwa nyuma, ahita ajya ku gice gikurikira.

**IGICE A2: GAHUNDA YA GIRA INKA MUNYARWANDA, AMATUNGO N'INZURI**

Iki gice gikubiyemo ibibazo bigamije kumenya aho gahunda zinyuranye zigeze zo kugabira amatungo ingo zikennye n'ubwitabire bwo kororera mu nzuri.

**Ibibazo 1-5: Gahunda yo koroza ingo zikennye**

Umukarani w'ibarura abaza niba urugo rwarahawe inka muri gahunda ya Leta yo kworoza ingo zikennye (ikibazo cya 1). Niba ari "yego", abaza niba urugo rukiyifite (ikibazo cya 2). Niba nta

nka rwabonye, igisubizo ari “oya”, umukarani akomeza ku kibazo cya 3. Ikibazo cya 3 kigamije kumenya niba ari nta tungo urugo rwigeze ruhabwa n’Umuryango utegamiye kuri Leta (NGO) cyangwa indi gahunda ifasha abatishoboye. Niba ari “yego”, abaza ubwoko bw’itungo urugo rwahawe (ikibazo cya 4). Kuri iki kibazo, hateganyijwe umwanya w’ubwoko 2 bw’amatungo. Niba barabonye ubwoko bw’amatungo burenze 2, kubaza ubwoko 2 baha agaciro kurusha ubundi akaba ari bwo yandika mu nkingi zombi. Niba barabonye bumwe gusa, yandika umubare w’ubwo babonye mu nkingi ya mbere noneho mu nkingi ya kabiri akandika “0” (Iki kibazo ntikireba igihe cy’amezi 12 ashize). Niba igisubizo ku kibazo cya 3 ari “oya”, umukarani w’ibarura ajya ku kibazo cya 5 kigamije kumenya niba umubare w’amatungo babonye wariyongereye ari ayaturutse muri gahunda ya Girinka Munyarwanda (Q1) ari ayaturutse mu yindi miryango itegamiye kuri Leta (Q3).

**Icyitonderwa:** Niba igisubizo kuri ibi bibazo byombi (Q1 na Q3) ari “oya”, umukarani w’ibarura yandika 4 ku kibazo cya 5 atabajije kubera kitareba ingo zitahawe itungo muri ubwo buryo.

#### **Ibibazo 6-9: Inzuri**

Bireba imikoreshereze y’urwuri. Umukarani w’ibarura abaza niba urwuri bororeramo cyangwa bororeragamo rutunganyije (ikibazo cya 6). Abasubije “yego”, umukarani w’ibarura ababaza nyiri urwo rwuri (ikibazo cya 7), umubare w’amafaranga yo kurukodesha cyangwa kurutunganya urugo rwatanze mu mezi 12 ashize (ikibazo cya 8) n’umubare w’amezi urugo rwakoresheje urwo rwuri mu mezi 12 ashize (ikibazo cya 9) ni ukuvuga umubare w’amezi urugo rwamaze ruragiye amatungo yarwo muri urwo rwuri.

### **IGICE A3: KUGURISHA UMUSARURO UVA MU BWOROZI**

#### **Ibibazo 2-7:**

Mu nkingi ya 1, hari urutonde rw’amazina y’ibikomoka ku matungo naho mu nkingi ya 2, hari ibirango byabyo. Umukarani w’ibarura asomera uwo baganira izina rya buri kimwe cyose muri ibyo bikomoka kumatungo akamubaza niba urugo rwarakigurishije mezi 12 ashize (ikibazo cya 2). Niba igisubizo ari “oya”, ajya ku gikurikira. Niba ari “yego”, abaza umubare w’amezi urugo rwakigurishijemo mu mezi 12 ashize (ikibazo cya 3), niba rwarakigurishije mu byumweru 4 bishize (ikibazo cya 4). Niba ari “yego”, abaza uko ibyo bagurishije byanganaga (ikibazo cya 5) n’amafaranga yavuyemo (ikibazo cya 6). Ikibazo cya 7 kibazwa abagurishije bose haba mu mezi 12 ashize no mu byumweru 4 bishize haba mu mezi 12 ashize ariko bakaba bataragurishije mu byumweru 4 bishize. Ku bataragurishije mu byumweru 4 bishize, umubare w’amafaranga wanditswe ku kibazo cya 6 ni nawo wandikwa ku kibazo cya 7.

### **IGICE A4: UBWOROZI – AMAFARANGA YATANZWE KU MIRIMO Y’UBWOROZI**

#### **Ibibazo 2-6:**

Kimwe no mu gice A3, mu nkingi ya 1, hari urutonde rw’ibikenerwa mu bworozi naho mu nkingi ya 2, hari ibirango byabyo. Kuri buri gikorwa/buri kintu, umukarani w’ibarura agisomera uwo baganira akamubaza niba hari amafaranga cyangwa ikindi kintu kitari amafaranga urugo rwatanze rukigura mu mezi 12 ashize (ikibazo cya 2). Ku kintu cyangwa igikorwa cyose kitatanzweho amafaranga cyangwa ikindi kintu kitari amafaranga kugirango gikoreshe mu mezi 12 ashize, yandika 2 agakomereza ku kindi kintu gikurikiraho. Ku bindi bintu cyangwa ibikorwa

byatanzweho amafaranga n'ibitari amafaranga mu mezi 12 ashize, abaza umubare w'amezi urugo rwabitanzeho amafaranga (ikibazo cya 3).

**Icyitonderwa:** Ikigamijwe kuri iki kibazo cya 3, ni ukumenya umubare w'amezi urugo rwagiye rukiguramo; bitandukanye n'amezi cyakoreshejwe kuko gishobora kugurwa mu kwezi kumwe gusa mu mwaka ariko kigakoreshwa mu gihe cy'amezi menshi cyangwa umwaka wose.

Umukarani w'ibarura akomeza noneho abaza uwo baganira niba mu rugo rwabo baba baratanze amafaranga cyangwa ikindi kitari amafaranga kuri icyo kintu arikubazaho (ikibazo cya 4) mu byumweru bine bishize. Niba igisubizo ari "oya", ajya ku kibazo cya 6. Niba ari "yego", abaza umubare w'amafaranga cyangwa agaciro mu mafaranga k'ibyo batanze (ikibazo cya 5), n'ikigereranyo cy'amafaranga y'ibyo batangaga buri kwezi (ikibazo cya 6).

## **IGICE B1: UBUHINZI – AMASAMBU/UBUTAKA**

Iki gice kigamije kumenya niba urugo rubarurwa rufite amasambu cyangwa rwari ruyafite mu mezi 12 ashize, uburyo rwayabonyemo, amafaranga cyangwa ibindi bintu rwayatanzeho mu mezi 12 ashize n'ayo rwavanye mu masambu rwaba rwaragurishije cyangwa rwaratishije.

### **Ibibazo 1-2 :**

Ibi bibazo bigamije kuyungurura kugira ngo ibikurikiraho bibazwe gusa mu gihe urugo rufite amasambu aho yaba ari hose mu Rwanda (ikibazo cya 1) cyangwa rwari ruyafite mu mezi 12 ashize ariko kuri ubu akaba ntayo rufite (ikibazo cya 2). Niba igisubizo ari "oya" ku kibazo cya 1, umukarani w'ibarura abaza icya 2. Niba ari "yego" ajya ku kibazo cya 3. Niba ari "oya" kuri ibi bibazo byombi, ajya ku Gice B2.

**Icyitonderwa:** Amasambu urugo rufite mu bindi bihugu ntabarwa.

### **Ibibazo 3-12:**

Ibi bibazo bireba abasubije ko bafite amasambu cyangwa bari bayafite mu mezi 12 ashize. Byerekeranye n'amasambu yaguzwe mu mezi 12 ashize (ikibazo cya 3) n'amafaranga yayatanzweho hamwe n'agaciro k'ibindi bitari amafaranga (ikibazo cya 4). Niba nta masambu urugo rwaguze mu mezi 12 ashize, umukarani w'ibarura yandika 2 ku kibazo cya 3 akajya ku cya 5 kibaza niba hari amasambu urugo rwagurishije mu mezi 12 ashize. Niba ari "yego", abaza amafaranga yagurishijwe habariwemo n'agaciro k'ibyatanze bitari amafaranga (ikibazo cya 6). Niba ari nta sambu bagurishije, ajya ku kibazo cy'7 kigamije kumenya niba hari amasambu urugo rwatishije mu mezi 12 ashize (rwatanze ngo akodeshwe: akoreshwa n'abandi bantu batari abo mu rugo bakabaha ubukode bwayo). Niba igisubizo ari "yego", abaza umubare w'amafaranga yavuyemo atibagiwe ibyishyuwe bitari amafaranga no kubiha agaciro mu mafaranga (ikibazo cya 8). Niba ari nta sambu yatishijwe, ajya ku kibazo cya 9 akabaza niba urugo rwarigeze rutiza umurima ngo ruzagabane n'uwuhinga igice cy'umusaruro uvuyemo n'agaciro mu mafaranga k'ibyo baba baragabanye (ikibazo cya 10). Niba ari nta sambu yatijwe, ajya ku kibazo cya 11 kigamije kumenya niba hari imirima urugo rwahaweho impano agakomereza ku cya 12 kibaza niba hari imirima urugo rwatanzeho impano ruha abo mu zindi ngo.

**Icyitonderwa :** itandukaniro riri hagati yo kwatisha (Q7) no gutiza umurima hagamijwe kugabana umusaruro (Q9) ni uko iyo watishije cg ukodesheje utanga icyo mwemeraniye kabone niyo waba

ntacyo wasaruyemo, naho iyo watije umurima ugira ngo muzagabane n'uwuhinga igice cy'umusaruro uvuyemo, iyo arumbije mwese murahomba.

## **IGICE B2: UBUHINZI – IBIKORESHO BY'UBUHINZI**

Ibikoresho bivugwa aha ni ibyo bakoresha byose mu mirimo y'ubuhinzi. Bishobora kuba ari iby'amaboko, ibikururwa n'inyamaswa cyangwa ibifite moteri. Iki gice kibazwa no mu ngo zashubije ko zidakora ubuhinzi.

### **Ibibazo 1-10:**

Kimwe no mu bice A3 na A4, mu nkingi ya 1, hari urutonde rw'ibikoresho by'ubuhinzi naho mu nkingi ya 2, hari ibirango byabyo. Kuri buri gikoresho, umukarani w'ibarura agisomera uwo baganira akamubaza niba bagifite mu rugo (ikibazo cya 3). Niba igisubizo ari "oya", ajya ku gikoresho gikurikira. Niba ari "yego", amubaza umubare w'ibikoresho byo muri ubwo bwoko urugo rufite (ikibazo cya 4), igihe igiheruka kugurwa kimaze (ikibazo cya 5). Kuri iki kibazo, umukarani w'ibarura yitondera amabwiriza ajyanye na cyo mu rutonde rw'ibibazwa: "**Niba kitaraguzwe andika 98 => Q7. Niba kitaramara umwaka kiguzwe andika 00**". Niba icyo gikoresho cyaraguzwe, umukarani w'ibarura abaza umubare w'amafaranga cyaguzwe (ikibazo cya 6) n'agaciro kacyo mu mafaranga kuri ubu (ikibazo cya 7). Akomeza abaza niba icyo gikoresho cyarigeze gukodeshwa mu mezi 12 ashize (ikibazo cya 8) n'umubare w'amafaranga urugo rwavanye muri uko gukodesha (ikibazo cya 9). Niba kitarakodeshejwe, ajya ku kibazo cya 10 akabaza niba nta gikoresho cyo mu bwoko buganirwaho cyagurishijwe mu mezi 12 ashize. Ku gisubizo icyo ari cyo cyose ahawe, umukarani w'ibarura ajya ku gikoresho gikurikira.

**Icyitonderwa:** Ku bikoresho by'amaboko, ibibazo kuva ku cya 5 kugeza ku cya 10 ntibibazwa hakurikijwe agaciro kabyo kari hasi. Bibazwa gusa ku bikoresho bikururwa n'amatungo cyangwa bikoreshewa na moteri.

## **IGICE C: UBUHINZI – IBYEREKEYE IMIRIMA IHINGWA N'IMPINDUKA MURI POLITIKI Y'UBUHINZI**

Iki gice kigamije kumenya niba abagize urugo baba barahinze imirima mu mezi 12 ashize yaba ari iyabo bwite, iyo batishije cyangwa batanzeho icyatamurima cyangwa iyo batijwe ku buntu. Kigamije kandi kumenya niba urugo rukurikiza amabwiriza cyangwa inama zijyanye no kurengera ibidukikije na gahunda za Leta zijyanye n'ubuhinzi nko guhinga ibihingwa biberanye n'ubutaka cyangwa guhuza ubutaka.

### **Ikibazo cya 0:**

Umukarani w'ibarura abaza niba hari umuntu wo mu rugo wari ufite cyangwa wahinze umurima mu mezi 12 ashize. Niba igisubizo ari "oya", ajya ku Gice F. Niba ari yego, yifashisha ikaye ye agakora urutonde rw'imirima buri muntu mu bagize urugo yari afite cyangwa yahinze mu mezi 12 ashize, akabaza aho iyo mirima iherereye (mu kabande, ku kivumu ...) kugirango aze kujya yibutsa uwo baganira nibatangira ikiganiro ku bijyanye n'iyo mirima cyangwa amasambu. Iyo amaze kumenya imirima yose yari ifitwe n'abagize urugo, abaza kuri buri umwe wose niba warahinzwe mbere y'amezi 12 ashize, mu mezi 12 ashize cyangwa wararajwe muri ayo mezi 12 ashize kugira ngo ayihe numero akurikije ibwiriza rya 2 mu rutonde rw'ibibazwa.

### **Ibibazo 1-3:**

Umukarani w'ibarura yifashisha rwa rutonde yakoze mu ikaye ye akabaza uHINGA umurima, akandika ikirango kijyanye n'igisubizo nkuko bigaragara mu mbonerahamwe iri hejuru mu nguni y'iburyo (ikibazo cya 1) n'igitsina cya nyiri umurima (ikibazo cya 2). Kuri iki kibazo, birashoboka ko ba nyiri umurima barenga umwe kandi b'ibitsina bitandukanye. icyo gihe, igisubizo ni 3. Birashoboka kandi ko umurima baba barawutijwe na Leta, ishyirahamwe, paruwasi... icyo gihe, hazafatwa igisubizo cya **4 “Ntibijyanye”**. Inkingi ya 3 irimo ibirango cyangwa nimero z'imirima. Ikibazo cya 4 kigamije kumenya ubuso bwa buri murima bwandikwa muri “ARES”. Aha, umukarani w'ibarura agomba gufasha ubazwa kubara ubuso bwawo akurikije ibisobanuro amuhaye.

Hari uburyo bwinshi bwashoboka:

- ubazwa ntazi ubuso bw'umurima we ariko akinga ibihingwa yohereza ahandi (ikawa, ibitoki, inanasi, ...) mu gace k'umurima, akaba azi ubuso bw'ako gace. Kubaza niba igice gisigaye kingana n'icyo, kikiruta cyangwa ari cyo gito. Bityo, ubazwa abasha kugereranya ubuso busigaye. Na none, byatuma abasha kugereranya ubuso bw'indi mirima ye ahereye ku bw'wo murima we w'ikawa, w'ibitoki, ...
- ubazwa azi ubuso, ariko abibara mu bipimo bitari ibyo dukeneye. Umukarani w'ibarura amubaza ibyo bipimo (intambwe, metero, ...) we ubwe akabihindura muri « ARES ».
- ubazwa ntacyo azi ku buso bw'imirima ye, yewe no mu bipimo byo muri ako karere : umukarani w'ibarura amubaza imbuto yateye aho hantu izo arizo, uko zanganaga, uburyo yaziteyemo..., kugira ngo abe yabasha kugereranya ubuso bw'umurima.
- Aho umuhinzi atazi uko umurima we ungana, kwifashisha ibyemezo kubabifite.

### **Icyitonderwa :**

- Byaba byiza kubaza niba urugo rufite ibyemezo by'ubutaka akaba ari byo byifashishwa. Ibice biremewe mu buso bw'imirima (imibarwa 2) nkuko utuzu twabugenewe tubyerekana.
- Ubuso bw'uturima tw'igikoni, jardin cyangwa se ibikombe (vases) ntibuzabarwa, ahubwo hazarebwa gusa ibyasaruwemo byakoreshejwe n'urugo mu gika cya 8.

### **Ibibazo 5-6:**

Ibi bibazo bigamije kumenya uburyo urugo rwabonye uwo murima cyangwa ubwo rwakoresheje kugira ngo ruwuhinge (ikibazo cya 5) n'uburenganzira bawufiteho (ikibazo cya 6) ku bashubije 1, 2 cyangwa 3. Niba igisubizo ari 4,5 cyangwa 8, ajya ku kibazo cya 8. Niba kandi igisubizo ari 6 cyangwa 7, ajya ku kibazo cya 7. Igisubizo icyo ari cyo cyose umukarani w'ibarura ahawe ku kibazo cya 6, asabwa guhita ajya ku kibazo cya 8.

### **Ikibazo cya 7:**

Iki kibazo kibazwa gusa abashubije ko bakodesha cyangwa batisha/batanga icyatamurima ku kibazo cya 6. Umukarani w'ibarura abaza amafaranga batanze mu mezi 12 ashize habariwemo n'agaciro k'ibyatanzwe bitari amafaranga.

### **Ibibazo 8-11:**

Ku kibazo cya 8, umukarani w'ibarura abaza niba umurima warahinzwe mu mezi 12 ashize. Niba igisubizo ari “oya”, ajya ku murima ukurikiraho. Niba ari “yego”, akomeza abaza niba

baravomereye cyangwa barayoboye amazi muri uwo murima (ikibazo cya 9), niba urwanyijemo isuri (ikibazo cya 10) n'uburyo bw'ingenzi bakoresheje (ikibazo cya 11) ku bashubije "yego". Niba igisubizo ku kibazo cya 10 ari "oya", umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 12.

### **Icyitonderwa:**

Mu nkingi ya 1 n'ya 2, umukarani w'ibarura yandukura nimeru yahaye ukinga umurima (inkingi ya 1) n'igitsina cya nyiri umurima (inkingi ya 2) akurikije nimeru y'umurima iri kuri iyi paji ihwanye n'yo wahawe mu nkingi ya 3 kuri paji ibanziriza. Buri murima ufite nimeru yawo imwe idahinduka ku kibazo byose bijyanye n'imirima.

### **Ibibazo 12-18:**

Ikibazo cya 12 kigamije kumenya niba hari ibibazo bijyanye no kwononekara kw'ibidukikije urugo rwahuye na byo mu murima uganirwaho. Niba igisubizo ari "oya", umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 14. Niba ari "yego", abaza ikibazo cyatewe no kwononekara kw'ibidukikije muri uwo murima (ikibazo cya 13). Akomeza abaza niba umurima ubarurwa warakorewemo ibikorwa bya gahunda ya Leta yo guhuza ubutaka (ikibazo cya 14), niba hari ibihingwa bishya byahinzwe muri uwo murima hakurikijwe gahunda yo guhinga ibihingwa biberanye n'ubutaka (ikibazo cya 15). Niba igisubizo ari « oya » kuri iki kibazo, umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 17. Niba ari « yego », abaza igihingwa cy'ingenzi cyahinzwe muri uwo murima hakurikijwe iyo gahunda yo guhinga ibihingwa biberanye n'ubutaka (ikibazo cya 16). Yandika izina ry'igihingwa n'ikirango cyacyo agakomeza abaza niba hari ibihingwa batagihinga muri uwo murima kubera gukurikiza na none iyo gahunda (ikibazo cya 17). Niba igisubizo ari « yego », abaza igihingwa cy'ingenzi bavanye mu murima kubera gukurikiza iyo gahunda akandika izina ryacyo n'ikirango cyacyo (ikibazo cya 18). Niba ari « oya », ajya ku murima ukurikiraho.

## **IGICE D: UBUHINZI-UMUSARURO N'IMIKORESHEREZE Y'IBIHINGWA BISARURIRWA RIMWE (ICYARIMWE)**

Ibibazo biri muri iki gice kigamije kumenya ibihingwa bisarurwa rimwe (ibinyampeke, ibinyamisogwe, ibinyabijumba, ibihingwa ngengabukungu, n'ibindi bihingwa bisarurwa rimwe) urugo rwasaruye mu mezi 12 ashize, uko umusaruro wanganaga n'amafaranga urugo rwabonye k'uwo rwagurishije cyangwa ayo rwari kubona iyo rugurisha umusaruro wose.

### **Ibibazo 1-2:**

Ikibazo cya 1 kigamije kumenya niba muri urwo rugo hari umuntu wasaruye ibihingwa bisarurirwa icyarimwe mu mezi 12 ashize. Umukarani w'ibarura afasha uwo baganira kumenya ibihingwa bisarurwa rimwe. **Ibihingwa bisarurwa rimwe cyangwa bisarurirwa icyarimwe ni ibyerera rimwe bigahita bivanwa mu murima. Ubusanze, isarura ryabyo riba mu gihe kizwi cy'umwaka (urugero: amasaka, ibishyimbo, ibirayi, ikawa...)**

Niba igisubizo ari « oya », umukarani w'ibarura ajya ku gice E. Niba ari "yego", abaza ikibazo cya 2 kijyanye no kumenya ibihingwa byasaruwe muri ayo mezi 12 ashize akabyandika n'ibirango byabyo ahereye ku binyampeke akandika buri bwoko byasaruwe, agakurikizaho ibinyamisogwe, ibinyabijumba, agaheruka ibihingwa ngengabukungu.

**Icyitonderwa:** Byaba byiza umukarani w'ibarura akoze urutonde rw'ibyasaruwe mu ikaye akaza kubyandukura mu rutonde rw'ibibazwa ari uko bamaze kwemeranywa n'uwo baganira ko nta bindi bihingwa bisarurwa rimwe basaruye mu mezi 12 ashize. Byaba byiza kandi agiye yibutsa uwo baganira imirima yahinze mbere y'amezi 12 ashize, iyahinzwe mu mezi 12 ashize akamubaza ibyo basaruyemo kugira ngo hatagira icyibagirana.

### **Ibibazo 3-11:**

Kuri buri gihingwa, umukarani w'ibarura abaza uko umusaruro urugo rwabonye wanganaga mu bilo (ikibazo cya 3), niba hari umusaruro wagurishijwe mu mezi 12 ashize (ikibazo cya 4). Niba igisubizo ari « oya », umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 11. Niba baragurishije, abaza isoko ry'ingenzi bagurishijeho uwo musaruro (ikibazo cya 5), uko ibyagurishijwe byanganaga (ikibazo cya 6) n'igicro fatizo bagurishijeho (ikibazo cya 7). Akomeza abaza niba hari ibyagurishijwe mu yandi masoko (ikibazo cya 8). Niba igisubizo ari “oya”, ajya ku kibazo cya 11. Niba igisubizo ari “yego”, abaza uko ibyo bahagurishije byanganaga (ikibazo cya 9), igicro fatizo kuri ayo masoko (ikibazo cya 10) n'amafaranga urugo rwari kubona iyo umusaruro wose w'amezi 12 ashize uza kugurishwa (ikibazo cya 11).

### **Icyitonderwa:**

- Umusaruro w'ibihingwa by'ubwoko bumwe wavuye mu mirima itandukanye uhurizwa hamwe;
- Urugero ruzandikwa nk'urwakoreshejwe mu gupima umusaruro ni kg. Ibi ntibisobanura ko umukarani w'ibarura azatega uwo baganira kumubwira umubare w'ibilo by'umusaruro urugo rwabonye cyangwa rwagurishije mu gihe bakoresheje urundi rugero. Niba abwiwe ingero zitari ibilo, azasaba uwo baganira ko bazimwerekaga, byashoboka bakazana n'ibyasaruwe bapimye kugirango abipime yifashishije umunzani agendana aho kugereranya. Hazakoreshejwe ikigereranyo igihe urugero rwakoreshejwe rudashobora kuboneka ariko nabwo, ni byiza ko abaza urundi rugero bijya kungana agapima mu gihe habonetse ibyo bapima (ibishyimbo, amashaza, ibijumba...).
- Igihe bizagaragara ko urugo rwagurishije umusaruro ku biciro bitandukanye, hazagenderwa ku gicro cyari ku isoko igihe cy'isarura ry'ayo myaka

## **IGICE E: UBUHINZI – UMUSARURO W'IBIHINGWA BISARURWA BUHORO BUHORO N'IMIKORESHEREZE YAWO**

Ibibazo biri muri iki gice bifite intego nk'iyi mu gice D. Niyo mpamvu ibibazo bimwe na bimwe bisa muri ibi bice byombi uretse ko hari n'ibindi bitandukanye. Ibihingwa bisarurwa buhoro buhoro bishobora gusarurwa umwaka wose cyangwa mu gihe cy'amezi menshi kubera ko bishibuka (imboga, imbuto) cyangwa ko bidashobora guhunikwa (ibijumba) cyangwa na none ko bitakwangirika niba bigumye mu murima (amateke). Ikindi ni uko bitagira ibihe byihariye by'umwaka bigomba guhingwamo.

### **Ibibazo 1-2:**

Ikibazo cya 1 kigamije kumenya niba muri urwo rugo hari umuntu wasaruye ibihingwa bisarurwa buhoro buhoro mu mezi 12 ashize. Niba igisubizo ari « oya », umukarani w'ibarura ajya ku gice F. Niba ari “yego”, abaza ikibazo cya 2 kijyanye no kumenya ibihingwa byasaruwe muri ayo



mezi 12 ashize akabyandika n'ibirango byabyo ahereye ku binyabijumba akandika buri bwoko bwasaruwe, agakurikizaho imbuto, imboga, agaheruka ibindi bihingwa bisarurwa buhoro buhoro.

### **Ibibazo 3-11:**

Kuri buri gihingwa, umukarani w'ibarura abaza uko umusaruro urugo rwabonye mu mezi 12 ashize wanganaga mu bilo n'igihe rwagiye ruwusaruramo (ikibazo cya 3), amezi urugo rwamaze rusarura icyo gihingwa (ikibazo cya 4), niba hari umusaruro wagurishijwe mu mezi 12 ashize (ikibazo cya 5). Niba igisubizo ari « nta na rimwe », umukarani w'ibarura ajya ku kibazo cya 9. Niba baragurishije igice cyangwa wose, abaza uko musaruro wagurishijwe wanganaga n'igihe bawugurishagamo (ikibazo cya 6), umubare w'amafaranga bakuyemo (ikibazo cya 7), isoko ry'ingenzi bagurishagaho umusaruro wabo (ikibazo cya 8) n'amafaranga urugo rwari kubona iyo umusaruro wose w'amezi 12 ashize uza kugurishwa (ikibazo cya 9). Akomeza abaza niba hari igice cy'umusaruro cyakoreshejwe mu rugo (ikibazo cya 10) n'uko cyanganaga mu bilo (ikibazo cya 11). Kuri iki kibazo, igihe tuzasanga yaragurishije umusaruro we mu bihe bitandukanye no ku biciro bitandukanye cyangwa se umusaruro we yarawubitse atarawugurisha, icyo gihe hazabarwa igiciro cy'igihe cy'isarura. Igihe bizagaragara ko urugo rutazi igiciro, hazabazwa uko ibiciro by'icyo gihingwa muri ako gace byari bihagaze mu gihe cy'isarura ari byo bigenderwaho.

**Icyitonderwa:** Ibyavuzwe mu byitonderwa byo mu gice D bigomba kubahirizwa no muri iki gice.

### **IGICE F: ANDI MAFARANGA AVA MU BUHINZI, UBWOROZI N'AMASHYAMBA**

Iki gice gifasha kumenya amafaranga n'izindi nyungu bituruka mu buhinzi-bworozi urugo rwabonye kandi bitavuzwe ahandi. Tuvuge nk'amafaranga akomoka ku muhigo, ibihumyo/ibyobo, ubuki n'ibishashara, uburobyi n'impu. Kuri ibyo, tugomba kongeraho amafaranga aturuka ku mashyamba, nko kugurisha amasiteri y'inkwi, amakara, imbaho n'ibiti byo kubaka cyangwa gucana urugo rwagurishije.

Umukarani w'ibarura asomera uwo baganira buri kintu nkuko kigaragara ku rutonde akamubaza niba hari inyungu z'amafaranga urugo rwabonye mu mezi 12 ashize agikomotseho (ikibazo cya 1). Niba ari “yego”, abaza umubare w'amafaranga babonye mu byumweru 4 bishize (ikibazo 2) no mu mezi 12 ashize (ikibazo cya 3). Niba igisubizo ari “oya”, ajya ku kintu gikurikira.

**Icyitonderwa:** Ibintu byose byimeza mu migina biri mu muryango w'ibihumyo bizandikwa mu kirango cya 2 (Ibihumyo/ibyobo/imigiri).

### **IGICE G: IKIGUZI N'AMAFARANGA ATANGWA KU MIRIMO Y'UBUHINZI**

Habazwa nyiri urugo cyangwa undi muntu wo mu rugo usobanukiwe mu bijyanye n'mirimo y'ubuhinzi urugo rukora. Iki gice kigamije kumenya ibyatanzwe ku mirimo y'ubuhinzi (amafaranga cyangwa ibindi bintu) mu mezi 12 ashize. Umukarani w'ibarura asoma buri kintu/gikoresheho kiri ku rutonde akabaza niba baragitanzeho amafaranga mu mezi 12 ashize. Niba igisubizo ari “oya”, ajya ku gikurikira. Niba ari “yego”, abaza umubare w'amafaranga batanze cyangwa agaciro mu mafaranga k'ibyatanzwe kuri icyo kintu mu mezi 12 ashize (ikibazo cya 2).

**Icyitonderwa:** umukarani w'ibarura yifashisha urutonde rw'ibikoresho by'amaboko ruri mu gice B2 kuva ku kirango cya 1 kugeza ku cya 9. Abyandukura mu gakaye ke akabaza kuri buri kimwe cyose niba cyaraguzwe mu mezi 12 ashize (ikibazo cya 1). Niba igisubizo ari "yego", abaza umubare w'amafaranga cyaguzwe akwandika. Iyo abirangije, ateranya yose amafaranga yose akandika igiteranyo mu kibazo cya 2 mu kazu kajyanye ibikoresho byose by'amaboko byahurijwe mu kirango 01 muri iki gice G.

## **IGICE H: GUHINDURA UMUSARURO WO MU BUHINZI - BWOROZI**

Iki gice kigamije kumenya niba hari ibintu urugo rwahinduyemo ibindi, byaba ibikomoka ku musaruro warwo, ibyo rwaguze cyangwa rwahawe. Ibyo bintu ni nk'ifu yavuye mu gusya amasaka, urwagwa rwavuye mu gutara no kwenga ibitoki, kumisha amafi n'ibindi.

Ikibazo cya 1 kibaza niba hari ibintu bikomoka ku buhinzi-bworozi urugo rwahinduyemo ibindi bintu mu mezi 12 ashize. Umukarani w'ibarura asobanurira uwo baganira ko ibyo bintu bishobora kuva ku musaruro wabo, ibyo baguze cyangwa ibyo bahawe ariko akabaza neza niba uko guhindura ibintu mu ibindi atari umurimo uzana inyungu wanditse mu gika cya 6. Niba igisubizo ari "oya", ajya ku Gika cya 8. Niba ari "yego", abaza ibintu byavuye mu guhindura ibikomoka ku buhinzi-bworozi mu mezi 12 ashize akandika amazina yabyo n'ibirango byabyo (ikibazo cya 2).

**Urugero:** yandika urwagwa, ikigage aho kwandika ibitoki cyangwa amasaka.

Ku kibazo cya 3, abaza ibyavuye mu guhindura uko bingana (mu bilo cyangwa muri litiro bitewe n'ibyo ari byo) akabaza n'igihe byabonekeraga akandika ikirango cy'igihe. Ku kibazo cya 4, akomeza abaza amafaranga urugo rwatanze cyangwa agaciro mu mafaranga k'igihembo cy'abakozi akurikije igihe cyakoreshejwe ku kibazo cya 3.

Ikibazo cya 5 kibaza ahantu h'ingenzi ibyahinduwe byavuye. Andi mafaranga yatanzwe cyangwa ibindi bintu byatanzwe kuri uwo murimo wo guhindura ibintu mu ibindi abazwa ku kibazo cya 6 na none hakurikijwe igihe cyakoreshejwe ku kibazo cya 3.

Ikibazo cya 7 kibaza niba muri ibyo byahinduwe hari ibyagurishijwe. Niba ari nta byagurishijwe (igisubizo ari oya), umukarani w'ibarura ajya ku kintu gikurikiraho. Niba igisubizo ari "yego", abaza uko ibyagurishijwe byanganaga n'igihe byabonekeragaho akandika ikirango cy'igihe cyakoreshejwe n'umubare w'ingero bagurishije mu bilo cyangwa litiro (ikibazo cya 8). Akomeza abaza amafaranga yavuye muri ibyo byagurishijwe (ikibazo cya 9) n'igihe babigurishijemo akandika ikirango cy'igihe n'umubare w'amafaranga yose bakuyemo muri icyo gihe.

## **IGIKA CYA VIII: AMAFARANGA YAGUZWE IBINTU URUGO RWAKORESHEJE N'IBIKOMOKA KU BUHINZI N'UBWOROZI BYAKORESHEJWE**

### **INTEGO**

Iki gika ni kimwe mu bika by'ingezi bigize urutonde rw'ibibazwa kuko ari cyo kigaragaza isura nyayo y'urugo ku birebana n'imibereho hashingiwe ku mafaranga urugo rwakoresheje ndetse n'ibyakoreshejwe bikomoka ku musaruro warwo, waba uwo mu buhinzi cg uwo mu bworozi.

Amafaranga buri rugo rubarurwa rwatanze azatuma kandi hamenyekana ibiciro fatizo by'ibintu bikenerwa mu ngo n'uburyo bikoreshwa muri rusange. Ibyakoreshejwe n'urugo ni byo bizagenderwaho mu kugaragaza iterambere n'ikigereranyo cy'ubukene mu ngo zizakorerwamo ubushakashatsi ndetse bikazanifashishwa mu kugaragaza uko ikigereranyo cy'ubukene mu ngo gihagaze mu gihugu muri rusange.

Igika cya 8 kigabanyijemo ibice 3 by'ingenzi:

- Igice A: amafaranga yatanzwe ku bintu bitari ibiribwa harimo n'ibikoresho by'ibanze;
- Igice B: amafaranga yatanzwe ku biribwa ;
- Igice C: ibyakoreshejwe mu rugo bivuye ku musaruro warwo.

Muri iki gika, igihe fatizo gihinduka hakurikijwe uko ibintu bikenerwa mu rugo (kenshi cyangwa gake). Icyo gihe gishobora kuba amezi 12 abanziriza isurwa cg ibarura, ibyumweru 4 bibanziriza isurwa cg isurwa ry'urugo.

Urutonde rw'ibintu urugo rwatanzeho amafaranga cyangwa ibyavuye ku musaruro warwo byakurikiranyijwe ku murongo uvuye ku cya mbere kugera ku cya nyuma muri buri gice (A, B na D) kandi buri kintu cyakoreshejwe cyahawe ikirango cya COICOP (Classification of Individual Consumption by Purpose) kigaragaza urwego cyangwa icyiciro ibintu bikenerwa/bikoreshwa mu rugo na buri wese bibarizwamo ku rwego mpuzamahanga.

Abasubiza ibibazo byo muri iki gika ni abantu baba mu rugo bashinzwe kugura ibitari ibiribwa bikenerwa mu rugo (Igice A), kugura ibiribwa (Igice B), gutegura amafunguro (Igice C).

### **IGICE A. AMAFARANGA YATANZWE KU BINTU BITARI IBIRIBWA**

Muri iki gice, ababazwa ni abantu bashinzwe kugura ibintu bikoreshwa mu rugo bitari ibiribwa. Hashingiwe uko ibintu bigenda bikenerwa mu rugo mu bihe bitandukanye, iki gice nacyo kigabanyijemo uduce 3 dukurikira :

- Amafaranga yatanzwe n'urugo ku bintu bitari ibiribwa mu mezi 12 ashize ;
- Amafaranga yatanzwe n'urugo ku bintu bitari ibiribwa mu byumweru 4 bishize ;
- Amafaranga yatanzwe n'urugo ku bintu bitari ibiribwa bikenerwa kenshi.

Iki gice kireba amafaranga urugo rwagiye rutanga mu kugura ibintu bikenerwa rimwe na rimwe mu mezi 12 ashize abanziriza isurwa ry'urugo. Muri iki gice, ibyatanzweho amafaranga biri mu byiciro bikurikira:

- Imyambaro
- Ibikoresho bwite by'umuntu

- Inyubako /aho gutura
- Ibikoresho byo mu nzu
- Gutwara abantu n'ibintu
- Imyidagaduro
- Ubuzima
- Izindi serivisi zikenerwa n'urugo

Muri iki gice, hari ibibazo bitatu (Ikibazo cya 2, icya 3 n'icya 4) biteganyijwe kubazwa kuri buri kintu, ibyo bibazo ni ibi bikurikira:

#### **Ikibazo cya 2:**

Iki kibazo kigamije kumenya niba urugo rwaraguze igikoresho runaka mu mezi 12 ashize. Umukarani w'ibarura abaza niba iki ikintu (kukivuga) urugo rwarakiguze mu mezi 12 ashize. Iyo igisubozo ari “**Oya**” wandika mu kazu kabigenewe ikirango [2] kijyanye n'iki gisubizo hanyuma ukajya ku kintu gikurikiyeho, iyo ari “**Yego**” wandika mu kazu kabigenewe ikirango [1] kijyanye n'iki gisubizo hanyuma ugakomeza ku kibazo cya 3 kubaza amafaranga cyatwaye.

#### **Ikibazo cya 3:**

Iki kibazo kigamije kumenya amafaranga urugo rwaguze ikintu runaka mu mezi 12 ashize. Umukarani w'ibarura abaza amafaranga yatanze ku kintu (kukivuga) mu mezi 12 ashize, hanyuma akayandika mu kazu kateganyijwe.

#### **Ikibazo cya 4:**

Iki kibazo kigamije kumenya ahantu h'ingenzi urugo rwaguriye ikintu runaka. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabigenewe ikirango cyijyanye n'igisubizo ahawe.

Kuri iki kibazo, ibisubizo bishoboka ni 11 nkuko bigaragara mu rutonde rw'ibibazwa. Muri byo, harimo igisubizo “**Ahandi**”. Iki gisubizo gisobanura ahandi hantu hose umuntu ashobora kugurira ikintu hatavuzwe. Hagomba kugaragazwa mu gihe hahari (urugero: muri **cyamunara**, mu **imurikagurisha**, ...).

Harimo n'igisubizo “**Ntahazi**”. Iki gisubizo kizasubizwa mu gihe urugo ruzaba rutakibuka cyangwa ubazwa atazi aho cyaguriwe, cyane ko uwakiguze ashobora kuba ataboneka mu buryo ubwo ari bwo bwose mu gihe cy'isurwa ry'urugo.

#### **Icyitonderwa:**

Ibyo bibazo bizabazwa inshuro 8 mu ngo zo mu cyaro, n'inshuro 11 mu ngo zo mu mujyi. Mu mujyi, umukarani wibarura azajya agaruka mu rugo rubarurwa hashize iminsi 3. Naho mu cyaro azajya arugarukamo hashize iminsi 2.

## **IGICE B: AMAFARANGA YATANZWE KU BIRIBWA**

Muri iki gice ababazwa ni abashinzwe kugura ibiribwa mu rugo, amazina na N<sup>O</sup> ID zabo byandikwa ahabigenewe mu mbonerahamwe (Table) iri hejuru y'ibibazo No ID ivugwa hano ni numero izaba yahawe umuntu mukika cya 1.

Iki gice cyuzuzwa nk'igice cya A (III); ibiribwa byose uko biri ku rutonde bishobora kuba bicyenerwa buri muni. Igihe fatizo kigenderwaho ni umunsi urugo ruherukira gusurwa, ni ukuvuga ko uko umukarani w'ibarura agarutse mu rugo abaza niba ibyo biribwa byaraguzwe kuva ahavuye. Iyo asanze ikintu abajije kitaraguzwe, yandika **0** ahagenewe kwandikwa umubare w'amafaranga akajya ku biribwa bikurikiyeho.

Urutonde rw'ibiribwa byatanzweho amafaranga muri iki gice biri mu byiciro bikurikira:

- Ibinyampeke
- Amafu y'ibinyampeke
- Imitsima ya kizungu
- Inyama
- Ibinyamababa n'ibibikomokaho
- Amafi
- Amata n'ibiyakomokaho
- amavuta yo guteka
- Imbuto
- Ibinyamisogwe
- Imboga
- Ibinyabijumba
- Ibinyasukari
- Ibirungo /indyoshyandyo
- Ibinyobwa bidasembuye
- Ibinyobwa bisembuye byafatiwe mu rugo
- Ibiribwa n'ibinyobwa byafatiwe hanze y'urugo

### **Ikibazo cya 2:**

Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'amezi urugo rwamaze rugura ibiribwa runaka mu mezi 12 ashize abanziriza isurwa ry'urugo. Kuri buri biribwa biri ku rutonde, umukarani abaza umubare w'amezi urugo rwamaze rugura ibyo biribwa akwandika ahabigenewe (umubare w'amezi) mugihe bitaguzwe yandika 0 ahagomba kujya umubare w'amezi hanyuma agakomeza.

**Icyitonderwa:** urugo rushobora kuba rutaraguze ibiribwa runaka mu mezi 12 ashize ariko rukabigura mu minsi y'ibarura ikurikira ubwo umukarani aherukira muri urwo rugo.

### **Ibibazo bya 3-12:**

Ibi bibazo byose birasa, bikaba bireba amafaranga yatanzwe n'urugo mu kugura ibintu biri ku rutonde rw'ibibazwa nyuma y'aho umukarani w'ibarura aherukira kurusura. Itariki ya buri muni w'isurwa ry'urugo igomba kwandikwa ahabigenewe hejuru ya buri kibazo.

### **Ikibazo cya 13:**

Iki kibazo kigamije kumenya aho ibintu byavuzwe bigurirwa akenshi.

Kuri iki kibazo ibisubizo bishoboka ni 11 nkuko bigaragara ku rutonde rw'ibibazwa, muri byo harimo igisubizo “**Ahandi**”. Iki gisubizo gisobanura ahandi hantu hose umuntu ashobora kugurira ikintu hatavuzwe. Hagomba kugaragazwa mu gihe hahari (urugero: muri **cyamunara**, mu **imurikagurisha**, ...).

Harimo n'igisubizo “**Ntahazi**”. Iki gisubizo kizasubizwa mu gihe urugo ruzaba rutakibuka cyangwa ubazwa atazi aho cyaguriwe, cyane ko uwakiguze ashobora kuba ataboneka mu buryo ubwo ari bwo bwose ngo atange amakuru.

#### **Icyitonderwa:**

Ibyo bibazo bizabazwa inshuro 8 mu ngo zo mu cyaro, n'inshuro 11 mu ngo zo mu mujyi. Mu mujyi, umukarani wibarura azajya agaruka mu rugo rubarurwa hashize iminsi 3. Naho mu cyaro azajya arugarukamo hashize iminsi 2.

### **IGICE C: IBYAKORESHEJWE MU RUGO BIVUYE KU MUSARURO WARWO**

#### **Igisobanuro**

Abasubiza ibibazo biri muri iki gice ni abantu bo mu rugo bashinzwe gutegura amafunguro, amazina na N<sup>o</sup> ID zabo byandikwa ahabigenewe mu mbonerahamwe (Table) iri hejuru y'ibibazo No ID ivugwa hano ni nimero izaba yahawe umuntu mukika cya 1.

Umukarani w'ibarura abaza niba urugo rwarakoresheje ibintu bikomoka ku musaruro warwo mu mezi 12 ashize. Mugihe igisubizo ari “**Oya**”, ajya ku gika gikurikiyeho cya 9

Urutonde rw'ibyakoreshejwe mu rugo bivuye ku musaruro warwo biri mu byiciro nk'ibyagaragajwe mu gice cya **B** hiyongeyeho ***ibindi biva ku buhinzi***, hatarimo ***imitsima ya kizungu***.

### **GUHINDURA INGERO Z'IBIPIMO MU NGERO MPUZAMAHANGA (Kg na L)**

Ibijyanye no guhindura ingero z'ibipimo mu ngero mpuzamahanga birareba iki gika cya 8 ku gice C, kuva ku kibazo cya 3 kugera 12.

Ibipimo by'ingero bisanzwe mu gupima umusaruro wo mu buhinzi n'ibikomoka ku byavuye mu buhinzi:

Icupa rya Fanta, Akabido, ikidomoro, ingunguru, ikibindi, igicuma, indobo, akadeyi, umufuka, igitebo, icyibo, ibase, isahani, igicuba, umufungo, umuba, ingemeru, ijage...

Izi ngero zikoreshewa mu gupima ibintu bisukika n'ibidasukika, izi ngero nizo zihindurwa mu ngero mpuzamahanga z'uburemere n'iz'ubunini arizo Kilogramama (**Kg**) na **litiro (l)**.

#### **Uko bizakorwa**

Mu ngo nyishi, bakoresha zimwe muri ziriya ngero zisanzwe. Umukarani w'ibarura azabasaba bamwereke ibikoresho bapimisha. Tuzagerageza gupima uburemere bw'icyo gikoresho iyo cyuzuye ikintu bashaka gupima. Tuzakoresha **umunzani** ubugenewe cyangwa **Goglet gradué Jag** dufite maze twandike **umubare w'ibiro (Kg)** cyangwa w'**amalitiro** (l) bingana (l)

Urugero: Gupima Igitebo cy'ibijumba ukabona ibiro byacyo, gupima igicuba cy'amata ukabona amalitiro gitwara iyo cyuzuye (kwifashisha amazi ukayageza aho bageza amata).

**Ikibazo cya 2:**

Kuri buri biribwa biri ku rutonde, umukarani w'ibarura abaza umubare w'amezi urugo rwamaze rukoresha icyo kintu muri ayo mezi 12 ashize abanziriza isurwa ry'urugo akawandika mu kazu kabigenewe. Mu gihe urugo rutakoresheje ibyo biribwa byavuzwe, umukarani w'ibarura yandika zero hanyuma ajya ku bikurikira.

**Icyitonderwa:** Birashoboka ko urugo rwaba rutarakoresheje ikintu kivuye ku musaruro warwo mu mezi 12 ashize ariko rukagikoresha mu minsi y'ibarura ikurikira ubwo umukarani w'ibarura aruherukiramo.

**Ikibazo cya 3-12:**

Ibi bibazo byose birasa bikaba bibaza uko ibyo urugo rwakoresheje bivuye ku musaruro warwo bingana, kuva igihe umukarani w'ibarura ahaherukira. Umukarani w'ibarura agomba gukoresha urugero rumwe kuva ku kibazo cya 3 kugeza ku cya 12, akajya yandika mu kazu kabugenewe umubare w'ibiro byakoreshejwe kuri buri kintu cyavuye mu musaruro w'urugo, mu gihe kitakoreshejwe azajya yandikamo zero (0). Ntagomba kandi kwibagirwa kwandika amatariki urugo rubaruriweho, hejuru ya buri kibazo.

**Icyitonderwa:** Mu gihe urugo rwagaragaje ko rutigeze rukoresha ikintu runaka kivuye ku musaruro warwo mu masurwa yose ruzaba rwarakorewe, umukarani w'ibarura ntazabaza ikibazo cya 13 na 14.

**Ikibazo cya 13:**

Ikibazo cya 13 kigamije kugaragaza urugero rw'igipimo rwakoreshejwe n'urugo, umukarani w'ibarura agera gushyira ibipimo byakoreshejwe n'urugo n'igipimo mpuzamahanga cya Kilogarama (Kg) cyangwa Litiro (L), nukuvuga kuva ku kibazo cya 2-12, buri sura agomba kujya yandika ingano y'ibyo urugo rwakoresheje muri Kg cg litiro ku bisukika, hanyuma ku isura rya nyuma akandika mu kazu kabugenewe ikirango cy'urugero rwakoreshejwe (Kg cg L).

**Ikibazo cya 14:**

Ikibazo cya 14 kigamije ku menya igiciro kuri ubu urugo rwagurishaho urwo rugero rwavuzwe ku kibazo cya 13, umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabigenewe igiciro ku kilo cg litilo.

Ibyo bibazo bizabazwa inshuro 8 mu ngo zo mu cyaro, n'inshuro 11 mu ngo zo mu mujyi. Mu mujyi, umukarani w'ibarura azajya agaruka mu rugo rubarurwa hashize iminsi 3. Naho mu cyaro, kubera gukurukirana ibyo bakoresha biyezereza, azajya arugarukamo hashize iminsi 2. Niba urugo rutarakoresheje ibyo biribwa kuva igihe ahaherukira, yandika "0" ahabigenewe.

**Icyitonderwa:** Mu gihe urugo rwagaragaje ko rutigeze rukoresha ikintu runaka kivuye ku musaruro warwo mu masurwa yose ruzaba rwarakorewe, umukarani w'ibarura ntazabaza ikibazo cya 14.

## **IGIKA CYA IX: IBYOHHEREZWA AHANDI, IBYOHHEREREZWA URUGO, ANDI MAFARANGA YATANZWE NA GAHUNDA YA VUP**

### **9.1. INTEGO**

Kohererezanya amafaranga cyangwa ibintu ni kimwe mu bipimo bigaragaza imibereho cyangwa ubukungu bw'ingo. Ku ruhande rumwe, urugo rwohereza ahandi amafaranga cyangwa ibindi bintu kuko ruba rubifite. Ku rundi ruhande, ibyinjirye mu rugo bigira icyo bihindura ku mibereho y'abagize urugo. Ibibazo biri muri iki gika bigamije kumenya amafaranga cyangwa ibintu urugo rwatanze n'ibyo rwakiriye mu gihe cy'amezi 12 ashize n'ibyo rwatanzeho amafaranga mu gihe cy'ibyumweru 4 bishize. Ibyo bitari amafaranga bihabwa agaciro mu mafaranga.

Ibibazo bituma hamenyekana ibyo urugo rwohererejwe n'ibyo rwohereje n'agaciro kabyo bikubiye mu bice 5 bikurikira:

- Ibyo urugo rwohereje;
- Ibyo urugo rwohererejwe;
- Gahunda ya VUP, Ubudehe na RSSP;
- Ibyaturutse mu butegetsi bwite bwa Leta no mu nzego zigenga;
- Ibindi urugo rwatanzeho amafaranga.

### **9.2. IGISOBANURO**

Ubusanzwe, bavuga kwohereza ikintu undi muntu iyo ucyohereje nta kindi aba ategereje kuwo yacyohereje. Icyo kintu ntabwo kibarwa nk'umwenda cyangwa ideni umuntu aba agomba kuzishyura cyangwa ngo azakigarure igihe runaka. Icyo kintu cyakwitwaga impano urugo ruha umuntu wo mu rundi rugo cyangwa umwe mu bagize urugo ariko wari ahandi hantu haba mu gihugu imbere cyangwa hanze igihe bamwohererezaga icyo kintu. Iyo umuntu wo mu rugo ahaye ikintu undi wo muri urwo rugo babana, ntabwo kibarwa nk'icyoherejwe (urugero, umubyeyi uha umuhungu we babana amafaranga yo kwitwaza agiye mu rugendo, umwana waguriye murumuna we umwenda amwifuriza isabukuru...).

### **9.3. UKO BYUZUZWA**

#### **IGICE A: IBYO URUGO RWOHEREJE**

##### **Icyitonderwa:**

1. Iki gice kigamije kwerekana gusa amafaranga n'ibintu urugo rwohereje hatabariwemo ibintu bijyanye n'intwererano (inkwano, intwererano y'ubukwae) kuko zuzuzwa mu gice cya **9D** ikirango cya 20, hatabariwemo na none ibintu urugo rwarishye kubera ibintu rwaguze cyangwa imirimo rwakorewe kuko na byo bigaragara mu Gice cya **9E**.

2. Igihe bizagaragara ko mu kohererezanya ibintu bitandukanye wenda imyenda n'amafaranga, hakaba harimo ibizishyurwa ntibitazishyurwa, hazandikwa gusa ibitazishyurwa, kuko ibizishyurwa byandikwa mu gika cya 10 igice A kijyanye n'imyenda n'inguzanyo.

##### **Ikibazo cya 1 :**

Ikibazo cya 1 kigamije kumenya niba hari umuntu urugo rwaba rwarohereje amafaranga cyangwa ikindi kintu (ibiribwa, ibinyobwa, imyambaro...) mu mezi 12 ashize. Umukarani w'ibarura agomba gutanga ingero kugira ngo uwo baganira yumve neza icyo “**koherereza**”, bisobanura mbere yo kwihutira kwandika igisubizo ahawe, cyane cyane iyo igisubizo ahawe



n'uwu baganira ari "oya". Iyo amaze gusobanura, igisubizo kikaguma ari **oya**, ajya ku gice B. Niba ari "**yego**", abaza amazina y'uwu wohererejwe amafaranga/ ibintu akayandika mu nkingi yateganyijwe.

**Icyitonderwa:** Umukarani agomba kwibutsa uwu baganira ko amafaranga/ ikindi kintu umuryango watanze ku miryango nk'insengero, ku bagiraneza, inkwano, intwererano bitabazwa kuri iki kibazo kuko biri bubazwe mu gika cya 9E.

#### **Ikibazo cya 2-4:**

Umukarani w'ibarura iyo amaze kwandika amazina y'abohererejwe amafaranga/ibintu mu nkingi yateganyijwe, akomeza ku kibazo cya 2 akuzuzwa numero ya buri muntu wohererejwe amafaranga/ibintu nkuko yayimuhaye mu gice A(Ku lisiti y'ababa mu rugo) niba ari uwu muri urwo rugo cyangwa "**00**" niba atari uwu muri urwo rugo .

Ikibazo cya 3 kigamije kumenya isano abohererejwe amafaranga/ibintu bafitanye na nyir'urugo, umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenwe ikirango kijyanye n'igisubizo yahawe.

Ikibazo cya 4 kigamije kumenya igitsina cy'abohererejwe amafaranga/ibintu, umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo yahawe.

**Icyitonderwa:** Kuri ibi kibazo byose, umukarani w'ibarura agomba kwitonda agafasha uwu baganira kwibuka kuko bitoroshye ko umuntu ahita avuga ibyo urugo rwohereje byose mu gihe cy'amezi 12.

#### **Ibibazo 5 - 13:**

Ikibazo cya 5 kigamije kumenya aho uwoherejwe amafaranga/ibintu atuye, Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo gikurikira .

Ikibazo cya 6 kigamije kumenya niba urugo rwaba rwarohereje amafaranga/ibintu mu mezi 12 ashize, niba ari "Yego", Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo gikurikira, niba igisubizo ari "Oya" , Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo cya 9.

Ikibazo cya 7 kigamije kumenya umubare w'amafaranga yose hamwe urugo rwohereje mu mezi 12 abanziriza isurwa ry'urugo, umukarani abaza amafaranga yose urugo rwohereje mu mezi 12 akayandika mu kazu kabugenewe .

Ikibazo cya 8 kigamije kumenya uburyo bw'ingenzi bwakoreshejwe mu kohereza amafaranga, Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo gikurikira.

Ikibazo cya 9 kigamije kumenya niba urugo hari ibiribwa/ibinyobwa rwohereje mu mezi 12 ashize, niba ari "Yego", Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo gikurikira, niba igisubizo ari "Oya" Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo cya 11.

Ikibazo cya 10 kigamije kumenya agaciro k'ibiribwa/ibinyobwa byose urugo rwoherereje mu mezi 12 ashize, umukarani abaza agaciro mu mafaranga k'ibiribwa/ibinyobwa byose urugo rwoherereje mu mezi 12 akayandika mu kazu kabugenewe .

Ikibazo cya 11 kigamije kumenya hari ibindi bintu bitari ibinyobwa/ibiribwa cyangwa amafaranga urugo rwoherereje mu mezi 12 ashize, niba ari “Yego“, Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo gikurikira, niba igisubizo ari ”Oya“ Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo cya 13.

Ikibazo cya 12 kigamije kumenya agaciro k'ibindi bintu bitari ibinyobwa/ibiribwa cyangwa amafaranga urugo rwoherereje mu mezi 12 ashize, umukarani abaza agaciro mu mafaranga k'ibindi bintu bitari ibinyobwa/ibiribwa cyangwa amafaranga urugo rwoherereje mu mezi 12 ashize akayandika mu kazu kabugenewe .

Ikibazo cya 13 kigamije kumenya niba uwohererejwe amafaranga/ibintu azabyishyura, Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku muntu wundi wohererejwe amafaranga/ibintu, niba ntawundi, umukarani w'ibarura akomeza ku gice gikurikira.

## **IGICE B: IBYO URUGO RWOHEREREJWE**

### **Ibibazo 1 - 4:**

Ikibazo cya 1 kigamije kumenya niba hari umuntu wo mu rugo wohererejwe amafaranga cyangwa ikindi kintu. Niba igisubizo ari “oya”, umukarani w'ibarura akomeza ku gice C.

Niba igisubizo ari “yego”, Umukarani w'ibarura yandika amazina y'uwoherereje urugo ibintu/ amafaranga. Umukarani w'ibarura iyo amaze kwandika amazina y'aboherereje urugo amafaranga/ibintu mu nkingi yateganyijwe, akomeza ku kibazo cya 2 akuzuza No ID ya buri muntu nkuko yayimuhaye mu gice A (ku rutonde rw'ababa mu rugo) niba ari uwo muri urwo rugo. Yandika “00” niba atari uwo muri urwo rugo cyangwa ari ishyirahamwe/ONG/Ibigo.

Ikibazo cya 3 kigamije kumenya isano abohererejwe amafaranga/ibintu bafitanye na nyir'urugo, umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo yahawe.

Ikibazo cya 4 kigamije kumenya igitsina cy'abohererejwe amafaranga/ibintu, umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo yahawe.

### **Ibibazo 5 - 13:**

Ikibazo cya 5 kigamije kumenya aho uwoherereje urugo amafaranga/ibintu atuye, Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo gikurikira .

Ikibazo cya 6 kigamije kumenya niba urugo rwaba rwohererejwe amafaranga/ibintu mu mezi 12 ashize, niba ari “Yego“, Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo gikurikira, niba igisubizo ari ”Oya“ , Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo cya 9. Ikibazo cya 7 kigamije kumenya umubare w'amafaranga yose hamwe urugo rwohererejwe mu mezi 12 abanziriza isurwa ry'urugo, umukarani abaza amafaranga yose urugo rwohererejwe mu mezi 12 akayandika mu kazu kabugenewe .

Ikibazo cya 8 kigamije kumenya uburyo bw'ingenzi bwakoreshejwe mu koherereza urugo amafaranga, Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo gikurikira.

Ikibazo cya 9 kigamije kumenya niba urugo hari ibiribwa/ibinyobwa rwohererejwe mu mezi 12 ashize, niba ari "Yego", Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo gikurikira, niba igisubizo ari "Oya" Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo cya 11.

Ikibazo cya 10 kigamije kumenya agaciro k'ibiribwa/ibinyobwa byose urugo rwohererejwe mu mezi 12 ashize, umukarani abaza agaciro mu mafaranga k'ibiribwa/ibinyobwa byose urugo rwohererejwe mu mezi 12 akayandika mu kazu kabugenewe .

Ikibazo cya 11 kigamije kumenya hari ibindi bintu bitari ibinyobwa/ibiribwa cyangwa amafaranga urugo rwohererejwe mu mezi 12 ashize, niba ari "Yego", Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo gikurikira, niba igisubizo ari "Oya" Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku kibazo cya 13.

Ikibazo cya 12 kigamije kumenya agaciro k'ibindi bintu bitari ibinyobwa/ibiribwa cyangwa amafaranga urugo rwohererejwe mu mezi 12 ashize, umukarani abaza agaciro mu mafaranga k'ibindi bintu bitari ibinyobwa/ibiribwa cyangwa amafaranga urugo rwohererejwe mu mezi 12 ashize akayandika mu kazu kabugenewe .

Ikibazo cya 13 kigamije kumenya niba amafaranga/ibintu urugo rwohererejwe ruzayishyura, Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe agakomeza ku muntu wundi woherereje urugo amafaranga/ibintu, niba ntawundi, umukarani w'ibarura akomeza ku gice gikurikira.

## **GICE C: Gahunda ya VUP, UBUDEHE , RSSP**

Iki gice kigamije kumenya niba hari umuntu wo mu rugo waba yarabonye imfashanyo ya VUP, RSSP n'icyo iyo mfashanyo yamariye urugo yaba kubona inguzanyo yo kwiteza imbere cyangwa indi nyungu.

**VUP:** Vision Umurenge Program

**RSSP:** Rural Sector Support Project

### **Ibibazo bya 1-8:**

Ikibazo cya 1 kigamije kumenya ibyiciro by'ubudehe ingo zashyizwemo. Niba ubazwa atazi icyiciro urugo rwe rurimo, umukarani w'ibarura ashobora kubaza ushinze ubudehe mu mudugudu urugo ruherereyemo cyangwa umuyobozi w'umudugudu.

Ikibazo cya 2 kigamije kumenya niba ubarurwa izi ko umurenge atuyemo uri muri gahunda ya VUP. Umukarani w'ibarura abaza ikibazo uko giteye, akandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe. Gusa, ashobora gusobanurira ko VUP ari gahunda ya Leta igamije gufasha ingo zikennye kwivana mu bukene ikaba ikorera mu mirengi imwe n'imwe yatoranyijwe muri buri Karere.

Ikibazo cya 3 niba urugo rubazwa rwarigize ruba muri gahunda ya VUP. Umukarani w'ibarura abaza ikibazo uko giteye, akandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

Niba ntabwo, ajya ku kibazo cya 30. Niba rwarabaye muri gahunda ya VUP, umukarani w'ibarura akomeza ku kibazo cya 4a akabaza umwaka urugo rwatangiye kuba muri gahunda ya VUP, akandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

Ikibazo cya 5 kigamije kumenya ubufasha bwa mbere urugo rwabonye ubwo rwatangiraga kuba muri gahunda ya VUP. Umukarani yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe

Ikibazo cya 6 kigamije kumenya niba urugo rubazwa rukibarizwa/ rukiri muri gahunda ya VUP. Niba igisubizo ari "Oya", umukarani w'ibarura ajya kubaza ikibazo cya 7 impamvu urugo rutakibona ubufasha bwa VUP. Niba igisubizo ari "Yego", ajya ku kibazo cya 8 kigamije kumenya gahunda ya VUP urugo rubarurwa rurimo ubu.

Ikibazo cya 7 kigamije kumenya impamvu urugo rutakibona ubufashwa bwa gahunda ya VUP. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe hanyuma agahita akomereza ku kibazo cya 30.

Ikibazo cya 8 kigamije kumenya gahunda ya VUP urugo rubarurwa rurimo ubu.

Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe, niba igisubizo ari 3 cyangwa se 4 umukarani akomereza ku kibazo cya 14, niba igisubizo ari 5 umukarani akomereza ku kibazo cya 20.

### **Ibibazo bya 9-13:**

Ibi bibazo birebana n'abahawe amafaranga y'ingoboka ku batishoboye bigamije kumenya ibi bikurikira:

Ikibazo cya 9 kigamije kumenya igihe urugo rumaze ruhabwa amafaranga y'ingoboka kubatishoboye na VUP. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe umubare w'amezi urugo rumaze ruhabwa amafaranga y'ingoboka.

Ikibazo cya 10 kigamije kumenya niba bayabonera ku gihe cyateganyijwe, hazagenderwa ku gisubizo yabonetsemo kenshi gashoboka, niba mu mwaka urugo rwarayafashe inshuro 8 buri kwezi andi akazira rimwe mu mezi 2 abiri, icyo gihe hazandikwa ko ari Buri kwezi. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

Ikibazo cya 11 kigamije kumenya ikigereranyo cy'amafaranga urugo rubona ku kwezi. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe umubare w'amafaranga urugo rubona ku kwezi.

Ikibazo cya 12 kigamije kumenya amafaranga y'ingoboka urugo rwabonye mu mezi 12 ashize ruhawe na VUP (igiteranyo cyayo yose ku mwaka), umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe umubare w'amafaranga yose urugo rwabonye muri gahunda ya VUP mu mezi 12 (igiteranyo cyayo yose ku mwaka).

Ikibazo cya 13 kigamije kumenya icyo ayo mafaranga akenshi urugo . Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe hanyuma agahita akomereza ku kibazo cya 20.

**Ibibazo bya 14-20:**

Ibi bibazo birebana n'abahawe akazi na gahunda ya VUP, bigamije kumenya ibi bikurikira:

Ikibazo cya 14 kigamije kumenya igihe urugo rumaze ruhawe akazi muri VUP. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe umubare w'amezi urugo rumaze ruhawe akazi muri gahunda ya VUP.

Ikibazo cya 15 kigamije kumenya umubare w'abantu bo mu rugo bakoze muri VUP Mu mezi 12 ashize. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe umubare w'abantu bo mu rugo bakoze muri gahunda ya VUP mu mezi 12.

Ikibazo cya 16 kigamije kumenya ikigereranyo cy'igihe mu mezi abantu bo mu rugo bakoze muri VUP Mu mezi 12 . Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikigereranyo cy'igihe mu mezi abantu bo mu rugo bakoze muri VUP mu mezi. Kuri iki kibazo umukarani w'ibarura abumbira hamwe amezi buri muntu wo muruga yakoze mu mezi 12 ashize maze ukandika igiteranyo cya mezi abo murugo bose bakoze mugihe cya mezi 12 ashize muri VUP.

Ikibazo cya 17 kigamije kumenya umubare w'amafaranga yose (igiteranyo) urugo rwahembwe na VUP Mu mezi 12 ashize. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe umubare w'amafaranga yose urugo rwahembwe muri gahunda ya VUP mu mezi 12.

Ikibazo cya 18 kigamije kumenya niba urugo ruhembwa ku gihe. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

Ikibazo cya 19 kigamije kumenya ikintu cy'ingenzi urugo rwakoresheje amafaranga rwahembwe na VUP. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

Ikibazo cya 20 kigamije kumenya niba hari abantu bo mu rugo baba barahawe inguzanyo ya VUP. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

**Ibibazo bya 21-29:**

Ibi bibazo birebana n'abahawe inguzanyo na gahunda ya VUP, bigamije kumenya ibi bikurikira:

Ikibazo cya 21, umukarani w'ibarura yandika numero (No ID) y'umuntu wo mu rugo wahawe inguzanyo na gahunda ya VUP.

Ikibazo cya 22 kigamije kumenya ubwoko bw'inguzanyo yatanze. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe. Niba igisubizo ari “1“ , umukarani akomeza ku kibazo cya 24.

Ikibazo cya 23 kigamije kumenya umubare w' abantu bagize itsinda/ koperative. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe umubare w'abantu bagize itsinda/coperative.

Ikibazo cya 24 kigamije kumenya umubare w'amafaranga iryo tsinda/ koperative bagurijwe. Umukarani w'ibarura abaza akanandika mu kazu kabugenewe umubare w'amafaranga itsinda/coperative bagurijwe.

Ikibazo cya 25 kigamije kumenya umubare w'amafaranga yatanzwe ku bisabwa kugira ngo babone iyo nguzanyo. Umukarani w'ibarura abaza akanandika mu kazu kabugenewe umubare w'amafaranga yatanzwe ku bisabwa kugira ngo itsinda/coperative ibone iyo nguzanyo.

Ikibazo cya 26 kigamije kumenya ikintu cy'ingenzi urugo rwakoresheje inguzanyo rwahawe na VUP. Umukarani w'ibarura yandika mu tuzu twabugenewe ibirango bijyanye n'ibisubizo 2 by'ingenzi byatwaye amafaranga menshi kurusha ibindi, niba barayakoresheje mu kintu kimwe gusa, yuzuzwa mu kazu kabanza, akazu ka 2 hakuzuzwamo "0"

Ikibazo cya 27 kigamije kumenya umushinga uwo ariwo wari wasabiwe inguzanyo muri VUP. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

Ikibazo cya 28 kigamije kumenya niba inguzanyo barayibonye mu mezi 12. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

Ikibazo cya 29 kigamije kumenya ijanisha ry'igice cy'nguzanyo imaze kwishyurwa. Umukarani w'ibarura abaza ijanisha ry'igice cy'nguzanyo imaze kwishyurwa, akayandika mu kazu kabugenewe.

#### **Ibibazo bya 30-31:**

Ibi bibazo birebana n'abakoranye na Gahunda ya RSSP/MINAGRI, bigamije kumenya ibi bikurikira:

Ikibazo cya 30 kigamije kumenya niba hari inyungu urugo rwavanye mu mushinga wa RSSP/MINAGRI. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe. Niba igisubizo ari 2, akomeza ku gice D.

Ikibazo cya 31 kigamije kumenya inyungu urugo rwaba rwaravanye mu mushinga wa RSSP cyangwa undi mushinga wa MINAGRI, nka **RIF** (Rural Investment Fund). Iki kibazo kigizwe n'ibibazo 6 (A-F). Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kabugenewe ka buri kibazo ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

#### **IGICE D: IBINDI BIZANA AMAFARANGA**

Iki gice kigamije kwerekana ahandi havuye ibintu urugo rwabonye mu byumweru bine bishize no mu mezi 12 ashize nko mu butegetsi bwite bwa Leta (ubwiteganyirize bw'abakozi, imfashanyo ku bageze mu zabukuru, ikigega cy'uburezi, n'ibindi bigaragara ku rutonde) cyangwa mu nzego zigenga (ubwiteganyirize bw'abakozi mu rwego rwigenga, inkunga yo kuzigama mu rwego rwigenga, inkwano, umurage, Intwererano n'ibindi bigaragara ku rutonde). Kuri buri kimwe cyose urugo rwabonye, kugira agaciro mu mafaranga mu gihe cy'ibyumweru 4 bishize no mu gihe cy'amezi 12 ashize ihereye ku munsu ubanziriza ikiganiro.

#### **Ibibazo bya 1-3**

Ibi bibazo bibaza niba hari amafaranga urugo rwabonye aturutse ahandi hagaragajwe mu mbonerahamwe (ikibazo cya 1). Niba igisubizo ari "Yego", mukomeza kumubaza umubare w'amafaranga yabonye mu byumweru 4 bishize (ikibazo cya 2), agahita yandikwa mu kazu kateganyijwe. Ku kibazo cya 3, umukarani w'ibarura abaza umubare w'amafaranga cyangwa

agaciro mu mafaranga y'ikindi kintu urugo rwabonye mu mezi 12 nayo akayandika mu kazu kabugenewe. Iyo igisubizo ari “Oya” ku kibazo cya 1, ajya ku kintu cy'ahava amafaranga gikurikira kugeza igihe arangirije urutonde.

**Icyitonderwa:**

Amafaranga yose/agaciro k'ibintu byakomotse ku mutungo w'urugo uri hanze y'igihugu bizandikwa muri iki gice cya **9D ku kirango cya 17** (kugurisha umutungo utimukanwa/uwimukanwa).

**IGICE E: AMAFARANGA YATANZWE KU BINDI BINTU**

Iki gice kigamije kwerekana ibintu urugo rwatanzeho amafaranga mu mezi 12 ashize uhereye ku munsu ubanziriza ikiganiro. Iby'ingenzi ni nk'imisoro, imisanzu mu mishinga/amashyirahamwe, imfashanyo ku batishoboye n'ibindi biri ku rutonde. Kuri buri kimwe cyose, kubaza umubare w'amafaranga yatanzwe cyangwa niba ari ikindi kintu cyatanzwe, kubaza agaciro kacyo mu mafaranga. Gusobanurira neza uwo muganira ko ayo mafaranga atandukanye nayazigamwe cyangwa niba ari ibintu ko bitandukanye n'impano zaba zaratanzwe zigaragara mu gice A.

**Icyitonderwa:**

1. Amafaranga yose/ibintu byose byatanzwe mu gikorwa runaka/Ibirori by'urugo bibarwa byose nk'ayasohowe n'urugo tutitaye ko harimo ibyo urugo rwohererejwe nk'intwererano. Niba ari ibintu hazabarwa agaciro ka byo. Izi ntwererano zizagaragara no mu gice A mu byo urugo rwohererejwe. Igihe urugo ruzaba rwaroherejwe intwererano n'abantu benshi zizateranywa zose zandikwe ku gisubizo “**Gutwerera**”

2. Muri iki gice cya 9E mu kirango cya 13 cy'ibindi bintu bitangwaho amafaranga, hazandikwamo n'amafaranga yishyuriwe umuntu uri mu rugo urengeje imyaka 30 ku bijyanye n'uburezi mu gice cya 4 igiceA, kuko aya mafaranga urugo rwatanze nta handi aba yanditswe.

3. Muri iki kirango cya 13 hazandikwamo amafaranga urugo rwakoresheje ruzana amazi/umuriro mu rugo.

## **IGIKA CYA X: INGUZANYO, IBIKORESHO BIRAMBA NO KUZIGAMA**

### **Intego**

Iki gika kigamije kumenya uburyo ingo zitabira kwaka inguzanyo, aho inguzanyo ziva n'uko zishyurwa, uburyo zitabira kuzigama n'aho zizigama (muri banki, muri koperative, mu kigo cy'imari iciriritse) . Kigamije kandi kumenya ibikoresho biramba urugo rutunze, umubare wabyo n'agaciro kabyo.

### **Ibisobanuro**

Guha umuntu amafaranga agomba kuzayakwishyura byitwa kuguriza. Gufata amafaranga umuntu aguhaye ugomba kuzayamwishyura byitwa kuguza. Uhayeho undi amafaranga yitwa ugurije, naho ugomba kwishyura amafaranga yitwa ugujije.

## **IGICE A: INGUZANYO**

### **Ikibazo cya 1-4:**

Mubanza kubaza ibi bibazo bine bikurikira bisubizwa n' Nyiri urugo:

- Ikibazo cya 1: niba hari umuntu wo mu rugo wasabye inguzanyo akayibura mu mezi 12 ashize. Niba ari oya, umukarani wibarura ajya ku kibazo cya 3.
- Ikibazo cya 2: umukarani w'ibarura abaza nyiri urugo impamvu y'ingenzi yatumye bayimwima .
- Ikibazo cya 3: umukarani w'ibarura abaza niba hari umuntu wo mu rugo wari ufite umwenda w'amafaranga cyangwa se ikindi kintu ,yandike mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe. Niba ari oya umukarani akomeza ku Gice B.
- Ikibazo cya 4 cyagene kwandikwamo numero y'inguzanyo.

### **Ikibazo cya 5-12:**

Kuri buri nguzanyo yatswe cyangwa yishyurwe n'urugo, habazwa ibi bikurikira, hakurikijwe No ID y'inguzanyo (ku kibazo cya 4).

Ikibazo cya 5 kigamije kumenya Aho inguzanyo yavuye. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.

Ikibazo cya 6 kigamije kumenya uwahawe iyo nguzanyo mu rugo. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe numero ID iranga uwahawe inguzanyo nk'uko agaragara kuri lisiti y'abari mu rugo ku rupapuro ruzinze.

Ikibazo cya 7 kigamije kumenya uko inguzanyo yanganaga, hatabariwemo inyungu. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe amafaranga y'inguzanyo abwiwe hatabariwemo inyungu ku nguzanyo.

Ikibazo cya 8 kigamije kumenya uko amafaranga y'inyungu ku nguzanyo angana. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe amafaranga y'inyungu ku nguzanyo abwiwe.

Ikibazo cya 9 kigamije kumenya ikintu cy'ingenzi amafaranga y'inguzanyo yateganyirijwe gukora. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe. Ikibazo cya 10 kigamije kumenya ingwate yatanze kuri ayo mafaranga y'inguzanyo. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe.



**Icyitonderwa:**

Aho byagaragara ko hatanzwe ingwate y'ishyamba cyangwa se undi mutungo utimukanwa ubarizwa mu isambu bizashyirwa mu butaka kuko iyo batanga icyemezo cy'ubutaka n'ibirimo byose bifatwa muri iyo sambu.

Ikibazo cya 11 kigamije kumenya niba inguzanyo yarishyuwe yose cyangwa yarishyuwe igice. Umukarani w'ibarura yandika mu kazu kateganyijwe ikirango kijyanye n'igisubizo ahawe, niba igisubizo ari oya, umukarani w'ibarura akomeza kubaza ku nguzanyo ikurikira, niba nta yindi ihari akajya ku gice gikurikiraho.

Ikibazo cya 12 kigamije kumenya umwenda wose wishyuwe mu mezi 12 ashize (ubariyemo inyungu n'ibindi byose bitari amafaranga bijyanye no kwishyura iyo nguzanyo). Umukarani w'ibarura abaza igice cy'umwenda wose wishyuwe mu mezi 12 habariwemo inyungu n'ibindi byose bitari amafaranga bijyanye no kwishyura iyo nguzanyo, akawandika mu kazu kateganyijwe.

**Icyitonderwa:**

Mugomba kumenya neza niba inguzanyo z'urugo (ni ukuvuga imyenda yarwo) zivugwa hano. Mugomba gushyiramo kandi inguzanyo zavuzwe mu Gika cya 6 igice D mu kibazo cya 31 n'igika cya 7 igice C ikibazo cya 5.

**IGICE B: IBIKORESHO BIRAMBA**

Ikibazo biri muri iki gice bigamije kumenya ibikoresho biramba urugo rutunze, umubare wa byo n'agaciro ka byo.

**Ikibazo cya 2**

Kigamije kumenya umubare w'ibikoresho urugo rufite. Umukarani w'ibarura yandika umubare wa buri gikoresho mu kazu kateganyijwe, niba icyo gikoresho urugo rutagifite, umukarani yandika 0 akajya ku gikoresho gikurikira. Ibikoresho bifite ikirango 01 kugeza kuri 04 bihagararira kuri iki kibazo.

**Ikibazo cya 3**

Ikibazo cya 3 kigamije kumenya igihe urugo rwaboneye icyo gikoresho uhaye ku kirango cy'igikoresho 05. Niba ku bwoko bw'igikoresho urugo rutunze byinshi, umukarani w'ibarura yandika ibikoresho 3 biheruka kugurwa yuzuza ukwezi n'umwaka. Niba urugo rudafite ibikoresho 3 nk'uko biteganyijwe, yuzuza akurikije umubare wabyo ahasigaye akahuzuza akanyerezo.

**Ikibazo cya 4**

Iki kibazo kigamije kumenya umubare w'amafaranga urugo rwatanze kuri buri gikoresho. Niba ari impano, andika "0".

**Ikibazo cya 5**

Kigamije kumenya agaciro mu mafaranga igikoresho gifite kiramutse kigurishijwe.

**Icyitonderwa:**

Murebe niba agaciro baha igikoresho kukibazo cya 5 kataruta ako cyaguzwe kukibazo cya 4 mubaze impamvu.

**IGICE C: KUBITSA NO KUZIGAMA**

Iki gice kigamije kumenya niba abantu bitabira kubitsa no kuzigama muri banki cyangwa ibigo by'imari iciriritse. Ibimina (guterateranya amafaranga bakayaha umuntu umwe igihe runaka, ikindi gihe bakayaha undi bityo bityo) nabyo bibarwa nk'uburyo bwo kuzigama.

**Ikibazo cya 1:**

Kubaza niba hari abantu bo mu rugo bafite konti muri banki, mu bigo by'imari iciriritse cyangwa kuba mu bimina (ikibazo cya 1). Niba ari "Oya", ikiganiro kiraba kirangiye.

Niba ari "Yego", umukarani w'ibarura asabwe kubanza kugirana ikiganiro na nyiri urugo akamubwira abafite konti muri banki/ibigo by'imari iciriritse cyangwa abari mu bimina akabona kuzuza amakuru yahawe. Abaza umubare wa konti buri wese afite ahereye kuri nyiri urugo, hanyuma akazikurikiranya yubahiriza urutonde rw'abagize urugo.

**Urugero:** Niba nyiri urugo afite konti 2, andika NoID ye ku murongo wa mbere no kuwa kabiri wuzuze ya buri konti ku murongo wayo kugeza ku kibazo cya 7. Niba ari no mu bimina, andika NoID ye ku murongo wa gatatu maze wandikeho amakuru ajyanye n'ibyo bimina uhereye ku kibazo cya 8. Umuntu wa kabiri ufite konti yandikwa ku murongo wa kane.

**Ibibazo bya 2-7:**

Kuri buri ID No ya konti, mwandika No ID iranga nyiri konti (ikibazo cya 2), mukomeza mumubaza niba afite konti muri banki cyangwa se mu kindi kigo cy'imari (ikibazo cya 4). Niba ari "Oya", mujya ku kibazo cya 8, niba ari "Yego" murakomeza, mukabaza aho abitsa (ikibazo cya 5), umubare w'amafaranga ari kuri konti (ikibazo cya 6), ikigereranyo cy'amafaranga yabikije buri kwezi kuri icyo konti mu mezi 12 ashize (ikibazo cya 7). Mubaza umuntu ibyo bibazo kugeza kuri konti ye yanyuma, mukajya kuri ID No ya konti ikurikira kugirango asubize ibijyanye n'ibimina amaze gusubiza "Oya" ku kibazo cya 4.

**Ibibazo bya 8 - 10:**

Ku washubije "Oya" ku kibazo cya 4, mubaza niba hari ikimuna arimo (ikibazo cya 8). Niba ashubije "Oya", kujya ku muntu ukurikira. Niba ashubije "Yego", kumubaza umubare w'amafaranga yabonye avuye muri icyo kimuna mu mezi 12 abanziriza ikiganiro (ikibazo cya 9). Ku kibazo cya 10, mumubaza ikigereranyo cy'umubare w'amafaranga yatangaga muri icyo kimuna/ibimina buri kwezi mu mezi 12 ashize.

**UMWANZURO**

Igihe murangije ikiganiro, mwongere murebe ibika byose urugo rwabajijweho, mugende mureba kuri buri paji y'urutonde rw'ibibazwa. Niba hari ahatujwe hagombaga kuzuzwa, mubaze ibibazo bihareba cyangwa muhane gahunda n'abantu bashobora kubisubiza mbere yo kuva muri urwo rugo.

Ntimwibagirwe gushimira abo muri urwo rugo kuba barabibafashijemo neza.

IMIGEREKA

**AMWE MU MATEKA Y'URWANDA (1865-2012)**

**1865:** Rwabugiri yima ingoma

**1874:** Iboneka ry'icyezezi cy'umuriro, Rwakabyaza.

**1876:** - (9-10/3) Bwana Stanley arara ku Kirwa cy'Ihema.

- (13/3) Bwana Stanley agerageza kwinjira mu Gisaka, ingabo ze zikaneshwa maze agahita yisubirira ikaragwe

**1884:** Ubwirakabiri

**1889:** - Rwabugiri na Mwezi IV Gisabo w'U Burundi basinyira ko nta gihugu mu byabo byombi kizongera gutera ikindi (pacte de non-agression)

- Mibambwe IV Rutarindwa yimikwa i Ngeli.

**1890:** Inzara : "Muhatigicumuro" muri Butare (yari itaritwa Astrida).

**1891:** Igitero cyo ku Kidogoro: Muryamo n'ubushita.

**1892:** - U Rwanda rwongera gutera mu Nkole n'ineshwa ry'Umwami Ntare wa Nkole.

Ingaboz'u Rwanda zari ziyobowe n'umugaba wazo Nturo, uyu uzaba umutware wa Kabagari.

- Inka zanyazwe mu Ndorwa zikwirakwiza uburenge mu Rwanda.

**1893:** Umwaduko w'ubushita n'amavunja.

**1894:** - Abadage: Von Götzen, Von Prittwitz na Dr Kersting binjira mu Rwanda banyuze ku Rusumo, baturira i Rwamagana na Sharangabo umuhungu wa Rwabugiri.

- (25/9) : Abadage bakirwa na Rwabugiri i Kageyo mu Kingogo

- Igitero cyo mu Nkole kiyobowe na Nyamuhenda wa Kajeje. Ingabo z'u Rwanda zifata Mbarara zikayogoza na Nkole yose.

**1895:** - Igitero cya nyuma cyo mu Bushi (Bunyabungo) cyari kigamije guhana Rutaganda wari warigometse.

- Itanga rya Rwabugiri ageze ku Kivu. Umugogo (Umurambo) we bawugarura i Nyamasheke. Hashize iminsi itanu bawujyana i Rutare mu irimbi ry'Abami

**1896:** - Lieutenant Standart (Bwana Kabutura) yubaka ikigo cy'inkambi i Shanghi.

Ingabo z'umwami ziyobowe na shefu Bisangwa bya Rugombituri ziramutera ariko ziratsindwa bikomeye, Bisangwa nawe arahagwa. Nyuma y'iby'ubyumweru bikeya Bwana Kabutura ategukwa n'Abdage kuva i Shanghi.

- Ababiligi bakambika i Nyamasheke.

- (12/1896): Byacikiye ku Rucunshu. Igice cy'ingabo gishyigikiye Musinga kigizwe na Kabare, Ruhinankiko na Rutarindwa cyicira Rutarindwa n'abe ku Rucunshu ku musozi wa Rukaza mu Marangara, abantu benshi barahashirira.

1897/98:

- Musinga na nyina Kanjogera bashaka umurwa wo guturaho. Bahitamo Rwamiko (Marangara), hanyuma Runda no ku Kamonyi (Rukoma) hanyuma I Gitwiko no ku Mukingo (Nduga) n'I Bweramvura (Kabagari).
- Capitaine Von Bethe wari ushinze District ya UJJI (Buha, Rwanda, Burundi) asura I bwami I Gitwiko. Yari aherekejwe na Lieutenant Von Beringe na Oberlieutenant Von Grawert n'abasirikari benshi b'abirabura.

- Iyubakwa rya military Station I Bujumbura (Usumbura).

1899:

- Dr Richard Kandt (Bwana Kanayoge) agera I Shangi.
- Abapadiri ba mbere: Musenyeri Hirth, ba Padiri Brard na Barthelemy, na furere Anselme bagera I Bujumbura baherekejwe n’abaganda babafasha kwigisha gatisimu, bahageze Lieutenant Von Grawert abaha abantu bo kubatwaza imizigo n’abo kubaherekeza. Bagera I Shangi bahasanga bwana Kanayoge na Capitaine Von Bethe. Capitaine abaha ababaherekeza mu rugendo rwabo rugana I Nyanza.

1900:

- Abasoda b’ibihomora bitwa Abagufi bo mu ngabo za Dhanis banyura mu Rwanda kuva mu majyaruguru kugera mu majyepfo.
- (2/2): Musenyeri Hith asura Musinga I Nyanza.
- (8/2): Ishingwa rya misiyoni gatolika y’I save mu Bwanamukari.
- (1/11): Padri Balthelemy na Classe bashinga misiyoni ya Zaza mu Gisaka.

1901:

- Lieutenant Von Grawert (bwana Digidigi) afungira I Bujumbura uwitwa Rukura wari warigometse mu Gisaka.
- Ishingwa rya misiyoni ya Nyundo mu Bugoyi.
- Abarabu n’abahinde ba mbere bagera I Nyanza.
- Umutware Mpubika wo mu gisaka atumizwa I Nyanza maze yahagera agafungwa n’abagaragu be bari bamuherekeje barahashirira. Mburamatatare Von Beringe wa Bujumbura abimenye aca Musinga ihazabu y’inka 40. Ibyo bitangaza abantu cyane.

1902/1903:

- Inzara ya Ruyaga.
- Kabare ava mu Bugesera aho yari yaraciriwe muri 1897 akagaruka ku butegetsi I Nyanza amaze kwiganzura Ruhinankiko.
- Ishingwa rya za misiyoni ya Rwaza mu Mulera na Mibilizi mu Kinyaga.

1904/1905:

- Kabare anyaga ba Ruhinankiko na Kayijuka n’inshuti zabo.

1906:

- Uwahoze ari shefu Kayijuka bamutobora amaso I Nyanza ku itegeko ry’Umugabekazi Nyirayuhi Kanjogera.
- Ishingwa rya misiyoni gatolika ya Kabgayi mu Marangara.
- Ishingwa rya misiyoni y’abaporoso I Kilinda mu Nyantango.

1907/1908: Uburenge-Inzara “Kiramwaramwara” (Nyanza na Butare).

1908: Bwana Kanayoge ashinga umujyi wa Kigali mu Bwanacyambwe.

1909:

- Ishingwa rya misiyoni y’abaporoso I Rubengeru mu Bwishaza.
- Ishingwa rya misiyoni ya Rulindo mu Buliza.
- Ishingwa rya misiyoni ya Murunda mu Kanage.

- Impuha zivuga ko Nyiragahumuza, umugirwa wa Nyabingi ifite kamere mu Ndorwa, agiye guteza imvururu mu gihugu cyose acyangisha Musinga. Lieutenant Gudowius (bwana Lazima) arabihosha.

1910:

- Padri Paulini Loupias (Rugigana) yicwa na Rukara hafi y'I Rwaza.
- Iboneka ry'icyezezi cy'umuriro, Nyakotsi.
- Ishingwa rya misiyoni gatolika ya Nyaruhengeri (Kansi) mu Mvejuru.
- Inama yabereye I Bruxelles isubira mu mipaka hagati ya Kongo mbiligi, Uganda na Ruanda-Urundi yari igizwe n'u Budage, Ubwongereza n'Ububiligi. Niyo mipaka iriho na n'ubu yatumye u Rwanda rutakaza u Bufumbira bwigiriye kuri Uganda , Bwishya, Gishari n'ikirwa cy'Ijwi byigira kuri Congo mbiligi.

1911:

- Ubushita mu Gisaka.
- (Werurwe): Umutware w'icyamamare Kabare apfira I Nyanza.
- Irangira ry'umwivumbagatanyo wa Nyiragahumuza wahoze ari umugore wa Rwabugiri. Ingabo ziyobowe n'umugaba wazo Nturo zitsindira Abagande I Rutobo. Nyiragahumuza afatwa akazanwa I nyanza.
- Intambara mu mulera no mu buberuka: Bwana lazima n'umutware Rwubusisi barwanaga na Ndungutse washakaga Ingoma abeshya ko ari umuhungu wa Rwabugiri afatanyije na rukara (uyu wari warishe padri Loupias) n'umutwa Basebya. Ndungutse, agirango abadage batamumerera nabi, abaha rukara, nibwo bamwiciye mu ruhengeri. Bwana lazima na rwubusisi bakomeje kumugendaho nibwo ahungiyeye I bugande akahafungirwa. Basebya nawe agwa mu mutego yari yatezwe n'ingabo za rwubusisi.

1912: Pasitoro Roeseler ashingira Misiyoni y'abaporoso ya Remera muri Rukoma.

1913: Ishingwa rya misiyoni Gatolika ya Kigali mu Bwanacyambwe na rambura mu Bushiru.

1914: (Ukwakira): Abadage bafata ikirwa cy'ijwi.

1915: Ubutegetsi bw'abadage butegeka ka abapadiri b'Ababafaransa bava muri za misiyoni zo ku mipaka, bakaba mu zo mu gihugu hagati.

1916:

- Umwandiko w'Ababiligi.
- Ababiligi bambura abadage umujyi wa Kigali (Gicurasi)
- Abadage bategekwaga na capitaine Wintgens (bwana Tembasi) bava ku Gisenyi, banyura iya Nyanza bagana iya Bujumbura mbere yo guhunga bagana muri Tanganyika.
- Ubushita.

1917/1918: Inzara ya rumanura ("Rumanurimbaba")-Ishingwa rya Misiyoni ya Rwamagana mu Buganza(1917).

1918/1919: icyorezo cya Mugiga.

1918: Indwara ya grippe Gisore – Ubushita mu Bugoyi.

1919:

- Muyaga
- Abateke bivumbagatanyo
- Ishingwa rya misiyoni y'abadivantiste I gitwe mu kabagali.

1920:

- Ministry Frank asura u Rwanda agahurira na Musinga I Nyanza.
- icyorezo cya grippe Muyegu n'ubushita mu Kanage

1920/1921: Iragara.

1922:

- (22/3): I Gisaka gihabwa Abongereza.
- (31/12): I Gisaka kigarukira u Rwanda.

1924/1925: Inzara ya Gakwege ( muri Byumba yitwaga Ntunyanjweho).

1925:

- Igikomangoma Leopold kigera I Musaho (ku kibuye) kihakirirwa na rezida mortehan n'administrateur Montenez gisura misiyoni ya Rubengera iherutse gusubiranwa na pasitoro Durand, gihurira na Musinga I Nyabitare, bukaba bwari ubwa mbere Musinga ava mu murwa wa Nyanza. Igikomangoma Leopold (uyu uzaba Leopold III w'u Bubiligi) kijya I Kabgayi kihava cyambuka gisubira I musaho.
- Ishingwa rya church missionary society (CMS) I Gahini mu buganza.

1926: Rezida Mortehan avugurura ubutegetsi bw'u Rwanda agashyiraho umutegetsi umwe rukumbi

witwa umutware (chef de chefferie).

1928: Ndorwa yose ihaguruka igafasha Ndungutse wabeshyaga ko ari umuhungu wa Rutalindwa.

Intambara I kaniga mu ndorwa ya byumba hagati y'abasirikari b'ababiligi n'ingabo za Semaraso.

1928/1929: Inzara ya Rwakayihura yatangiriye mu bwatsi bwa Kayihura mu Rukiga.

1929:

- Umwami Mwambutsa IV w'u Burundi ahurira na Musinga Astrida
- Cyitabire akubitirwa n'inkuba Astrida.
- Ishingwa ry'ishuri bitaga "Shariti" I butare ari ryo rizahinduka Groupe scolaire y'I Butare.

1930:

- Yuhi Musinga yambuka Nyabarongo yitabye Mburamatara Postiau I Kigali. Bitangaza abantu cyane kuko cyaziraga ku bami b'izina rya Yuhi kwambuka imigezi ikikije umurwa wabo wa Nyanza.
- Ubuhinzi bw'ibirayi busakara mu Rwanda (bwari bwarageze muri Misiyoni ya Rwaza muri 1903).

1931:

- Inzige zitera zikamara imyaka.
- (16/11): Mutara III Rudahigwa asimburwa ku ngoma ise Yuhi IV Musinga wari umaze kwirukanwa n'ababiligi ku ngoma maze agacirirwa I kamembe no muri Congo mbiligi.

1932: Rudahigwa arongora Nyiramakomari.

1933:

- Urupfu rwa Nyirayuhi Kanjogera nyina wa Musinga (I Kamembe).
- Ubwa kabiri igikomangoma Leopold gisura u Rwanda, cyari giherekejwe n'igikomangomakazi Astrid.



1934:

- Muryamo mu nka zo mu Rwanda hose.
- Indege ya mbere igwa I Kanombe (Kigali).

1935/1936:

- Mugiga mu gihugu cyose.
- Seminari nkuru ya Nyakibanda mu Nyaruguru ifungurwa.

1936: Uburenge n'amashyamba mu Ruhengeri.

1939: Ishingwa rya kiliziya y'ababatista I Runyombyi mu Buyenzi.

1940: Intambara y'isi yose. Mu Rwanda Hitler bamwitaga HITIMANA naho abadage bakabita ABADAHA kubera ko ababiligi bari barabujije kuvuga ayo mazina.

1942:

- Umwami Mutara III Rudahigwa abatizwa akanasezerana na Rosaliya Gicanda mu Kiliziya I Nyanza.
- Ikiraro kuri Nyabarongo kigwa kuri km ya 13 uturutse I Kigali.

1943/1944:

- Ishingwa rya Kiliziya y'abamethodiste I Kibogora mu Cyesha.
- Inzara ikomeye mu Rwanda hose bitewe n'imvura yabuze. Iyo nzara henshi bayitaga RUZAGAYURA. Muri Byumba ikitwa MATEMANE. Bakayita GAHORU muri Gisenyi na Kibuye naho mu Ruhengeri bakayita RUDAKANGIMISHANANA.

1944:

- icyorezo cy'indwara y'inka muri Gisenyi na Cyangugu bitewe no gukoresha urukingo rubi.
- Imvura ihagije mu Rwanda hose.

1945: Urupfu rwa Musenyi Clasee (uyu wari warategetse kiliziya y'u Rwanda mu buryo bukarishye kuva muri 1922) I Bujumbura. Ubwo yasimbuwe na Musenyi Depromoz ku ntebe y'I kabgayi.

1945/1946: Ibihara na macinya muri Gisenyi no mu ruhengeri.

1946: Umwami Mutara III Rudahigwa yegurira u Rwanda Kristu-Umwami I Nyanza.

1948: Intumwa za ONU zisura u Rwanda bwa mbere.

1949: Urugendo rw'Umwami Rudahigwa mu bubiligi.

1950: (15/8): Yubile ya Kiliziya Gatolika y'imyaka 50.

1952: (1/6): Umusenyi wa mbere w'umwirabura muri Afrika mbiligi. Musenyi Aloys Bigirumwami ahabwa ubwepiskopi I Kabgayi akagabana Vikariyati ya Nyundo mu bugoyi.

1953: (1/2): Isubizwaho rya teritwari ya kibuye.

1954:

- Gucika kwa shefu Stefano Gitefano watwaraga u bwanacyambwe.
- (1/4): Iteka ry'umwami Mutara III Rudahigwa rica ubuhake mu Rwanda hose.

1955: (15/7): Umwami Baudouin I w'u Bubiligi agenderera ku mugaragaro u Rwanda bwa mbere.

1956:

- (25/3): Musenyeri Andrey Perraudin asimbura musenyeri deprimoz ku ntebe y'I Kabgayi.
- (30/9): Itora rya mbere ry'abjyanama b'imirenge.

1957:

- (Werurwe): "Mnifest des Bahutu".
- Yubile y'Umwami y'imyaka 25 amaze ku ngoma (I Nyanza).
- (3/10): Ifungurwa rya college ya Christ-Roi I Nyanza. Yari imaze umwaka itangiriye mu nyakibanda.

1958: Umwami Rudahigwa ajya I Bruxelles mu bubiligi mu imurika ry'ibintu by'isi yose.

1959:

- (25/7): Itanga ry'Umwami Mutara III Rudahigwa I Bujumbura.
- (28/7): Kigeli V Ndahindurwa asimbura umwami Rudahigwa ku Ngoma I Nyanza.
- (3/9): Ishingwa ry'ishyaka UNAR I Kigali, rihabwa François Rukeba kuriyobora.
- (14/9): Ishingwa ry'ishyaka RADER I Kigali, ryari riyobowe na Prosper Bwanakweli.
- (9/10): Ishingwa ry'ishyaka PARMEHUTU I Gitarama, ryari riyobowe na Gregoire Kayibanda.
- (1/11): Imyivumbagatanyo n'intambara z'amoko n'amashyaka mu Rwanda hose.

1960:

- (Werurwe): Intumwa za ONU mu Rwanda.
- (26/6): itorwa ry'abajyanama ba za komini nshya.
- (26/10): Ishyirwaho rya Leta ya mbere y'agateganyo.

(28/01):

- Coup d'Etat y'I Gitarama. Dominiko Mbonyumutwa aba Prezida.
- Ishingwa rya Diyoseze ya Ruhengeri iyobowe na musenyeri Manyurane Bernard.
- Ishingwa rya diyoseze gatolika ya Butare iyobowe na Musenyeri Gahamanyi Jean Baptiste.
- (25/9): Referendum-Kamarampaka. Kigali n'Ubwami bibura amajwi. Hajyaho ubutegetsi bushingiye kuri Repubulika.
- (26/10): Kayibanda Gregoire atorerwa kuba prezida wa republika n'inteko nkuru.
- (21/12): U Rwanda rubona ubwigenge bucagase (Autonomie interne).

1962:

- (01/07): U Rwanda rusubirana Independence yarwo.
- (Nyakanga-Kanama):
  - Astride yongera kuba Butare.
  - Nyanza ihinduka Nyabisindu.
  - Ishyirwaho rya Prefegitura ya Gikongoro.
  - Amakomini ava kuri 227 akagera kuri 141.

1963:

- (18/8): Itora rya mbere rya ba bourgumertre b'amakomini.
- (3/11): Ikingura rya universite y'u Rwanda I butare.
- (Ukubozza): Igitero gikomeye cy'inyenzi mu bugesera.

- 1965: (Nzeli): Itora ry'abadepite bwa mbere ku buryo butaziguye.
- 1966: Igitero cy'Inyenzi mu buyenzi (Kivu na Nshili).
- 1967: (Nzeli): Itorwa rya kabiri rya ba Bourgmestre.
- 1968: (5/9): Ishingwa rya diyoseze gatolika ya Kibungo iyobowe na Musenyari Sibomana .
- 1969:
- Intambara mu ntara ya cyangugu na Bukavu. Yari itewe n'abacanshuro ba Colonel Schrame muri Congo.
  - (Nzeli): Itora rya kabiri ry'abadepite.
- 1972/73: Imvururu n'ibindi bikorwa bibi mu gihugu cyose. Byatangiriye mu mashuri no mu biro kandi bishingiye ku moko. Byatumye habaho impunzi nyinshi zo mu bwoko bw'Abatutsi bahungiyeye mu bihugu duturanye.
- 1973: (5/7): Coup d'Etat ikozwe n'ingabo z'u Rwanda. General Major Juvenal habyarimana aba prezida wa republika. Itangira rya republika ya II.
- 1974: Umwaka w'ubuhinzi-Itangizwa ry'UMUGANDA bwa mbere.
- 1975: Umwaka wo kongera umusaruro. Ishyirwaho ry'umunsi w'Igiti.
- 1976: Umwaka wa Muvoma (Muvoma yari imaze kujyaho nk'ishyamba rimwe rukumbi).
- 1977: Umwaka wo gutura heza kandi neza.
- 1978:
- Umwaka w'ubworozi.
  - (16-31/8): Ibarurua rusange rya mbere ry'abaturage n'imiturire yabo.
  - (Ukubozza): Itorwa rya Juvenal Habyalimana ku buprezida bwa republika.
- 1979: Umwaka w'uburezi-Ivugurura (reform) rikomeye ry'amashuri abanza akamara imyaka 8; amashuri y'ingoboka na za CERAI ajyaho.
- 1980:
- Umwaka wo gufata neza ubutaka no kurwanya isuri.
  - icyorezo cy'amataragiti asebya Habyarimana na bamwe mu bategetsi be. Abantu benshi bagana za gereza abandi bacika mu gihugu.
- 1980/81: Kaminuza y'u Rwanda ikingura ikindi kigo (Campus) I Nyakinama mu Ruhengeri.
- 1981: (Ukubozza) : Itorwa ry'abadepite bwa mbere kuva muri 1969.
- 1982: Umwaka wo gufata neza ubutaka.
- 1983:
- Umwaka wo gutera amashyamba.
  - Amatora ya Prezida n'abadepite (Ukubozza).
- 1984: Umwaka wo kongera umusaruro w'ibihingwa ngandururugo.
- 1985:
- (26/12): Urupfu rw'Umunyamerikakazi Diane Fossey NYIRAMACIBIRI wari waritangiye ingagi zo mu birunga Karisimbi na Bisoke.
  - Amapfa mu majyepfo y'igihugu (Butare, Gikongoro); abantu benshi basuhukira mu Mayaga, mu Bugesera ndetse no muri Tanzaniya.
- 1986:
- Umwaka w'ubuhinzi n'ubworozi bwa kijyambere.
  - Umusaruro w'ibirayi uba mwinshi cyane mu Ruhengeri na Gisenyi maze ibiciro bikagwa ku buryo budasanzwe.

- (29-31/10): Prezida Yoweli Museveni wa Uganda asura u Rwanda bwa mbere ku mugaragaro.
  - Abaganga bo muri CHK I Kigali batangaza bwa mbere ibyerekeya indwara ya SIDA, bakanavugako hari n'abo imaze guhitana, Ministri Muganza arabibeshyuza.
- 1987: (1/7): Itahwa ry'uruganda rw'ibigori ku Mukamira (Nkuli-Ruhengeri).
- 1988:
- Musenyeri Tadeyo Nsengiyumva asimburira Musenyeri Andreya Perraudin ku ntebe y'I Kabgayi.
  - (Gicurasi): Imvura nyinshi mu gihugu n'inkangu mu Ruhengeri. Nibwo ijamba "kugendesha" ryadutse rivuzwe n'umugabo witwaga Gaspard AYURUVUGO.
  - (Kanama): Impunzi ibihumbi 58 zigera mu Rwanda kubera imirwano yo muri Ntega na Marangara mu Burundi.
  - (Ukubozza): Itorwa rya nyuma rya Prezida wa Republika n'iry'ababwirakomeye ba Republika ya II.
- 1989: (Kanama): Ivanwaho n'icyo bitaga "Animasiyo" hamwe n'umugabo w'abagore cyangwa w'agahato.
- 1990:
- (Kanama): Muvoma (MRND) itekereza kwivugurura hakajyaho "MRND nouvelle formule".
  - (Ukwakira): Igitero cy'ingabo za FPR-Inkotanyi. Cyari giturutse muri Uganda maze intabara muri Byumba n'igice cya Kibungo iba yose.
  - (Ukwakira): General-Major Fred Gisa Rwigema, umugabo mukuru w'Inkotanyi ahura n'urupfu ku rugamba. Byabereye mu Mutara.
- 1991:
- Prezida Habyarimana Juvenal yemera amashyamba menshi mu Rwanda.
  - (16-31/8): Ibarura rusange rya kabiri ry'Abaturarwanda n'Imiyurire yabo mu Rwanda.
- 1992: (Mata): Guverinoma ihuriweho n'amashyamba menshi ijyaho. Yari iyobowe na Dr Nsengiyaremye Dismas wo mu ishyamba rya MDR.
- 1993:
- Intabara irakomeza hagati mu gihugu cyane cyane muri Ruhengeri na Byumba.
  - Ishyirwaho ry'abaturarwanda iyobowe na madamu Uwilingiyimana Agathe wo mu ishyamba rya MDR.
  - Amasezerano ya Arusha hagati ya guverinoma n'umutwe FPR-Inkotanyi.
- 1994:
- (6/4/1994): Ihanurwa ry'indege yari itwaye prezida Habyarimana maze akayigwamo n'abandi bategutsi.
  - Genocide yakorewe abatutsi hose mu gihugu.
  - (4/7/1994): Ibohorwa ry'umurwa mukuru (Kigali) n'ingabo za FPR-Inkotanyi.
  - (19/7/1994): Ishyirwaho ku mugaragaro rya guverinoma y'ubumwe bw'abanyarwanda iyobowe na bwana Fawusitini Twagiramungu. Naho prezida wa republika aba Pasteri Bizimungu, Vice-Prezida: Paulo Kagame.
- 1995: Ishyirwaho rya Guverinoma iyobowe na Ministiri w'intebe Rwigema Petero Selestini.
- 1996: (Ugushyingo): Itahuka ry'impunzi zo muri 1994.

2000:

- (23/3): Kwegura kwa Prezida wa Republika Pasteri Bizimungu.
- (22/4): Irahira rya Prezida wa Republika General Major Paul Kagame.

2001: Amakomini 141 ahinduka uturere 106

2002: (16-30/8): Ibarura Rusange rya Gatatu ry' Abaturage n' imiturire yabo mu Rwanda.

2003 :(kamenya) : Amatora y' itegeko nshinga

(Kanyama) : Amatora ya Perezida wa Repubulika

(Nzeri) : Amatora y' abadepite n' abasenateri

